



VOL. 66 | N° 02 | 2025
ISABUKURU Y'IMYAKA IJANA

Imyaka
100
y'IVUGURURA

INTEGUZA *y'ubugorazi*

Kongererwa imbaraga n'Imana Ubuheruka

Imvura y'Itumba n'Irangira ry'Umurimo w'Imana



Icyumweru cyo Gusenga, 11 - 20 Nyakanga 2025



Ibishyirwa mu Mwanya wa Mbere

Hariho ibihe mu buzima; aho duhura n'ikibazo gikeneye kwitabwaho byihutirwa. Mu masaha aheruka mbere yuko Abisirayeli bava muri Egiptura, igihe cyari kigufi. Bahawe amabwiriza n'Imana arebana n'ifunguro rya Pasika: "Uku abe ari ko muzazirya: muzazirye mukenyeye, mukwese inkweto, mwitwaje inkoni, muzazirye vuba vuba. Iyo ni yo Pasika y'Uwiteka." (Kuva 12:11).

Nta gihe cyo gutegereza cyari gihari, nta binezeza byo kuruhuka mu bwisanzure umuntu atambaye inkweto, ndetse nta n'umwanya bagize wo gushyira hasi inkoni. Abantu bagombaga gusangira iryo funguro ry'ikigereranyo hutihuti. Kubera iki?

Imana yarasobanuye iti: "Kuko muri iryo joro nzanyura mu gihugu cya Egiptura nkica abana b'imfura bose bo mu gihugu cya Egiptura, imfura z'abantu n'uburiza bw'amatungo. N'imana z'Abanyegiputa zose nzasohozza amateka nziciriye ho. Ndi Uwiteka. Ayo maraso azababere ikimenyetso ku mazu murimo, **nanjye ubwo nzabona ayo maraso nzabanyuraho**, nta cyago kizababaho ngo kibarimbure, ubwo nzatera igihugu cya Egiptura." (Kuva 12:12,13).

Cyari ikibazo cyerekeye ubugingo n'urupfu. Bagombaga gushyira igihe cyabo mu mwanya wa mbere bakurikije amabwiriza y'Imana.

Mbese ntubona ko natwe turi mu mimerere nk'iyabo muri iki gihe? "Dore umwijima w'icuraburindi uzatwikira isi, umwijima w'icuraburindi uzatwikira amahanga." (Yesaya 60:2). Mbese muri iki gihe ntubona umwijima w'icuraburindi mu mbaga y'abantu bari mu rujijo rwa Babuloni? "Iraguye iraguye, Babuloni ikomeye! Ihindutse icumbi ry'abadayimoni, aharindirwa imyuka mibi yose n'ibisiga byose bihumanye kandi byangwa. Kuko amahanga yose yanyoye inzoga ari zo ruba ry'ubusambanyi by'uwo mudugudu, kandi abami bo mu isi basambanaga na wo, abatunzi bo mu isi bagatungishwa n'ubwinshi bw'ubutunzi bwawo no kudamarara." Numva irindi jwi rivugira mu ijuru riti **"Bwoko bwanjye, nimuwusohokemo kugira ngo mwe gufatanywe n'ibyaha byawo, mwe guhabwa no ku byago byawo. Kuko ibyaha byawo byarundaniye bikagera mu ijuru, kandi Imana yibutse gukiranirwa kwawo."** (Ibyahishuwe 18:2 – 5).

Na none, icyo ni ikibazo cy'ubugingo cyangwa urupfu. Abami n'abacuruzi bayobora umuryango mugari w'abantu, bari mu mutego wo kugirana umushyikirano utemewe n'amategeko n'abantu baturaga urujijo rwa Babuloni rugumaho. Ni gute twakwirinda uwo mutego burundu? Ni gute dushobora gufasha abandi bakawukurwamo?

Ubu ngubu tumaze imyaka 100 turiho. Icyo dushimira Imana, ni uko hari byinshi twagezeho kubw'ubuntu Bwayo. Ariko kandi hari byinshi cyane bitaragerwaho. Bityo rero, igihe ni gito rwose.

"Umurimo itorero ritashoboye gukora mu gihe cy'amahoro no kugubwa neza, rizagomba kuwukora mu gihe giteye ubwoba no mu bihe by'urucantege no kubuzwa amahwemo. Imiburo yacecekeshejwe ndetse ikaburizwamo no kwihuza n'ab'isi izatangwa mu gihe cyo kurwanywa bikomeye n'abandi bo kwizera."¹

Nibyo, dukeneye kwihuta. Tugomba "gucunguza uburyo umwete kuko iminsi ari mibi" (Abefeso 5:16). Gusukwa k'Umwuka Wera mu buryo bwuzuye kwakorerewe cyane, icyakora ntibyatwete n'uburungane bw'Imana yacu itunganywe; ahubwo byatwete n'uko twewe tutigeze tugira inzara n'inyota byo guhabwa Umwuka – kandi koko ntawho tumwiteguye mu buryo bwuzuye binyuze mu buntu Bwe.

"Mbese twaba turi gukingurira Yesu urugi rw'umutima, maze tugafunga inzira zose Satani ashobora kwinjiriramo? Mbese buri muni twakira umucyo mwinshi kurushaho n'imbaraga nyinshi kurushaho, kugirango dushobore guhagarara mu gukiranuka kwa Kristo? Mbese twaba turimo dukura mu mitima yacu ukwikanyiza kose, kandi tukayiboneza, twitegura kwakira imvura y'itumba ivuye mu ijuru?"²

Kristo yaduciriye inzira binyuze mu kubambwa Kwe, kuzuka Kwe, no kuzamurwa mu ijuru Kwe. Muri iki gihe dukeneye Umwuka Wera kuruta ikindi gihe cyose cyatambutse. Gusengana umwete tumusaba, nibyo bikwiriyeye kuza ku mwanya wa mbere.

¹Ibihamya by'Itorero, vol 5, p.463.

²Historical Sketches, p.155.



Icapiro ry'Itorero ry'Abadiventisti b'Umunsi wa Karindwi

Bavugurura

"Icyo isi ikeneye cyane kurusha ibindi byose ni abantu batagurwa cyangwa ngo bagurishwe" – Uburezi, p.57.

Umwanditsi Mukuru
Umwanditsi Wungirije
Ushinzwe Ubugenzi no
Gutunganya Igitego

L.Tudoroiu
B. Montrose
E. Lee

INTEGUZA Y'UBUGOROZI (ISSN 0482-0843) ifite imiterere

y'ibinyamakuru, ikavuka ku nyigisho ya Bibiliya izakungahaza imibereho y'iby'umwuka y'abashaka kumenya Imana biruseho. Icapwa buri meze abiri n'Inteko Nkuru Rusange y'Abadiventisti b'Umunsi wa Karindwi Bavugurura, Agasanduku k'iposita 7240 Roanoke, VA 24019 – 0240, USA.

Bicapwa kandi Bigakwirakwizwa n'Icapiro ry'Integuza y'Ubugorizi. Ushaka gutera inkunga no gufasha uyu murimo wakwifashisha imyirondoro ikurikira: Periodical postage paid at

Subscription rates:

United States: \$18.00; Foreign countries: \$16.00 plus shipping;

Single issue: \$4.00 plus shipping

www.subscriptions.reformationherald.com

POSTMASTER: Send address changes to The Reformation Herald,

Kongererwa imbaraga n'Imana Ubuheruka

Iyo ikintu gishimangiwe [kikongererwa imbaraga], kirushaho gukomezwa kugirango kitamenagurika mu gihe bitagenze gutyo ubundi mu busanzwe cyakwangizwa n'igitutu gikomeye cyane.

Kuri twe bimeze bite? Mbese wumva ufite imbaraga zidasanzwe haba mu buryo bw'umubiri, mu bwenge, no mu by'umwuka? Muri iki gihe cy'amateka kirangwamo akaga, abizera bose bagomba kwiyumvisha intege nke zacu n'aho ubushobozi bwacu bugarukira, kandi bakamenya ko dukeneye cyane Imana ishoborabyose.

Imana mu mbabazi Zayo izi byinshi byatuma twungukirwa biturutse mu burinzi bw'inyongera twahabwa ubu, bityo muri uyu mwaka wo kwizihiza isabukuru y'imyaka 100 habayeho Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi Bavugurura; tuzi ko dukeneye kongererwa imbaraga n'Imana ubuheruka kugirango turangize umurimo wahawe indahemuka muri iyi minsi y'imperuka.

Mu gihe duteraniye hamwe twicishije bugufi kugirango twifatanye muri iki Cyumweru Cyihariye cyo Gusenga, tugomba gusenga dushyizeho umwete dusaba gusukirwa Umwuka Wera mu buryo bwuzuye. Iri "hembura" ni ukongererwa imbaraga yasezeranywe mu buryo bw'igitangaza iturutse mu Ijuru, kandi igomba gutangwa mu buryo burangwamo ineza kandi bworoheje.

Ibyigisho byo muri iki Cyumweru Cyihariye cyo Gusenga bigaragaza iyo mimerere hamwe n'imigisha myinshi umuntu ashobora kubona binyuze mu kwakira Umwuka Wera mu mbaraga y'imvura y'itumba.

Uko tuzagenda twiga ibyo byigisho bifite insanganyamatsiko ivuga ngo 'Kongererwa Imbaraga n'Imana Ubuheruka' dufite intego yo kubahiriza by'ukuri ibyo bisabwa, tukaba twiteguye kwakira iryo sukwa [ry'Umwuka Wera]; ni nako ukwizera kwacu kuzagororerwa mu buryo bukomereye cyane. Nimutyo kandi dushishikarire kugeza ku bandi imigisha ikungahaye iboneka muri ibyo byigisho twiga; bashobora kuba bari bonyine cyangwa baheze mu rugo.

Uwiteka abagirire ubuntu; asubize ibyifuzo byose bivuye ku mutima by'abantu bose bashishikariye gushaka uku kongererwa imbaraga no guhabwa Umwuka Wera mu mbaraga y'imvura y'itumba muri iki Cyumweru Cyihariye cyo Gusenga.

Ibirimo:

1	Amavuta ahora asukwa	4	2	Inuma yo mu Ijuru	9	3	Inzabya zirimo Ubusa	13
4	Uburyo bwo Gutegura Amafunguro	17	5	Gukurwa mu Bigera-gezo Bikaze	22	6	Imbaraga ziri mu kunga Ubumwe	28
7	Kunesha no Gukomeza Kunesha	34						



1 Amavuta ahora asukwa

Kuwa Gatandatu, 11 Nyakanga 2025

Byasonzoranyijwe bikuwe mu Nyandiko za Ellen G. White

ISABUKURU Y'IMYAKA IJANA



"Icyo gihe ubwami bwo mu ijuru buzagereranywa n'abakobwa cumi bajyanye amatabaza yabo, bajya gusanganira umukwe. Ariko muri abo cumi, abatanu bari abapfu, abandi batanu bari abanyabwenge. Abapfu bajyanye amatabaza yabo ntibajyana n'amavuta, ariko abanyabwenge bo bajyana amavuta mu mperezo zabo hamwe n'amatabaza yabo. Umukwe atinze bose barahunikira, barasinzira. 'Ariko nijoro mu gicuku habaho urusaku ngo 'Umukwe araje, nimusohoke mumusanganire!' Maze ba bakobwa bose barahaguruka baboneza amatabaza yabo. Abapfu babwira abanyabwenge bati 'Nimuduhe ku mavuta yanyu, kuko amatabaza yacu azima.' Ariko abanyabwenge barabahakanira bati 'Oya, ntiyadukwira twese, ahubwo nimujye mu bahanjuzi muyigurire.' Bagiyeye kugura, umukwe araza, abari biteguye binjirana na we mu bukwe, urugi rurakingwa. 'Hanyuma ba bakobwa bandi na bo baraza, barahamagara bati 'Nyakubahwa, dukingurire.' Na we arabasubiza ati 'Ndababwira ukuri yuko ntabazi.' 'Nuko mube maso, kuko mutazi umunsi cyangwa igihe' (Matayo 25:1 – 13).

Amavuta y'izahabu

"Muhore mukenyeye kandi amatabaza yanyu yake, mumere nk'abantu bategereza shebuja aho agarukira ava mu bukwe, kugirango ubwo azaza nakomanga bamukingurire vuba. Hahirwa abagaragu shebuja azaza agasanga bari maso. Ndababwira ukuri yuko azakenyera, akabicaza akabahereza. Naza mu gicuku cyangwa mu nkoko agasanga bameze batyo, bazaba bahirwa... Namwe muhore mwiteguye, kuko Umwana w'umuntu azaza mu gihe mudatekereza."

Aha ngaha duhabwa umuburo wo kutagomwa imitima yacu ngo tuyime amahirwe Uwiteka yatanze, kugirango tube abatunzi mu byo kwizera kandi tube n'abaragwa nk'uko byasezeranywe.

Tugomba gukomeza kuba maso mu gihe dutegereje ukugaruka k'Umwami. Ibimenyetso bya mbere bigaragaza ko umuntu asinziriye mu buryo bw'umwuka bigomba kurwanywa mu buryo bukomeye. Imbaraga zibanza zitwerekeza ku bunebwe bw'iby'umwuka zigomba kurwanywa cyane. Intumwa Petero yatanze inama igira iti: "Mwirinde ibisindisha, mube maso." Buri gihe kigomba gukoreshwa mu budahemuka. "Uwihangana akageza imperuka, niwe uzakizwa." Tubwirwa gukorera agakiza kacu, kandi uburyo tugomba kugakorera bugaragazwa muri aya magambo ngo: "Kuko Imana ariyo ibatera gukunda no gukora ibyo yishimira."

Abashaka kwitegura gusanganira Umwami wabo bagomba guhora buzura amatabaza yabo amavuta y'ubuntu. Kwirengagiza ibi ngibi nibyo byatumye abakobwa b'abapfu batandukana n'abakobwa b'abanyabwenge. Bari bafite amatabaza, ariko ntibari bafite amavuta; imico yabo ntiyashoboye gutsinda ikigeragezo. Abakobwa b'abanyabwenge ntibari abahanga mu kumenya ukuri gusa, ahubwo kubw'ubuntu bwa Kristo; ukwizera kwabo, kwihangana kwabo, n'urukundo rwabo, byakomezaga kwiyongera. Amatabaza yabo yongeraga kuzuzwa n'uko bari bafitanye umushyikirano na Mucyo w'isi. Mu gihe abakobwa b'abapfu babyukaga bagasanga amatabaza yabo yazimye, cyangwa bakagendera mu mwijima, abakobwa b'abanyabwenge bo binjiye mu nzu y'ibirori amatabaza yabo yaka cyane, maze inzugi zirafungwa.

★ **Abashaka kwitegura gusanganira Umwami wabo bagomba guhora buzura amatabaza yabo amavuta y'ubuntu.**

Amavuta abakobwa b'abanyabwenge bujije mu matabaza yabo agereranya Umwuka Wera. Zekariya yaranditse ati: "Marayika twavuganaga agaruka aho ndi, arankangura nk'uko umuntu akangurwa akava mu bitotsi, arambaza ati "Ubonye iki?" Ndamusubiza nti: Ndarebye mbona igitereko cy'itabaza cy'izahabu cyose, kandi mbonye n'urwabya rwacyo ruteretse hejuru yacyo, mbona n'amatabaza arindwi yo kuri cyo. Kandi ayo matabaza ari hejuru yacyo yose, itabaza ryose ryari rifite imiheha irindwi. Kandi impande zombi hari imyelayo ibiri, umwe wari iburyo bw'urwabya, undi wari ibumoso bwawo. ... Ndongera ndamubaza nti "Iriya myelayo uko ari ibiri, umwe uri iburyo bw'igitereko cy'amatabaza, undi ukaba ibumoso bwacyo isobanurwa ite?" Nongera kumubaza ubwa kabiri nti "Ariya mashami y'imyelayo abiri, ari impande zombi z'imibirikira y'izahabu uko ari ibiri, akikamuramo amavuta asa n'izahabu asobanurwa ate?" Arambaza ati "Ariya ntuzi uko asobanurwa?" Ndamusubiza nti "Oya nyagasani." Arambwira ati "Ariya mashami ni ba bantu babiri bejeshejwe amavuta, bahora bahagaze imbere y'Umwami w'isi yose."

Binyuze mu biremwa byera bizengurutse intebe ye y'ubwami, Uwituka ahora ashidikirana n'abatuye isi. Amavuta y'izahabu agereranya ubuntu Imana ikoresha kugirango amatabaza y'abizera akomeze kwaka. Iyo ayo mavuta adasukwa avuye mu ijuru mu butumwa bw'Umwuka w'Imana, abakozi b'umubi bari gutegeka abantu mu buryo bwuzuye. Imana irasuzugurwa mu gihe

tutakiriye itumanaho itwoherereza. Bityo twanga amavuta y'izahabu yashakaga gusuka mu mitima yacu kugirango abwirwe abakiri mu mwijima. Igihe hazabaho guhamagarwa ngo: "Umukwe araje, nimusohoke mumusanganire", abantu batigeze bakira amavuta yera, batigeze bimenyereza kugira ubuntu bwa Kristo mu mitima yabo, bazasanga bameze nk'abakobwa b'abapfu, ku buryo bazaba batiteguye gusanganira Umwami wabo. Bo ubwabo nta bushobozi bifitemo bwo kugira ayo mavuta ndetse n'ubugingo bwabo burarimbutse. Ariko Umwuka w'Imana naramuka asabwe, nidusaba nka Mose duti: "nyereka ubwiza bwawe", urukundo rw'Imana ruzasukwa mu mitima yacu. Tuzahabwa amavuta y'izahabu.¹

Ugusukwa kw'amavuta

Ubwoko bw'Imana bugomba kuba umuyoboro ukoreshwa n'imbaraga ziruta izindi zose mu ijuru no mu isi. Mu iyerekwa rya Zekariya, ibiti bibiri by'imyelayo bihagaze imbere y'Imana bigereranywa n'ibisuka amavuta y'izahabu akanyuzwa mu miyoboro y'izahabu, akajya mu rwabya rwo mu buturo bwera. Ayo mavuta niyo atuma amatabaza yo mu buturo bwera yaka, kugirango ahore amurika kandi atange umucyo. Kubw'ibyo; umucyo w'Imana, urukundo Rwayo, n'imbaraga Zayo, bituruka ku basizwe bahagaze imbere y'Imana, bigahabwa ubwoko Bwayo, kugirango na bo bashobore kugeza ku bandi umucyo, umunezero, n'ihembura. Bagomba kuba imiyoboro abakozi b'Imana bakoresha kugirango bageze ku b'isi urukundo rw'Imana.

Kuki utahitamo umuntu umwe wo gusengera muri iki Cyumweru cyo Gusenga? Reka uwo muntu amenye ko uzamurengera, kandi wibuke kubikora. Muri iki Cyumweru cyo Gusenga nzasengera

Gusubiza amaso inyuma no Kurabagirana

Kuvugurura bikubiyemo ibikorwa! Nimureke turabagirane ibikorwa bya Kristo binyuze mu bikorwa bituranga:

Umugambi Imana ishaka gusohoreza mu bwoko Bwayo bwo muri iki gihe uhwanywe n'uwu yifuje gusohoreza mu Bisirayeli igihe yabavanaga muri Egipta. Ab'isi bashobora kubona imico y'Imana kubwo kwitegereza ubugiraneza, imbabazi, ubutabera, n'urukundo by'Imana bigaragarira mu itorero. Bityo amategeko y'Imana nagaragarira mu mibereho, n'ab'isi bazamenya ko abakunda Imana, bakayubaha, kandi bakayikorera baruta abandi bantu abo ari bo bose bari ku isi. **Uwiteka areba buri wese mu bagize ubwoko Bwe; afite imigambi kuri buri muntu wese.**²

Umucyo wakwiriye isi yose

Ubutumwa bw'ibyiringiro n'imbabazi bugomba kujyanwa ku mpera z'isi. Umuntu wese ubishaka, ashobora gushyikira kandi akagundira imbaraga z'Imana, akabana na Yo amahoro, kandi azagira amahoro. Abapagani ntibazongera kuba mu mwijima w'icuraburindi. Umwijima uzatamururwa n'imirasire y'umucyo wa Zuba ryo Gukiranuka. Imbaraga z'ikuzimu zaratsinzwe.

Ariko kandi, nta muntu ushobora gutanga icyo na we ubwe adafite. Mu murimo w'Imana nta kintu na kimwe abantu bashobora gutangiza. Nta muntu ushobora kwihindura umutwaramucyo w'Imana akoresheje umuhati we bwite. Ni amavuta y'izahabu intumwa zo mu ijuru zisuka mu miyoboro y'izahabu; kugirango akurwe mu rwabya rw'izahabu ashirwe mu matabaza yo mu buturo bwera, bityo ahore amurika kandi atange umucyo. Urukundo Imana ikunda umuntu nirwo rumushoboza gutanga umucyo. Amavuta y'izahabu atemba nta nkomyi, mu mitima y'abantu bose bunze ubumwe n'Imana kubwo kwizera, kugirango bongere kumurikira mu mirimo myiza, mu murimo nyakuri kandi uvuye ku mutima bakorera Imana.

Mu mpano ikomeye kandi itagerwa y'Umwuka Wera hakubiyemo ubutunzi bwose bw'ijuru. Si ukubera ko hari icyo Imana ikumira kugirango ubutunzi bw'ubuntu Bwayo butagera ku bantu. Abantu bose baramutse bagize ubushake bwo kwakira [ubwo buntu], bose bakuzuzwa Umwuka w'Imana.

Umuntu wese afite amahirwe yo kuba umuyoboro muzima Imana ishobora gucishamo ubutunzi bw'ubuntu Bwayo ikabugeza ku batuye isi, aribwo butunzi butarondoreka bwa Kristo. Nta kintu Kristo yifuza cyane nk'abantu bazagaragariza abatuye isi Umwuka We n'imico Ye. Nta kintu isi ikeneye cyane nko kugaragazwa k'urukundo rw'Umukiza rugaragarijwe mu muntu. Ijuru ryose ritegereje imiyoboro ishobora gucishwamo amavuta yera kugiramo abere imitima y'abantu ibyishimo

n'umugisha.³

Buri wese ni igikoresho

Nyamara keretse gusa abagize Itorero ry'Imana muri iki gihe nibagirana umushyikirano muzima na Soko yo gukura mu by'umwuka, naho ubundi ntibazaba biteguye igihe cy'isarura. Keretse gusa nibakomeza kuboneza amatabaza yabo kandi akagumya kwaka, nibitaba bityo ntibazongererwa ubuntu mu gihe bazaba babukeneye mu buryo budasanzwe.

Abahora bakira ubwo buntu nibo gusa bazahabwa imbaraga ihwanywe n'ubukene bwabo bwa buri munsu kandi bahabwe n'ubushobozi bwo kuyikoresha. Aho kugira ngo bategereze igihe kizaza ubwo binyuze mu mpano y'umwihariko y'Umwuka bazahabwa ubushobozi butangaje bwo gukiza imitima, bahora biyegurira Imana buri munsu kugira ngo ibahindure ibikoresho

Byayo bikwiriye. Bahamya Umwami wabo buri munsu n'aho baba bari hose, haba ahantu hacishije bugufi bakorera mu miryango cyangwa mu ruhamwe....

Ku mukozi werejwe umurimo w'Imana, hari uguhumurizwa gutangaje kuri mu kumenya ko na Kristo mu buzima Bwe hano ku isi yasabaga Se buri munsu kugira ngo amwongere ku buntu akeneye. Yavaga muri uko gusabana n'Imana aya gukomeza abandi no kubahesha umugisha. Itegereze Umwana w'Imana yicishije bugufi asenga asaba Se! ariko **ku bantu biyeguriye umurimo we burundu abasezeranira ubufasha mvajuru. Urugero Rwe bwite ni icyemezo cyerekana ko gusaba Imana bivuye ku mutima, udacogora mu kwizera; kwa kwizera kuyobora umuntu ku kugengwa n'Imana burundu ndetse no kwirundurira mu murimo Wayo; bizazanira abantu ubufasha bw'Umwuka Wera mu rugamba barwanya icyaha.**⁴

Igihari ubu ngubu

Ubutunzi bwose bw'ijuru butegereje ko tubusaba maze ngo tubuhabwe; kandi uko duhawe umugisha, niko natwe tugomba kuwutanga. Uko niko amatabaza yera asukwamo [ibituma amurika], maze itorero rikaba umutwaramucyo mu isi.

Uwo niwo murimo Uwiteka yifuza ko buri muntu wese ategurirwa gukora muri iki gihe, mu gihe abamarayika bane bagifashe imiyaga ine, kugirango itarekurwa kugeza igihe abagaragaye b'Imana bamariye gushyirwaho ikimenyetso mu ruhanga rwabo. Iki si igihe cyo kwishakira ibinezeza. Amatabaza y'umutima akwiriye kugabanyirizwa urumuri. Agomba gushyirwamo amavuta y'ubuntu.

Hagomba gufatwa ingamba zose zishoboka kugirango hirindwe gucika intege

Umuntu wese afite amahirwe yo kuba umuyoboro muzima Imana ishobora gucishamo ubutunzi bw'ubuntu Bwayo ikabugeza ku batuye isi, aribwo butunzi butarondoreka bwa Kristo.



mu by'umwuka, naho ubundi bitagenze bityo umunsi ukomeye w'Uwiteka wazadutungura nk'umujura wa nijoro. Ubu noneho, buri muhamya w'Imana agomba gukorana ubwenge akurikije uburyo Imana yashyizeho. Buri muni tugomba kugira ubunararibonye buzima kandi bwimbitse mu murimo wo kuboneza imico ya Gikristo. **Tugomba guhabwa amavuta yera buri muni kugirango tuyageze no ku bandi. Bose bashobora kuba abatwaramucyo, bakawugeza ku b'isi niba babishaka. Muri Yesu, tugomba kureka kwirebaho ubwacu. Tugomba kwakirira ijambo ry'Uwiteka mu nama no mu nyigisho, kandi tukaribwira abandi tunezerewe.** Ubu hakenewe amasengesho menshi. Kristo aratega ati: "Musenge ubudasiba", ni ukuvuga ko umutima wanyu ukwiriye kwerekezwa ku Mana, Yo soko y'imbaraga zose n'ubushobozi bwose.

Dushobora kuba tumaze igihe kirekire tugendera mu nzira ifunganye, ariko nta mutekano uri mu gufata ibyo nk'ikimenyetso cy'uko tuzayigenderamo kugeza ku mperuka. Niba twaragendanaga n'Imana mu gusabana n'Umwuka, biterwa n'uko tuyishakisha buri muni kubwo kwizera. Amavuta y'izahabu ava mu biti bibiri by'imyelayo, agatamba anyura mu mibirikira y'izahabu, niyo twamenyeshejwe. Ariko abantu batimenyereza kugira umwuka wo gusenga, ngo bibe akamenyero; ntibashobora kwitega guhabwa amavuta y'izahabu yo kugira neza, kwihangana, ubugwaneza, n'urukundo.

Buri wese agomba kwitandukanya n'isi yuzuye gukiranirwa. Ntitugomba kugendana n'Imana mu gihe runaka gusa, noneho tugatandukana na Yo, maze tukagenda mu mucyo twicaniye ubwacu. Hakwiriye kubaho gukomeza gushikama no kwihangana mu bikorwa byo kwizera....

Igihe turimo ubu, ni igihe cyo gutangwa k'Umwuka Wera agahabwa abamushabaye. Nimushabaye umugisha We. Igihe kirageze kugirango turushaho kugaragaza ko twiyeguriye Imana. Twebweho twashinzwe umurimo utoroshye, ariko ushimishije, kandi ufite ubwiza bwo guhishurira Kristo abari mu mwijima. Turahamagarirwa kwamamaza ukuri kudasanzwe kugenewe iki gihe. Kugirango ibyo byose bishoboke, ni ngombwa ko Umwuka Wera asukirwa abantu. Tugomba gusenga tumushabaye. Uwiteka ategereje ko tumushabaye. Uwo murimo ntabwo twawukoranye umutima wacu wose.⁵

Mbese ndi kuba inkomyi yo gusukwa [k'Umwuka Wera]?

Ntabwo Umwuka Wera azigera asukwa igihe cyose hakiraho amakimbarane no gusharirirana hagati y'umwizera n'undi mu bagize itorero. Igomwa, ishyari, kunegurana, no kuvuga amagambo mabi ni ibya Satani, kandi byitambika mu nzira rwose bikabuzwa Umwuka Wera kugira icyo akora. Nta kindi kintu muri iyi si Imana ikunda cyane nk'itorero Ryayo. Nta kintu irinda icyitayeho kandi igafuhira nkaryo. Nta kintu na kimwe gitukisha Imana nk'igikorwa cyangiriza imbaraga ihindura y'abari gukora umurimo Wayo. Abantu bose bafasha Satani mu murimo we wo kujōra no guca intege, Imana izabibabaza.

Abantu batagira impuhwe, ubugwaneza n'urukundo, ntibashobora gukora umurimo wa Kristo. Mbere yuko ubwo buhanuzi busohora, "Umunyanteye nke azaba nka Dawidi" kandi ab'inzu ya Dawidi bazaba "nka marayika w'Uwiteka", abana b'Imana bose bagomba kureka ibitekerezo byo gushidikanya bene se. Umutima [w'abakora umurimo] ukwiriye gukangukira gusabana n'umutima [wa Kristo]. Kugira neza kwa Gikristo n'urukundo rwa Kivandimwe bigomba kurushaho kugaragara mu buryo bwuzuye. Amagambo ari kwirangira mu matwi yanjye ni aya: "Muterane, muteranire hamwe." Ukuri kw'ingenzi kandi kwera ko muri iki gihe, ni uguhuza ubwoko bw'Imana. icyifuzo cyo kuba umuntu ukomeye kigomba gupfa. Ingingo imwe y'icyitegererezo igomba kuruta izindi zose, ni nde uzarushaho gusa na Kristo mu mico? Ni nde uzarushaho kwihisha muri Yesu mu buryo bwuzuye?....

Guhinduka kw'imico bigomba kuba ubuhamya bwo guhamiriza ab'isi ko urukundo rwa Kristo ruri mu muntu. Uwiteka ategereje ko ubwoko Bwe bwerekana yuko imbaraga icungura y'ubuntu ishobora gukora ku mico irangwamo amakosa maze ikayigira myiza igakura kandi ikera imbuto nyinshi.

Ariko kugirango dushobore gusohozwa umugambi w'Imana, hari umurimo wo kwitegura ugomba gukorwa. Uwiteka adusaba gukora mu mitima yacu ubwikanyize aribwo muzi wo kwirema ibice. Yifuza cyane kudusendereza Umwuka Wera ku rugero rwagutse kandi akadusaba ko twaboneza inzira binyuze mu kwizinukwa. Igihe twiyeguriye Imana, amaso yacu arahumuka tukabona amabuye asitaza ubupagani bwacu bwashyize mu nzira y'abandi. Ibyo byose Imana idusaba kubikuraho. Iravugaga iti: "Mwaturirane ibyaha byanyu kandi musabirane kugirango mukizwe." Ubwo rero dushobora kugira ubwishingizi nk'ubwo Dawidi yari afite igihe

Tugomba guhabwa amavuta yera buri munsu kugirango tuyageze no ku bandi. Bose bashobora kuba abatwaramucyo, bakawugeza ku b'isi niba babishaka. Muri Yesu, tugomba kureka kwirebaho ubwacu.

yasengaga, nyuma yo kwatura icyaha cye agira ati: "Mana, undememo umutima wera, unshubizemo umutima ukomeye. Ntunte kure yo mu maso yawe, ntunkureho Umwuka wawe Wera. Nibwo nzigisha inzira yawe abacumura, abanyabyaha baguhindukirire."

Igihe ubuntu bw'Imana buzaba butegereye mu mutima, ubugingo buzaba bukikijwe n'umwuka w'ukwizera n'ubutwari, hamwe n'urukundo nk'urwa Kristo, umwuka wongerera imbaraga ubugingo bw'iby'umwuka bw'abantu bose bavuhumeka. ... Buri muntu wese aba usangiye na Kristo urukundo rubabarira, buri wese wamurikiye n'Umwuka w'Imana kandi agahindurwa n'ukuri, azumva ko afite umwenda buri muntu wese uzahura na we, kubera icyo yagaciro kenshi. Abantu bicisha bugufi mu mutima, nibwo Uwiteka azakoresha kugirango agere ku mitima abagabura badashobora kugeraho. Bazasunikirwa kuvuga amagambo ahishura ubuntu bwa Kristo bukiza.

Kandi mu guhesha abandi umugisha, na bo ubwabo bazawuhabwa. Imana iduha uburyo bwo gutanga ubuntu, kugirango ishobore kutwuzuzamo ubuntu burushijeho gusaga. Ibyiringiro n'ukwizera bizakomezwa mu gihe umukozi w'Imana azaba akoresha impano n'ubushobozi Imana yamuhaye. Azagira Imana nk'umufasha wo gukorana na we.⁶

Gukomeza gusukwa ubudahagarara

Iki gihe turimo niwo munsu dufite tugirwemo icyizere. Umuntu wese yahawe impano zimwe zihariye cyangwa se italanto igomba gukoreshwa mu guteza imbere ubwami bw'Umucunguzi. Abakorera Imana bese bazirikana inshingano bafite, uherye k'uri hanyuma y'abandi kandi woroheje kurusha abandi ukagera ku bari mu myanya yo hejuru mu itorero, bese baragijwe ubutunzi bw'Uwiteka. Ntabwo umugabura wenyine ariwe ugomba gukora kubw'agakiza k'abantu. Abantu bafite impano nto hanyuma y'izindi ntabwo basenewe gukoresha impano zihaburira bafite, kandi mu kugenza batyo impano zabo ziziyongera. Nta mutekano uri mu gukinisha inshingano umuntu asabwa muri rusange cyangwa gusuzugura umunsu w'ibintu bito. Ubuntu bw'Imana busaranganya ibyayo bukurikije ubushobozi butandukanye bw'abantu. Nta muntu n'umwe ukwiriye kurizwa n'uko adashobora guhimbarisha Imana impano atigeze agira kandi atazabazwa.⁷

Ubushobozi bwo kwakira amavuta

yera aturuka ku bita bibiri by'imyelayo, bwongerwa n'uko uwakiriye ayo mavuta yera muri we ayakamurira mu magambo no mu bikorwa, kugirango ahaze ibyo abandi bantu bakeneye. Umurimo, umurimo w'agaciro kenshi kandi utera kunyurwa, ugomba guhora wakira kandi ugahora utanga.

Dukeneye kandi dukwiriye kugira imbaraga nshya buri munsu. Kandi se, mbega ukuntu dushobora gufasha abantu benshi binyuze mu gushyikirana na bo! Ijuru ryose rikeneye imiyoboro yo kunyuzwamo amavuta yera ashobora gusukwa, kugirango abere abandi umunezero n'umugisha. Nta bwoba mfite bw'uko umuntu uwo ariwe wese azakora igikorwa cy'urukozasoni, niba bazahinduka umwe na Kristo. Kristo naguma muri twe, tuzakomeza gukora umurimo wacu nta gucogora kandi mu buryo buhamye, kugirango umurimo wacu uzagumeho. Kuzura k'ubumana kuzakwirakwira binyuze ku muntu witanze kugirango buhabwe abandi.⁸

Ni ukubera iki tutagira inzara n'inyota byo guhabwa impano y'Umwuka Wera? Ni kuki tutayiganira, kubera iki tudasenga tuyisaba; kandi ngo tubwirize ibyayo?...

Mu bibazo bitunguranye no hagati mu rwango rw'ab'isi, Umwuka atanga imbaraga ikomeza abantu bari mu kaga no ku rugamba kandi akanatuma basobanukirwa ukutabonera kwabo n'amakosa yabo.⁹

Niba rero... mwebwe abantu kandi mukaba babi, ko "muzi guha abana banyu ibyiza, So wo mu ijuru ntazarushaho rwose guha Umwuka Wera abamumusabye?" Umwuka Wera, uhagarariye Imana ubwayo, ni we mpano ikomeye isumba izindi. Muri iki ni ho "ibintu byiza" byose biri. Nta kintu gikomeye kandi cyiza kirenze icyo Umuremyi ashobora kuduha. Igihe twingingira Uwiteka kutugirira ibambe mu kababaro kacyi, no kutuyoboza Umwuka Wera, ntabwo azanga na gato gusaba kwacu.¹⁰

Aho Biboneka:

¹Urwibutso n'Integuza, kuwa 03 Gashyantare, 1903.

²Ibhamya by'Iterero, vol 6, p.11,12.

³Imigani ya Kristo, p.418,419.

⁴Ibyakozwe n'Intumwa, p.55,56.

⁵Ibhamya ku Bagabura, p.510 – 512.

⁶Ibhamya by'Iterero, vol 6, p.42,43.

⁷Ibid., vol 4, p.618.

⁸Ibid., vol 6, p.117.

⁹Ibid., vol 8, p.22.

¹⁰Ibitekerezo byo ku Musizi w'Umugisha, p.132.



Inuma yo mu 2 Ijuru

Ku Isabato, 12 Nyakanga 2025

Byateguwe na Davi Paes Silva

ISABUKURU Y'IMYAKA IJANA

Kuba Ubumana buhari

Ubumana bwose bugira uruhare mu nama y'agakiza kacu. Dusoma ko "Ubumana bwagiriye impuhwe inyokomuntu, kandi ko Data wa twese, Umwana, n'Umwuka Wera bitanze kugirango bashyire mu bikorwa inama y'ugucungurwa."¹

"Icyo gihe Yesu ava i Galilaya ajya kuri Yorodani, asanga Yohana ngo amubatize. Na we ashaka kumuhakanira ati "Ko ari jye wari ukwiriye kubatizwa nawe, none ni wowe unsanze?" Yesu aramusubiza ati "Emera ubikore, kuko ari byo bidukwiriye ngo dusohoze gukiranuka kose." Aherako aremera." (Matayo 3:13 – 15). Igihe yabaturizwaga mu ruzi rwa Yorodani, abamarayika bo mu ijuru babyitegerezanyije amatsiko menshi. Igihe yigiraga umuntu, yabaye uduhagarariye.

"Uwiteka yari yarasezeraniye Yohana [Umubatiza] ko azamuha ikimenyetso cyari gutuma amenya Mesiya uwo ari we, nuko ubwo Yesu yavaga mu mazi, yahawe icyo kimenyetso yari yarazeranyijwe; kuko yabonye ijuru rikingutse, **Umwuka w'Imana usa n'inama y'izahabu itunganyijwe, ujya ku mutwe wa Kristo**, maze ijwi rivugira mu ijuru riti: 'Nguyu Umwana wanjye nkunda, nkamwishimira.'"²

"Isengesho Kristo yasanze asabira umuntu ryatumye amarembo y'ijuru yugururwa, kandi Data wa twese yararisubije, yemera ubusabe bwashyirahwe inyokomuntu yaguye. Kristo yadusabiye ameze nk'umwishingizi wacu n'incungu yacu, none ubu umuryango wa mwenemuntu ushobora kugera kuri Data wa twese binyuze mu byo Umwana We ukundwa yakoze."³

Ni koko rero, Data wa twese, Umwana, n'Umwuka Wera bose bari bahari muri uwo mubatizo; wari ikigereranyo cy'umubatizo wa buri Mukristo, akaba ariyo mpamvu abizera bahabwa amabwiriza agira ati: "Nuko mugende muhindure abantu bo mu mahanga yose abigishwa, mubabatiza mu izina rya Data wa twese n'Umwana

n'Umwuka Wera, mubigisha kwitondera ibyo nababwiye byose. Kandi dore ndi kumwe namwe iminsi yose kugeza ku mperuka y'isi." (Matayo 28:19,20).

Kuki ari inuma?

"Ikimenyetso cy'ishusho y'inuma yagaragaye hejuru ya Yesu igihe yabatizwaga; kigaragaza ubugwaneza bw'imico Ye."⁴

Ibyo bisobanura iki kuri twe muri iki gihe cy'amateka; kugeza ku mperuka y'isi? Mbese hari umwanzi utwubikiriye aho tunyura?

"Mbese wigeze witegereza igisiga gihiga inuma y'inyamahoro? Ubwenge kamere bw'inuma bwayigishije ko kugirango igisiga kibashe gufata umuhigo wacyo kigomba kugurukana umuvuduko usumba icyo gishaka gufata. Bityo rero, inuma iraguruka igatumbagira hejuru cyane mu bicu by'ubururu, nyamara kandi cya gisiga kikiyikurikiye gishaka kuyibona urwaho ngo kiyifate ariko bikaba iby'ubusa. Inuma ishobora kurokoka igihe cyose itagize icyo yemerera kuyibuza gukomeza kuguruka, cyangwa gitume isubira inyuma iguruka yerekeza hasi ku isi. Ariko iyo inuma icogoye, maze ikaguruka igana hasi gato; umwanzi wayo uba uri maso ayihoreraho. Incuro nyinshi twagiye twitegereza uwo muhigo tuwitayeho ariko kandi duhagaritse umutima, duftiye impuhwe ako kanuma gato. Mbega uburyo byabaye ibintu bibabaje kubona ako kanuma gafatwa na cya gisiga!

"Imbere yacu hari urugamba, - mu ntambara turwana na Satani n'ibishuko bye mu buzima bwacu bwose. Umwanzi azakoreshe igitekerezo cyose n'igishuko cyose kugirango ashyire ubugingo bwacu mu kaga; kandi kugirango tuzahabwe ikamba ry'ubugingo, tugomba gukoreshe umuhati wose tudacogora. Ntitugomba kurambika intwari cyangwa ngo tuve ku rugamba tutarabona intsinsi kandi dushobora kuneshereza mu Mucunguzi wacu.

"Igihe cyose tuzakomeza guhanga amaso yacu kuri Nkomoko yo kwizera kwacu akaba ari na We gusohozwa rwose, tuzaba amahoro.

Isengesho Kristo yasenze asabira umuntu ryatumye amarembo y'ijuru yugururwa, kandi Data wa twese yararisubije, yemera ubusabe kwasabiwe inyokomuntu yaguye.



Ariko urukundo rwacu rugomba kwerekezwa ku byo mu ijuru, mu cyimbo cyo kwerekezwa ku byo ku isi. Kubwo kwizera; tugomba gukomeza kuzamuka tukagera ku rwego ruhanitse rw'ubuntu bwa Kristo. Kubwo kurangamira urukundo Rwe rutagira akagero, tugomba kurushaho gukura buri muni dusa n'ishusho Ye yuje ubwiza. Nitubaho dutyo dusabana n'ijuru, Satani azadutega imitego ye ariko bibe iby'ubusa."⁵

Mu by'ukuri, nk'uko iyo mfashanyigisho igaragaza ko Data wa twese n'Umwana batigeze bananirwa gusohozwa inshingano yo gucungura twebwe inyokomuntu yaguye bakadukiza ukurimbuka kw'iteka, ni nako Umwuka Wera atazananiirwa gusohozwa uwo mugambi uhebuje wo kudukiza. Imbaraga z'Umwuka Wera zizasukwa uko zikenewe ku rugero rutagerwa; nk'uko byasezeranywe.

Umwuka Wera ku iherezo

Umwuka Wera ni we mufasha w'ibanze ku isi mu gutegura ubwoko bw'Imana kugirango umurimo urangire. Niyo mpamvu dukeneye gusenga dusaba kubatirishwa Umwuka Wera buri muni. "Uhereye igihe yamaze ari kumwe n'Imana [Kristo, Umwana w'umuntu], yazaga buri gitondo azaniye abantu umucyo w'ijuru. Buri muni yahabwaga umubatizo mushya w'Umwuka Wera."⁶ Niba Yesu yari akeneye iryo hambura, mbega ukuntu twebwe turikeneye cyane kurushaho mu mimerere yacu y'ubunyacyaha! Mu by'ukuri, dukeneye

Gusubiza amaso inyuma no Kurabagirana

Kuvugurura bikubiyemo ibikorwa! Nimutyo binyuze mu bikorwa byacu, twitegure kwakira Umwuka Wera.

Nimureke twemere kuyoborwa n'Umwuka Wera mu buryo bwuzuye. Kuraho ikintu cyagiye hagati yawe n'Imana udatindiganyije. "Data, mbabarira ibyaha byanjye. Mfasha gukuraho buri kintu cyose kintandukanya nawe kugirango mbe niteguye kwakira Umwuka Wera, Amena." Gusenga nzasengera

umurimo w'Umwuka Wera mu mibereho yacu mu buryo bwose bw'agakiza kacu no kugirango dusohoze uruhare rwacu mu murimo wo kubwiriza ubutumwa bwiza mu isi yose.

Uko kuri Kristo yagusobanuriye neza abigishwa Be mbere yuko ajyanwa mu ijuru. Yasezeranyije abigishwa Be ati: "Icyakora muzahabwa imbaraga Umwuka Wera nabamanukira, kandi muzaba abagabo bo kumpamyi i Yerusalemu n'i Yudaya yose n'i Samariya, no kugeza ku mpera y'isi." (Ibyakozwe n'Intumwa 1:8).

"Kandi dore ngiye kubohereza ibyo Data yasezeranye, ariko mugume mu murwa kugeza ubwo muzambikwa imbaraga zivuye mu ijuru." (Luka 24:49).

Ni nde utubatirisha Umwuka Wera? Igihe abanditsi n'abafarisayo bamubazaga ibyerekeranye n'umurimo we, Yohana Umubatiza yababwiye ibya Kristo agira ati: "Jyeweho ndabababwiriza amazi ngo mwihane, ariko uzaza hanyuma yanjye andusha ubushobozi, ntibinkwiriye no kumutwaza inkweto. Ni we uzabababwiriza Umwuka Wera n'umuriro, intara ye iri mu kuboko kwe kandi azeza imbuga ye cyane, amasaka ye azayahunika mu kigega, ariko umurama wo azawucanisha umurimo utazima." (Matayo 3:11,12).

Yesu niwe ubatirisha abana Be Umwuka Wera.

Ni ryari dukenera kubatirishwa Inuma mvajuru? Mu by'ukuri, ibyo ni ibintu dukenera buri muni. Nk'uko byavuzwe, dukenera iyi mpano y'imbaraga z'Imana buri muni; haba mu kwihana kwacu no kugera ku mitima mishya ngo tuyerekeze mu bwami bw'Imana.

Umuhanuzi Zekariya yaranditse ati: "Nimusabe Uwiteka **imvura mu gihe cy'itumba**, muyisabe Uwiteka urema imirabyo, na we azabavubira imvura y'umurindi, umuntu wese azamumereza ubwatsi mu rwuri rwe." (Zekariya 10:1).

Igihe cy'imvura y'itumba kigera ryari?

"Ubutumwa bwa marayika wa gatatu buri kubwirizwa mu ijwi riranga, kandi ntumugomba kwitwaza umudendeko kugira ngo mwiragagize umurimo wo muri iki gihe, kandi mukomeze igitekerezo ko igihe runaka kizaza, muzahabwa imigisha myinshi, kandi mukazagira ikangura ritangaje mu gihe nta mwete na muke mugize ku ruhande rwanyu. Mukwiriye kwiyegurira Imana uyu muni, kugira ngo ibashe kubagira ibikoresho biyihesha icyubahiro, byo gukora umurimo Wayo. Uyu muni mukwiriye kwiyegurira Imana ubwanyu, mukwiriye kwiyambura inariye, irari, ishyari, gusebanya, amakimbirane, ikintu cyose kidahesha Imana icyubahiro. Uyu muni mukwiriye kugira igikoresho cyanyu gitunganye kandi cyiteguye kwakira ikime kiva mu ijuru, cyiteguriwe imigisha y'imvura y'itumba; kuko imvura y'itumba izaza, kandi umugisha w'Imana uzuzura umutima wose udafite inenge iyo ari yo yose. Ni umurimo wacu uyu muni kwegurira imitima yacu Kristo, kugira ngo tube twiteguye igihe cy'ihembura kiza gituruka ku bwiza bw'Uwiteka — dukwiriye kuba twiteguye kubatirishwa Umwuka Wera."

Ni ibiki bisabwa kugirango umuntu ahabwe umubatizo w'Umwuka Wera?

Umuhanuzi Hoseya agaragaza ibintu by'ibanze dusabwa kugirango duhabwe imbaraga y'Umwuka Wera mu gihe cy'imvura y'itumba:

"Nzagenda nisubirire iwanjye, kugeza ubwo bazemera igicumuro cyabo bagashaka mu maso

hanjye, nibabona ibyago bizabatera kunshaka hakiri kare." "Nimuze tugarukire Uwiteka, kuko ari we wadukomerekeje kandi ni we uzadukiza, ni we wadukubise kandi ni we uzatwomora. Azaduhembura tumaze kabiri, ku muni wa gatatu azaduhagurutsa, kandi tuzabaho turi imbere ye. Dushishikarire kumenya, tugire umwete wo kumenya Uwiteka: azatunguka nk'umuseke utambika nta kabuza, azatuzaho ameze nk'imvura, nk'imvura y'itumba isomya ubutaka." (Hoseya 5:15; 6:1-3).

Muri ibi Byanditswe tubona ko hari ibisabwa bikurikira umuntu agomba kuba yujuje kugirango ahabwe imvura y'itumba:

1. **Kwemera ibyaha byacu uko biri**
2. **Gushaka Uwiteka n'umutima wacu wose, mu kwicisha bugufi no kwicuza**
3. **Kugarukira Uwiteka kugirango aduhe ikangura**
4. **Kumenya no gukomeza kumenya Uwiteka. "Kumenya Imana niko kuyikunda."**⁸
5. **Ubwo nibwo azatuzaho ameze nk'imvura, nk'imvura y'itumba isomya ubutaka.**

Kwitanga utizigamye

"Kristo yasezeraniye itorero Rye impano y'Umwuka Wera, kandi iryo sezerano yahaye abigishwa Be ba mbere natwe ni iryacu. Ariko kimwe n'andi masezerano, hari ibyo dusabwa kubanza kugira. Hari benshi biringira ndetse bavuga ko bafite amasezerano y'Imana; bakavuga ibya Kristo ndetse n'iby'Umwuka Wera, ariko ntibigire icyo bibamarira. **Ntabwo bemerera umutima wabo kuyoborwa ndetse no kugengwa n'imbaraga z'ijuru.** Ntabwo dushobora gukoresha Umwuka Wera, ahubwo Umwuka Wera ni we udukoresha. Binyuze mu Umwuka Wera Imana ikorera mu bantu Bayo, "kuko Imana ari yo ibatera gukunda no gukora ibyo yishimira." Abafilipi 2:13. Ariko benshi ntibiyegurira Imana. Bashaka kwigenga bo ubwabo. Iyi niyo mpamvu ibatera kutakira impano y'ijuru. **Abantu bonyine bategereza Imana bicishije bugufi, bagategereza ubuntu bw'Imana n'inama Zayo, abo ni bo bazahabwa Umwuka Wera.** Imbaraga y'Imana ni ngombwa ko abantu bayisaba kandi bakayihabwa. Iri sezerano ry'umugisha, iyo ryakiriwe mu kwizera, rizana n'indi migisha myinshi y'Imana. Iryo sezerano rikomoka mu butunzi bw'inshi bw'ubuntu bwa Kristo, kandi Kristo yiteguye kugenera buri muntu wese ibihwanye n'ibyo yiteguye kwakira."⁹

"Abantu benshi ntibabonye imvura y'umuhindo. Ntibigeze bahabwa imigisha yose Imana yatanze muri ubwo buryo. Bakeneye ko imvura y'itumba izabaha ibyo badafite. Igihe ubutunzi butagira akagero bw'ubuntu buzatangwa, bazifuza gukingura imitima yabo kugirango babwakire. Bari gukora ikosa rikomeye cyane. Umurimo Imana yatangiye mu mitima y'abantu wo gutanga umucyo Wayo n'ubumenyi; ugomba gukomeza kujya mbere. Buri muntu wese akwiriye kumenya icyo we ubwe akeneye. Umutima ugomba gukurwamo uguhumana kose kandi ukezwa kugirango Umwuka awuturamo. Abigishwa ba mbere bateguriwe gusukirwa Umwuka Wera ku muni wa Pentekote binyuze mu kwatura ibyaha no kubireka, kubw'isengesho rivuye ku mutima no kwiyegurira Imana. Uwo murimo ni nawo ugomba gukorwa muri iki gihe; ariko mu rugero rwagutse.

Abantu bonyine bategereza Imana bicishije bugufi, bagategereza ubuntu bw'Imana n'inama Zayo, abo ni bo bazahabwa Umwuka Wera. Imbaraga y'Imana ni ngombwa ko abantu bayisaba kandi bakayihabwa.



Ubwo nibwo umuntu aba agomba gusaba uwo mugisha, maze agategereza ko Uwiteka amushyiraho umurimo. Imana niyo yatangiye umurimo, kandi ni nayo izasohotse umurimo Wayo, itume umuntu aba umuntu ushyitse muri Yesu Kristo. Ariko ntitugomba kwirengagiza ubuntu bugeranywa n'imvura y'umuhindo. Abantu bazabaho mu buryo buhuje n'umucyo bafite nibo bonyine bazabona umucyo mwinshi kurushaho. Nituramuka tuateye imbere buri muni mu kugaragaza ingeso nziza za Gikristo, ntituzamenya ukwigaragaza k'Umwuka Wera mu mvura y'itumba. Ishobora kuba igwa mu mitima y'abatuzengurutse, ariko ntituzayitahura cyangwa ngo tuyihabwe.

"Nta gihe na kimwe mu mibereho yacu dushobora kubura ubufasha bw'ibyadushoboza kubanza gutangira. Imigisha twahawe mu gihe cy'imvura y'umuhindo niyo dukeneye kugeza ku mperuka. Ariko iyo yonyine ntihagije. Mu gihe twishimira imigisha y'imvura y'umuhindo, ku rundi ruhande; ntitugomba kwirengagiza ko hatabonetse imvura y'itumba kugirango imeze imyaka kandi iyeze, ntabwo habaho kwitegura gusarura, kandi umurimo w'umubibyi waba imfabusa. Ubuntu bw'Imana burakenewe mu ntangiriro, ubuntu bw'Imana muri buri ntambwe y'iterambere, kandi ubuntu bw'Imana gusa nibwo bushobora kurangiza umurimo. Nta mwanya dufite wo kuruhukira mu nyifato yo kutagira icyo twitaho. Ntidukwiriye kwibagirwa imiburo ya Kristo; igira iti 'mube maso musenge.' 'Mube maso... Musenge ubudasiba.' Gushyikirana n'Imana buri gihe ni iby'ingenzi kugirango tugire amajyambere. Dushobora kuba dufite urugero runaka rw'Umwuka w'Imana, ariko binyuze mu gusenga no kwizera, tugomba guhora dushaka kurushaho kugira Umwuka. Nta na rimwe bizatuma tureka gushyiraho imihati. Niba tudatera imbere, niba tutishyize mu myitwarire yo

kwakira imvura y'umuhindo n'iy'itumba, tuzatakaza ubugingo bwacu, kandi inshingano izaba iri kuri twebwe ubwacu."¹⁰

Ubu ngubu, ubwo twebwe abagize itorero ku isi yose tumaze imyaka 100 turiho uhereye igihe twatangiriyemo gukora ku mugaragaro, ni igihe cyo kwita ku nshingano dufite tudakebakeba. Igihe kirageze ngo umuhamagaro wacu no gutoranywa kwacu bibe impamo kandi dukomeze kugirana n'Uwiteka umushyikirana muzima, kugirango "Iyatangiye umurimo mwiza muri mwe izawurangiza rwose, kugeza ku muni wa Yesu Kristo" (Abafilipi 1:6). Ni igihe cyo gusezera kuri iyi si mbi no kwitegura kugaruka kwa Yesu kwegereye kugirango dushobore gutaha iwacu mu ijuru. Umugisha w'imvura y'itumba Uwiteka awuhe ubwoko Bwe ku isi yose.

Aho Biboneka:

¹Inama ku Buzima, p.222.

²Abahungu n'Abakobwa b'Imana, p.133.

³Imibereho yanjye y'Uyu Muni, p.260.

⁴Ubutumwa Bwatoranyijwe, vol 2, p.238.

⁵Imibereho yanjye y'Uyu Muni, p.105.

⁶Imigani ya Kristo, p.139.

⁷Ubutumwa Bwatoranyijwe, vol 1, p.190,191.

⁸Uwifuzwa Ibihe Byose, p.22.

⁹Ibid., p.672.

¹⁰Ibihamya ku Bagabura, p.507,508.



Inzabya zirimo

3 Ubusa

Kuwa Mbere, 13 Nyakanga 2025

Byateguwe na Peter D. Lausevic

Umuwugabutumwa n'Umwigisha ukomeye kuruta abandi bose isi yigeze kubona, yari amaze imyaka itatu n'igice akorera umurimo w'Imana mu kwigisha, kubwiriza, no gukiza. Mu mugani w'Umubibyi n'Imbuto, uw'Ingano n'Urukungu, Yesu agaragazwa nk'Umubibyi. Umurimo we w'ibanze wari uwo kubiba imbuto y'ukuri ku nyokomuntub nk'uko ari Umubibyi' mu migani yombi, si uwo gutanga umusaruro. "Nimwumve; umubibyi yasohoye imbuto." (Mariko 4:3). Kubera iyo mpamvu, "Kristo Umucunguzi w'isi, yahoraga ahanganye n'ingorane ndetse agasa n'utageze kubyo yifuzaga gukora."² Nubwo imbaga y'abantu benshi baje kumwumva, muri icyo gihe abantu bake cyane, niba bemeye ku mugaragaro ubutumwa bw'agakiza. Kimwe nka Nikodemo, bamwe bamenye Mesiya igihe imbaga y'abantu benshi barimo bamujyana ku musaraba. Abandi bo bari bategereje ikindi kintu kirenze ibyo.

Gutegereza

Mbese ushobora kwiyumvisha ko mu gihe byihutirwaga kujya kwigisha amahanga yose no kwihutisha kuza kwa Kristo, Yesu yabwiye abigishwa Be gutegereza? "Kandi dore ngiye kubohereza ibyo Data yasezeranye, ariko mugume mu murwa kugeza ubwo muzambikwa imbaraga zivuye mu ijuru." (Luka 24:49). Natwe ni uko, dukeneye gusobanukirwa ko mu gihe cyihutirwa dukenera gutegereza. "Tugomba gusenga dushyizeho umwete dusaba gusukirwa Umwuka Wera nk'uko abigishwa basenze ku munsu wa Pentekote. Niba bari bamukeneye icyo gihe, twe turamukeneye cyane kurutaho muri iki gihe. Umwijima w'icuraburindi mu by'imicombonera, wijimye nk'ibara ry'umwenda bambara mu gihe cyo gushyingura, utwikiriye isi. Inyigisho z'ibinyoma z'uburyo bwose, inyigisho z'ubuhakanyi, n'ibinyoma bya Satani birimo birayobya imitekerereze y'abantu. Umurimo dukora wo kwamamaza ukuri waba imfabusa, tubaye tudafite Umwuka w'Imana n'imbaraga Zayo."³

Ariko se ni kuki tugomba gutegereza? Hari isano igaragara iri hagati yo kugaruka kwa Yesu no kubwiriza ubutumwa bwiza mu isi yose. "Kandi ubu butumwa bwiza bw'ubwami buzigishwa mu isi yose, ngo bube ubuhamya bwo guhamiriza amahanga yose, ni bwo imperuka izaherako ize." (Matayo 24:14).

Kubw'ibyo se, kuki twategereza? Ni iyihe ntego y'Umwuka Wera? Tugiye kwibanda kuri zimwe

muri izo ngingo mu buryo bwihariye kuko ibindi bice by'iki gitabo bizasuzuma izindi ngingo nyinshi zifitanye isano na byo.

1. Ni iki cyemeza umutima w'umuntu? "Ubwo azaza azatsinda ab'isi, abemeze iby'icyaha n'ibyo gukiranuka n'iby'amateka" (Yohana 16:8). Haramutse hatabayeho umurimo w'Umwuka Wera wo kwemeza abantu ko ari abanyabyaha bakeneye Umukiza, dushobora kubwiriza ibyo dushaka byose nyamara ntibigire icyo bitanga.

2. Dukeneye Umwuka Wera kubera ko ari we ugomba kuduha impano zihariye zituruka ku Mana. "Umuntu wese agahabwa ikimwerekanaho Umwuka kugira ngo bese bafashwe. Umwe aheshwa ijambo ry'ubwenge n'Umwuka, undi agaheshwa n'uwo Mwuka ijambo ryo kumenya... ariko ibyo byose uwo Mwuka umwe ni we ubikorera muri bo, agabira umuntu wese uko ashaka." (1Abakorinto 12:7,8,11). Dukeneye izo mpano zose mu itorero kugirango dusohoze umurimo wo kubwiriza ubutumwa mu buryo buboneye.

3. Na none ni iby'ukuri ko bari bakeneye gutegereza kugirango "bahabwe imbaraga ivuye mu ijuru." Umwuka Wera yari kubaha imbaraga z'Imana binyuze mu kuba bari gusangira kamere ya Kristo. "Ibyo ni byo byatumye aduha ibyo yasezeraniye by'igicro cyinshi, bikomeye cyane kugira ngo bibatere gufatanya na kamere y'Imana, mumaze guhunga no gukira kononekara kwazanywe mu isi no kwifuza." (2Petro 1:4). Kandi se, bigenda bite iyo dusangiye kamere y'Imana? Ni ayahe mahirwe tugira yo kubona uburyo dutangazwa n'ubuntu bw'Imana? "Mu gukorana na Kristo, muri we baba bashyitse, kandi mu ntege nke zabo za kimuntu bashobozwa gukora ibikorwa by'Ishoborabyose."⁴

Ni iyihe mirimo y'Ishoborabyose ivugwa aha ngaha? Biragaragara neza ko atari ibikorwa by'abantu, bityo abantu ntibashobora kwishobozwa umurimo uwo ariwo wose, kubera ko ibyo bikorwa mu by'ukuri bidaturuka muri bo.

"Abatanga umutima, umubiri n'umwuka byabo bakabyegurira Imana, bazahora iteka bongerwa imbaraga z'umubiri n'ubwenge. Amasoko adakama yo mu ijuru arabateganirijwe. Kristo abahumekera ku mwuka We akanabaha ku bugingo Bwe. Umwuka Wera ashishikarira cyane gukorera mu mutima no mu ntekerezo. Ubuntu bw'Imana bwagura, bukanongera ubushobozi bwabo, kandi imbaraga y'ubutungane bwose bukomoka ku Mana buza kubafasha mu murimo wo gukiza imitima."⁵ Ibikorwa by'Ishoborabyose si ibyo kwihesha ikuzo. Ni ibyo guhesha abantu agakiza.

Ubumenyi bw'umwizera

Kandi se, ni uwuhe murimo w'umutima utuma umuntu aba umwizera? "Ni watuza akanwa kawo yuko



*Abigishwa bagombaga
guteranira hamwe kandi
bakegurira Imana ubugingo
bwabo batizigamye na bo
ubwabo, nk'uko bagomba
kubwirana akabari ku
mutima kandi bakaturirana.*

Yesu ari Umwami, ukizera mu mutima wawe yuko Imana yamuzuye uzakizwa" (Abaroma 10:9). Tuzi ko igikorwa cyo kuganduka kizana uguhinduka. Kubw'iyi mpamvu, Satani ntazigera ahunga, kugeza igihe ubushake bwacu tuzabwegurira ubushake bw'Umuremyi wacu n'Umucunguzi wacu. "Nuko rero mugandukire Imana ariko murwanye Satani, na we azabahunga." (Yakobo 4:7). Uko kwitanga gukiza gukomoka ku kwizera nyakuri ko Yesu ari we Mesiya tugomba kwatura.

Icyo gihe Yesu yari amaze imyaka itatu n'igice abwiriza, kandi bashoboraga kubona ko ari we Mesiya. Kubera iki abantu benshi cyane bategereje umunsi wa Pentekote? Kuki mu gihe cy'umurimo wa Kristo nta bantu benshi bahindutse? Bose bari bafite amahirwe angana n'ay'abigishwa, kandi bashoboraga guhamya mu buryo bworoshye bati: "Uwahozeho uhaye mbera na mbera, uwo twumvise, uwo twiboneye n'amaso yacu, kandi uwo twitegereje intoki zacu zikamukoraho, ari we Jambo ry'ubugingo" (1Yohana 1:1). Ariko ntibabikoze. Kubera iki abigishwa bategereje kubatiza abantu 3,000 icyo gihe, n'abandi 5,000 ikindi gihe? (Reba Ibyakozwe n'Intumwa 2:41; 4:4).

Kubera iki icyo gihe aribwo bwonyine umusaruro wagaragaye? "Abigishwa bagombaga gutangirira umurimo wabo aho yari yarabibye imbuto z'ukuri. Abantu benshi bari barumvise amagambo Ye, maze barayizera, ariko ntibagize ubutwari bwo kumwemera nk'Umukiza wabo, kugirango badacibwa mu isinagogi. Igihe Umwuka Wera yasukwaga, **imbuto Kristo yari yarabibye zaramaze, zirakura, zera imbuto**. Abigishwa bagize ubutwari n'ibyiringiro, kandi bari biteguye kujya mu turere twa kure cyane tw'isi kugirango bamamaze iby'Umukiza wazutse."⁶

Yesu yari Imana umuntu, nk'uko izina Rye ribigaragaza: "Dore umwami azasama inda kandi azabyara umuhungu, azitwa Imanweli, risobanurwa ngo 'Imana iri kumwe natwe' (Matayo 1:23). Ubumana bwari bukeneye gukora bumuntu, bityo 'Jambo uwo yabaye umuntu abana natwe (tubona ubwiza bwe busa n'ubw'Umwana w'ikinege wa Se), yuzuye ubuntu n'ukuri." (Yohana 1:14). Yagombaga guhinduka, maze akanesha nk'umuntu. "Kandi rero tuzi yuko atari abamarayika yatabaye, keretse urubyarwo rwa Aburahamu. Ni cyo cyatumye yari akwiriye **gushushanywa na bene Se kuri byose**, ngo abe umutambyi mukuru w'imbabazi kandi ukiranuka mu by'Imana, abe n'impongano y'ibyaha by'abantu." (Abaheburayo 2:16,17).

Muri iyi kamere y'Imana n'umuntu ntiyagiraga ikizinga. "Kuko muzi yuko ibyo mwacungujwe ngo muve mu ngeso zanyu zitagira umumaro mwatojwe na ba sekuruza banyu, atari ibyangirika nk'ifeza cyangwa izahabu... ahubwo mwacungujwe amaraso y'igicro cyinshi, nk'ay'umwana w'intama utagira inenge cyangwa ibara, ari yo ya Kristo" (1Petro 1:18,19). Ibi bisobanuye ko Yesu atigeze akora icyaha, kandi ko yaduhaye urugero dukwiriye gukurikiza. "Kuko na Kristo yabababarijwe akabasigira icyitegererezo, kugira ngo mugere ikirenge mu cye. Nta cyaha yakoze, nta n'uburiganya bwabonetse mu kanwa ke" (1Petro 2:21,22). Ibyo bimuha uburenganzira bwo kutubera umuvugizi n'umufasha wacu. "Kuko tudafite umutambyi mukuru utabasha kubabarana natwe mu ntege nke zacu, ahubwo yageragejwe uburyo bwose nkatwe, keretse yuko atigeze akora icyaha." (Abaheburayo

4:15).

Ibyo byose abantu bashoboraga kubibonera muri Kristo. Yagaragaje uburyo bwo kunesha icyaha. None se ni iki bari bategereje? Ni iki kindi bifuzaga kubona kubona? Abantu muri kamere yabo bashakira kubona ikintu runaka bakoresheje ubuhanga, ni nako bashakira kubonamo n'agakiza. "Bibiliya ni igitabo cy'inyigisho gikomeye cyane cy'Imana, umwigisha ukomeye Imana ikoresheje. Bibiliya niyo rufatiro rw'ubumenyi bwose nyakuri. Buri shami ryose ry'ubumenyi rishobora kugerwaho kubwo gushakisha mu ijamba ry'Imana. Kandi hejuru y'ibyo byose, ikubiyemo ubuhanga buruta ubundi buhanga bwose, **aribwo bumenyi bw'agakiza**. Bibiliya ni ikirombe cy'ubutunzi butagira akagero bwa Kristo."⁷

Ariko se, ni iki mu by'ukuri gisobanura ubumenyi? Intumwa Pawulo yatanze umuburo wo kwirinda "ingirwabwenge" (1 Timoteyo 6:20); ni ukuvuga ubumenyi bwitwaga ko ari ubwa siyansi, ariko budafite urufatiro nyakuri. Ubumenyi nyakuri bushingiye ku byo abantu bareba, ku byo bagaragaza, n'ibyo basubiramo. Abahanga mu bya siyansi bandika uburyo bakoresheje, bakandikira buri ntambwe bateye, hanyuma bagasuzuma niba bashobora gusubiramo ubwo buryo bakagera ku bintu bimwe. Umusaruro uba mu by'ukuri uwa siyansi iyo undi muntu ashobora gukurikiza intambwe zimwe mu mimerere imwe kandi akagera ku mwanzuro umwe n'uwa ba bandi. Ni muri ubwo buryo, agakiza na ko kagomba kuba karenze amagambo gusa; kagomba kugaragazwa kandi kakerekaniye mu mibereho y'ubwoko bw'Imana.

Jya wigana Yesu

Yesu yagaragaje uko twabaho imibereho irangwa no kwera. Ubu rero ibyo bigomba gusubirwamo n'undi muntu akurikije ubwo buryo. Ibyo nibyo bituma isi yose ibyizera. Kubigisha mu magambo bishobora kuba byinshi, dushobora kubivugaho, kandi tukabisuzuma uko dushakira kose. Ariko kubisubira, ni mu buryo bwa siyansi. None ni iki kirimo gusubirwamo? Kristo yatweretse ko abantu bo mu bihugu bitandukanye, bafite imico itandukanye n'imiterere itandukanye, bafite n'imyumvire itandukanye; bahinduka umwe. "Muri iki gihe isi ikomeye ibyo yari ikomeye mu myaka 2,000 ishize; ihishurwa rya Kristo."⁸

Ibyo ntibashobokera abantu. Igisanzwe mu bantu ni uko: "Ishyamba rizatera irindi shyamba, n'ubwami butere ubundi bwami" (Luka 21:10). Ibyo si mu gihe cy'intambara gusa. Murebe uko bigenda iyo habaye umukino w'umupira w'amaguru cyangwa andi marushanwa mpuzamahanga. Kuba Umukristo bisobanura neza neza icyo Aburahamu yagombaga gukora: "Va mu gihugu cyanyu, usige umuryango wanyu n'inzu ya so, ujye mu gihugu nzakwereka." (Itangiriro 12:1). Ibyo byaba ari igitangaza, ikintu kidasanzwe ku kiremamuntu, nyamara nicyo gikwiriye. Icyo nicyo kigaragaza imbaraga z'Ubukristo. "Ngo bese babe umwe nk'uko uri muri jye, Data, nanjye nkaba muri wowe ngo na bo babe umwe muri twe, ngo ab'isi bizere ko ari wowe wantumye." (Yohana 17:21). Ibyo nibyo bituma umuntu aba umwizera.

"Gusabana n'ubumwe biri mu bantu bafite ingeso zitari zimwe ni byo muhamya ukomeye cyane yuko Imana yatumye Umwana Wayo mu isi gukiza abanyabyaha. Ni iherwe ryacu kujyana bene ubwo buhamya. Ariko kugira ngo dukore ibyo, dukwiriye kwemera itegeko rya Kristo. Ingeso zacu zikwiriye gutunganyishwa gusabana n'ingeso Ze, n'ubushake

bwacu bukwiriye kwegurirwa ubushake Bwe. Ni bwo tuzakorera hamwe tudafite igitekerezo cyo kugirirana nabi."⁹

Kuba witeguye: kwikorera umusaraba wawe

Turamutse duhawe imbaraga y'Umwuka Wera mu buryo bwuzuye ariko ntidusobanukirwe uku kumugaragaza no kumwigana, iyo mbaraga yakoresheje mu ntego mbi no mu migambi mibisha. Iyo niyo mpamvu imvura y'umuhindo yamanukiye abigishwa igihe bari biteguye. "Umunsi wa Pentekote usohoye, bese bari bari hamwe mu mwanya umwe bahuje umutima." (Ibyakozwe n'Intumwa 2:1).

Mbese ubwo bumwe busobanuye ko twese dutekereza kimwe kuri buri ngingo? "Ibintu byinshi byerekeza ku migenzo igaragarira inyuma siko byose bivugwa mu Byanditswe, ariko ntibyaretswe bidasobanutse, kandi akenshi usanga abantu bashishikarizwa cyane kugira ibyo bahitamo ku byerekeranye n'izo ngingo. Igihe hari umuntu udahuye imikorere n'undi runaka wo mu itsinda ry'abizera, nimureke utuntu duto batandukaniyeho twe guhinduka ibibabaza ngo tubatere amacakubiri. Uburyo n'ingamba dukoresheje kugirango tugere ku ntego runaka, siko buri gihe biba ari bimwe. Tugomba gukoresheje ubwenge n'ubushishozi mu gihe duhitamo icyo twakora. Ubunararibonye buzerekana inzira yoroshye yo gukurikiza mu mimerere iriho. Ntimugahangane mupfa utuntu tw'ubusa. Umwuka w'urukundo n'ubuntu bw'Umwami wacu Yesu Kristo bizatuma imitima y'abantu ihuza, niba buri muntu wese azajya afungura amadirishya y'umutima yerekeza mu ijuru, maze agafunga ayerekeza ku isi."¹⁰

Umuzi w'ubumwe uherereye mu gikorwa cyo kuzaza inzabya zacu zirimo ubusa. Kubamba umuntu ku musaraba, nibwo buryo burusha ubundi burangwamo ubugome bwo kumwica; kandi igihe cyose byakorwaga ku mbaraga abihatiwe. Iyo abantu bamanikwaga ku musaraba, nta buryo bwo guhunga babaga bafite. Umudendeze wawe n'icyubahiro cyawe byabaga byayoyotse. Kwiyubaha kwawe ntikwabaga kukiraho. Icyo nicyo kintu kibi kurusha ibindi gishobora kuba ku muntu. Nyamara Yesu aravugaga ati: "Utikorera umusaraba we ngo ankurikire, ntashobora kuba umwigishwa wanyije." (Luka 14:27). Nibyo, ubwo buryo bwo kwica bubi cyane, umuntu agapfa urupfu rw'agashinyaguro, nibwo tugomba kwemera; kubera ko aribwo buryo nyakuri bwo kubona agakiza. Ni iby'agaciro rwose. Ikibereye ab'isi urupfu, ku mwizera ni ubugingo n'imbaraga. "Ijambo ry'umusaraba ku



**Abatanga umutima,
umubiri n'umwuka
byabo bakabyegurira
Imana, bazahora iteka
bongerwa imbaraga
z'umubiri n'ubwenge.**

barimbuka ni ubupfu, ariko kuri twebwe abakizwa ni imbaraga z'Imana" (1Abakorinto 1:18).

Tugomba kugundira uwo musaraba. "Ariko jyeweho sinkirata ikindi, keretse umusaraba w'Umwami wacu Yesu Kristo wateye ko iby'isi bimbera nk'ibibambwe, nanjye nkabera iby'isi nk'ubambwe." (Abagalatiya 6:14).

"Kuri Pawulo umusaraba ni wo wari ikintu kimwe gifite agaciro kuruta ibindi. Kuva amaze gufatirwa mu murimo we wo gutoteza abayoboke b'Umunyanazareti wabambwe, ntiyigeze acogora guha umusaraba icyubahiro. Icyo gihe yari yarahishuriwe urukundo rw'Imana ruhebuje, nk'uko rwagaragarijwe mu rupfu rwa Kristo; kandi uguhinduka gutangaje kwari kwarabaye mu buzima bwe kwatumye inama ze n'imigambi ye yose bihuza n'ijuru. Kuva icyo gihe yahindutse umuntu mushya muri Kristo. Yari azi mu byo yari yaragiye ahura na byo ko iyo umunyabyaha abonye urukundo rwa Data wo mu ijuru, nk'uko rwagaragaye mu gitambo cy'Umwana We, maze akyegurira imbaraga y'Imana ngo imuyobore, habaho guhinduka k'umutima kandi kuva icyo gihe Kristo akamubera byose muri byose."¹¹ Kandi se, bigenda bite iyo tugundiriyemo uwo musaraba? "Uko twerereza uyu musaraba, tuzabona ko nawo uzatuzahura."¹²

Umutwaro

Uwo musaraba ni iki? Ni kuki aricyo kintu cy'ibanze mu idini ry'ukuri? Yesu aravugaga ati: "Abwira bese ati 'Umuntu nashaka kunkurikira niyiyange, yikorere umusaraba we iminsi yose ankurikire, kuko ushaka kurengera ubugingo bwe azabubura, ariko utita ku bugingo bwe ku bwanjye ni we uzabukiza.'" (Luka 9:23,24). Kwikorera umusaraba no kwiyanga ni ikintu kimwe kandi birahwanye. Abantu benshi biyanga, ntabwo baguwe neza kuruta uko bari bameze mbere. Ibyo biterwa n'uko hano tutari kuvugaga gusa ubwoko runaka bwo kwikorera umusaraba. Tugomba kwikorera umusaraba wa Kristo kandi tukawugira uwacu. Mu yandi magambo, tugomba gufatanya na Kristo muri uwo murimo wo kwikorera umusaraba. "Mwese abarushye n'abaremerewe, nimuze munsange ndabaruhura. Mwemere kuba abagaragu banjye munyigireho, kuko ndi umugwaneza kandi noroheje mu mutima, namwe muzabona uburuhukiro mu mitima yanyu, kuko kunkorera kutaruhije, n'umutwaro wanjye utaremereye." (Matayo 11:28 – 30). Tubona ubwo buruhukiro bw'umutima ari uko gusa dufatanyije umutwaro na Kristo, kandi "uwo mutwaro ugereranya kuganduka mu buryo bwuzuye."¹³

Mbese ni iki kiba mu buryo busanzwe iyo twiyeguriye uwo musaraba ku bushake? "Avuga ko umusaraba we utaruhije, kandi ndabyizera. Avuga ko umutwaro we woroshye, kandi na byo ndabyizera. Iyo wikoreye umusaraba wa Kristo, kwitotomba kose n'itonganyana zawe birashira."¹⁴ Ibyo bisobanuye ko ibisabwa kugirango imvura y'itumba isukwe biba byuzuye, kubera ko tuba twiyambuye inarijye maze tukuzuzwa Kristo. "Nabambanywe na Kristo ariko ndiho, nyamara si jye uriho, ahubwo ni Kristo uriho muri jye. Ibyo nkora byose nkiriho mu mubiri, mbikoresha no kwizera Umwana w'Imana wankunze akanyitangira." (Abagalatiya 2:20).

Imvura y'itumba

Dukeneye imbaraga kugirango dusohoze umurimo twahawe umuntu ku giti, kandi nk'itorero. "Kwikorera umutwaro wa Kristo ni kimwe mu bisabwa by'ibanze kugirango duhabwe imbaraga Ye."¹⁵ Nyuma yo kubambwa, abigishwa bamaze iminsi cumi bateraniye hamwe mu cyumba cyo hejuru, kandi nyuma yaho bujijwe imbaraga. Kubera iki? Bashoboye kwigana ubumwe Yesu na Se bari bafitanye mu buryo bwa

kimuntu mu itsinda ry'abantu, buri wese muri bo akaba yarashakaga kuba mukuru. Bigenda bite? "Umutima ugomba gukurwamo uguhumana kose kandi ukezwa kugirango Umwuka awuturamo. Abigishwa ba mbere bateguriwe gusukirwa Umwuka Wera ku munsu wa Pentekote binyuze mu kwatura ibyaha no kubireka, kubw'isengesho rivuye ku mutima no kwiyegurira Imana. Uwo murimo ni nawo ugomba gukorwa muri iki gihe; ariko mu rugero rwagutse."¹⁶

Kuki twebwe abagize itorero tukiri hano; na nyuma y'imyaka 100? Abantu benshi babaye indahemuka ku cyo Imana yabasabye gukora none ubu baruhukiye mu mva bategereje wa muzuko udasanzwe, kugirango bazashobore kumva isezzerano rihoraho maze ku iherezo bazabone Umukiza aje ku bicu byo mu ijuru.

Turi hano kuko hari undi murimo tugomba gukora; atari buri muntu ku giti cye gusa, ahubwo no mu rwego rw'itorero. Abigishwa bagombaga guteranira hamwe kandi bakegurira Imana ubugingo bwabo batizigamye na bo ubwabo, nk'uko bagomba kubwirana akabari ku mutima kandi bakaturirana. Mbese ibyo byashoboka bite?

Mbese waba warasukuye urwabya rwawe ku buryo ufite ubushake bwo kureka byose kugirango ukorere Shobuja umurimo? Mu gihe turi muri iki Cyumweru cyihariye cyo Gusenga cyo kwibuka imyaka 100 tubayeho nk'itorero, Uwiteka ashishikarize imitima yacu, buri muntu ku giti cye gutekereza ku musaraba, kugirango dushobore kunga ubumwe twese hamwe, bityo tugire imbaraga zikenewe zo kurangiza umurimo; maze ku iherezo tuzatahane n'Umukiza wacu imuhira.

"Abigishwa basenganaga umwete kugira ngo batunganyirizwe guhura n'abantu kandi ngo mu kubonana n'abantu kwabo kwa buri munsu babashe kuvugaga amagambo ayobora abanyabyaha kuri Kristo. Bakuyeho ibibatandukanya byose no kwifuza icyubahiro kose maze bahuriza hamwe mu gusabana kwa Gikristo....

"Iyi minsi yo kwitegura yari iyo kwisuzuma. Abigishwa basobanukiwe ubukene bwabo mu by'umwuka maze batakira Imana ngo bahabwe gusigwa kwera kwari kubashoboza gukora umurimo wo gukiza abantu. Ntibigeze bisabira imigisha yabo bwite ahubwo icyari kibaremerewe ni uko abantu bakizwa."¹⁷

Aho Biboneka:

¹Uko niko na Kristo, Umubibyi mvajuru, yagiye kubiba, Imigani ya Kristo, p.36.

²Uwifuzwa Ibihe Byose, p.678.

³Ibihamya by'Itorero, vol 5, p.158.

⁴Uwifuzwa Ibihe Byose, p.827.

⁵Ibid.

⁶Ibimenyetso by'Ibihe, kuwa 14 Ukwakira 1889.

⁷Imigani ya Kristo, p.107.

⁸Umurimo wo Gukiza, p.143.

⁹Ibihamya by'Itorero, vol 8, p.242.

¹⁰The Ellen G. White 1888 Materials, p.1698.

¹¹Ibyakozwe n'Intumwa, p.245.

¹²Ibihamya by'Itorero, vol 8, p.45.

¹³In Heavenly Places, p.236.

¹⁴The Ellen G. White 1888 Materials, p.905.

¹⁵Uwifuzwa Ibihe Byose, p.825.

¹⁶Ibihamya ku Bagabura, p.507.

¹⁷Ibyakozwe n'Intumwa, p.37.



4 Uburyo bwo Gutegura Amafunguro

Kuwa Kane, 16

Kuwa Kane, 16 Nyakanga 2025

Byateguwe na Rolly C. Dumaguít

Muri iki gihe, hiryu no hino ku isi, abantu barushaho gushishikazwa no kurya ibyo kurya bitarungwamo inyama. Dukurikije ibarurishamibare riheruka gukorwa, ku isi hose hari abantu barenga miliyoni 640 bakoresha amafunguro atarungwamo inyama. Bitewe n’uko ibyo birimo birarushaho kuba akamenyero, muri Leta zunze Ubumwe za Amerika honyine hafi kimwe cya kabiri cy’amazu y’uburiri [Resitora] ubu batanga ibyo kurya bitarungwamo inyama ku bakiriya babo.

Hari impamvu zitandukanye zituma abantu bakoresha amafunguro atarangwamo inyama, zimwe muri zo zikaba ari idini, amahame mbwirizamuco, ubuzima, kubungabunga ibidukikije, ubukungu, kwanga inyama, ndetse n'umuco.

Nk'abantu batagereje kugaruka kwa Kristo, tumaze igihe kirekire dukoresha ibyo kurya bikomoka ku bimera, kugirango twitegure ikigiyi kubaho dutegerezanyije amatsiko menshi. Ayo niyo mafunguro Imana yahaye ubwoko Bwayo buri muri iyi si yononekaye, ibigiranye urukundo. Ni umugambi w'Uwitwaga ko mu kugenza dutyo, tuzarushaho kugira ubuzima bwiza kandi tugatsinda intege nke zacu. Ibyo bisaba ko tugira umuco wo kwirinda no kwihangana. Ni ukubera iki kwirinda ari ngombwa? Mbese tuba twugarijwe n'akahe kaga iyo tutitaye ku ngaruka z'ibyifuzo byacu kandi tukabaho imibereho itagira icyo ibuzwa?

"Kutirinda nibyo byakururiye umuvumo isi yari ikiremwa. Umwana wa Nowa yari yarashayishije kubwo kunywa inzoga nyinshi bikabije ku buryo yatakaje ubwenge bwe bwose, nuko umuvumo wakurikiye icyaha cye ntiwigeze ukurwa ku bamukomotseho.

“Nadabu ni Abihu bari abagabo bakoraga umurimo wera; ariko kubwo kunywa inzoga, ubwenge bwabo bwijimishijwe n’igihu ku buryo batashoboye gutandukanya ibintu byera n’ibisanzwe. Kubwo gukoresha “umuriro udakwiriye” basuzuguye itegeko ry’Imana, maze bicwa n’imanza Zayo.

“Alegizanderi yabonye ko kwigarurira ubwami byamworohye cyane kuruta gutegeka umutima we bwite. Nyuma y kwigarurira amahanga, uwo mugabo witwaga ko yari akomeye yaguye mu mutego wo guhaza irari rye; azira ukutirinda.”¹

None arabitekerezaho iki? Ni iki cyakubera cyiza: ari ukwigarurira isi no kwitsinda wowe ubwawe? Mbese Bibiliya ibivugaho iki? "Utihutira kurakara aruta intwari, Kandi utegeka umutima we aruta utsinda umudugudu." (Imigani 16:32). Kubw'ibyo rero, Pawulo yabwiye abizera ati: "Ineza yanyu imenywe n'abantu bose, Umwami wacu ari buqufu." (Abafilipi 4:5).

Mu busobanuro: Kwirinda ni ingeso yo guhora ugenzura ibikorwa byawe, ibitekerezo byawe, cyangwa ibyiyumvo byawe kugirango wirinde kurya no kunywa birenze urugero cyangwa kurakara vuba. Umwuka w'Ubuhanuzi usobanura neza ko "Kwirinda nyakuri bitwigisha kureka rwose buri kintu cyose cyangiza maze tugakoresha neza ibituma tugira amagara mazima."² Mbese hari isano iri hagati yo kwirinda n'ikibazo cy'agakiza? Mbese kwirinda muri byose ni kimwe mu bigize inyigisho zacu zishingiye kuri Bibiliya?

Imwe mu mbuto z'Umwuka

"Ariko rero imbuto z'Umwuka ni urukundo n'ibyishimo n'amahoro, no kwihangana no kugira neza, n'ingeso nziza no gukiranuka, no kugwa neza no kwirinda. Ibimeze bityo nta mategeko abihana." (Abagalatiya 5:22,23).

Umutambiko wa kane ku ngazi yo kwezwa [ivugwa muri Petero]

"Ibyo abe ari byo bituma mugira umwete wose, kwizera mukongereho ingeso nziza, ingeso nziza muzongereho kumenya, kumenya mukongereho kwirinda, kwirinda mukongereho kwihangana, kwihangana mukongereho kubaha Imana, kubaha Imana mukongereho gukunda bene Data, gukunda bene Data mukongereho urukundo." (2Petero 1:5-7).

Ingingo y'ingirakamaro mu gakiza kacu

"Icyigisho cyo kwirinda, mu ngingo zose zikigize, giftite umwanya w'ingenzi mu gusohozza agakiza kacu. Kubera ingeso mbi mu mirire n'iminywere, isi igenda irushaho guta umurongo mu mico mbonera."³

1. Kwirinda mu Mirire

Imwe mu ngingo dukeneye gutekerezaho mu byerekeranye no kwirinda, ni iyerekeye imirire. Ni iyihe nkuru yo muri Bibiliya utekerezaho ko ishobora gutanga igihamba cy'urugero nyakuri rwo kwirinda mu mirire? Urugero rumwe rukunda guhora ruhita ruza mu ntekerezo ni urwa Daniyeli. Ni iki mu by'ukuri Daniyeli yanze?

"Maze Daniyeli agambirira mu mutima we kutaziyandurisha ibyokurya by'umwami cyangwa vino yanywaga, ari cyo cyatumye yinginga uwo mutware w'inkone kugira ngo atiyanduza. Nuko Daniyeli aherako abwira igisonga cyari cyategetswe n'umutware w'inkone kurera Daniyeli na Hananiya, na Mishayeli na Azariya ati "Ndakwinginze gashyiraho abagaragu bawe iminsi cumi, baduhe ibishyimbo abe ari byo turya n'amazi yo kunywa." (Daniyeli 1:8,11,12).

Imana yifuza ko tugira amagara mazima. Yifuza ko twabaho neza mu buryo bw'umubiri no mu buryo bw'umwuka; akaba ariyo mpamvu yahaye Adamu na Eva ibyo kurya bikomoka ku bimera ubwo bari bamaze kuremwa. "Kandi Imana irababwirira iti "Dore mbahaye ibimera byose byera imbuto biri mu isi yose, n'igiti cyose giftite imbuto zirimo utubuto twacyo, bizabwo ibyokurya byanyu." (Itangiriro 1:29).

"Ba sogokuruza ntibamenye ibitangaza byawe wakoreye muri Egiputa, ntibibutse imbabazi zawo nyinshi, ahubwo bagomera ku nyanja ari yo nyanja itukura.... Hahise akanya bibagirwa imirimo yakoze, ntibarindira ko isohozza imigambi yayo. Ahubwo bifuriza cyane mu butayu,

bageragera Imana ahatagira abantu." "Bageragera Imana imitima yabo, bayigeragera gusaba ibyokurya byo guhaza kwifuza kwabo." (Zaburi 106:7,13,14; 78:18).

Impamvu y'ingenzi ituma kurya inyama bitagifite umutekano ni uko amatungo azahazwa n'ububabare, akaba yugarijwe cyane n'indwara zinyuranye. Muri Yereyemiya 45:5, umuhanuzi yahanuye ko Imana "izateza ibyago ku bantu bose"; kandi kubw'imbabazi Ze, Uwiteka yaduhaye gahunda y'imirire yo kuturinda indwara nyinshi. Ubu noneho igihe kirageze ngo dusubire ku mirire Imana yahaye umuntu mu ntangiriro. "Imirire yacu igomba kuba igizwe n'imiboga, imbuto, n'ibinyampeke. Nta munopfu w'inyama ugomba kwinjira mu gifu cyacu. Kurya inyama ni ibintu bitari muri kamere y'imiterere yacu. Tugomba gusubira ku mugambi wa mbere Imana yaturemeye katanga ka mbere, mu iremwa ry'umuntu."⁴

Impuguro ikomeye

"Ababyeyi bazi ukuri ku byerekeranye no guhaza ipfa ntibagomba kwemerera abana babo ngo barye birenze urugero, cyangwa ngo barye inyama, cyangwa ibindi biribwa bikangura irari ry'umubiri. Ibyo umuntu aya nibyo bimwubaka. Gukoresha imirire irangwamo inyama byongerera imbaraga ibyifuzo bibi, kandi bikabikangurira gukora cyane. Ababyeyi bagomba kureka ikintu cyose gishobora gushyira mu kaga imicombonera y'abana babo n'imibereho y'umubiri wabo. Ntibagomba gushyira inyama ku meza."⁵

Urugero rwo mu Butayu

"Bene Data, sinshaka ko mutamenya yuko ba sogokuruza bese bari munsu ya cya gicu, kandi yuko bese baciye mu nyanja yigabanije, bese bakababwiriza muri icyo gicu no muri icyo nyanja gutegekwa na Mose, bese bagasangira bya byokurya by'Umwuka na bya byokunywa by'Umwuka, kuko banywaga ku gitare cy'Umwuka cyabakurikiraga, kandi icyo gitare cyari Kristo. Ariko abenshi muri bo Imana ntiyabashimye, ni cyo cyatumye barimbukira mu butayu. Ariko ibyo byababereyeho kugira ngo bitubere akabarore, ngo tutifuza ibibi nk'uko bo babyifuje." "Ibyo byababereyeho kutubera akabarore, kandi byandikiwe kuduhugura twabwira abasohoreweho n'imperuka y'ibihe." (1Abakorinto 10:1-6,11).

Mu butayu, "Abanyamahanga y'ikivange bari hagati y'Abisirayeli batangira kwifuza, Abisirayeli na bo bongera kurira, baravugaga bati "Ni nde uzaduha inyama zo kurya?" (Kubara 11:4). "Bageragera Imana imitima yabo, bayigeragera gusaba ibyokurya byo guhaza kwifuza kwabo." (Zaburi 78:18). Uwiteka yakiriye ate icyifuzo cyabo? "Kandi bwira abantu uti: Mwiyeze umunsi w'ejo kandi muzarya inyama, kuko muriye ku matwi y'Uwiteka mukavugaga muti 'Ni nde uzaduha inyama zo kurya, ko twari tumereye neza muri Egiputa?' Ni cyo gitumye Uwiteka azabaha inyama mukazirira. Ntimuzazirira umunsi umwe cyangwa ibiri cyangwa itanu, cyangwa

**Icyigisho cyo
kwirinda, mu
ngingo zose
zikigize,
gifite
umwanya
w'ingenzi
mu gusohoza
agakiza kacu.**



icumi cyangwa makumyabiri, ahubwo muzazirya ukwezi kose mugeze aho zizabatungukira mu mazuru zikababihira, kuko mwanze Uwiteka uri muri mwe, mukamuririra imbere muti 'Twaviriye iki muri Egipta?'... Inyama bakizishinze amenyo bataramara kuzitapfuna, uburakari bw'Uwiteka bukongerezwa abantu, abatera mugiga ikomeye cyane. Aho hantu bahita Kiburotihatava, kuko ari ho bahambye abifuzaga." (Kubara 11:18-20, 33,34).

Twebwe bimeze bite muri iki gihe?

"Abamaze kumenya ububi bwo gukoresha inyama, icyayi n'ikawa, n'imategurire mibi y'ibyokurya, kandi bakaba bariyemeje kugirana isezerano n'Imana kubwo kwitanga, ntibazakomeza kwiyangavuzwa bakoresha imirire bazi ko ari mibi ku buzima bwabo... Uyu ni wo murimo ugomba gukorwa mbere y'uko ubwoko bw'Imana buhagarara imbere Yayo butunganye."⁶

"Abantu babasha kuboneza imibiri yabo yahindanyijwe n'imigenzereze mibi y'ibyaha. Igihe banduye, ntibashobora kuramya Imana mu buryo bukwiye, kandi ntibashobora kuba mu ijuru. Niba umuntu yishimira umucyo Imana yatunganye imbabazi Zayo w'ivugurura mu by'ubuzima, azabasha kweza n'ukuri, maze abe ukwiriye ubugingo buhoraho. Ariko natita kuri uwo mucyo, maze akarangwa no kugira imibereho igomera amategeko y'ibyaremwe, agomba kuzabona igihano."⁷

"Ibyaha biteye ubwoba bikomeje gukorwa bitewe no kwirundumurira mu irari ry'ibiyifuzo bibi."⁸ Ni gute irari ryangiritse rigaragazwa mu buryo bwihariye?

"Gukomeza kurya inyama biteza akaga gakomeye mu mubiri. Nta rwitwazo rw'ibyo usibye irari ribi, ryangiritse."⁹

"Nyuma y'umucyo mwishyirira ubwoko bw'Imana bwahawe, nibaramuka bakomeje kugundira ingeso mbi, bakanga kureka inarizye ngo bemere kwakira ivugurura, bazahura n'ingaruka z'uko kwigomera. Nibaramuka biyemeje gukomeza kugundira irari ribi, ntabwo Imana izabakiza ingaruka zo kwirangira kwabo. 'Bazaryamana umubabaro'."¹⁰

Kurya inyama bizatera indwara z'ibyorezo

Amagambo ateye ubwoba yavuzwe n'Umwuka w'Ubuhanuzi, arushaho kugaragaza ko kurya inyama

byangiza ubuzima bwacu: "Mu ngo zimwe, inyama ni byo byokurya by'ibanze, kandi amaherezo yazo ni ukuzana mu maraso mikorobi za kanseri n'amatemababuzi afite imisemburo y'igituntu. Umubiri wa bene abo bantu uba ugizwe n'ibyo barya, ariko iyo uburibwe n'indwara bibagezeho, babibona nk'igihano batererejwe n'Imana."¹¹

Mu gihe cya Ellen White, abaganga benshi ntibari baziko kurya inyama byashoboraga guteza mu mibiri yacu indwara zishobora kuduhitana. Ariko muri iki gihe, siyansi irabyemeza. Urugero, iyo inyama zozeje, ibinuro biri muri izo nyama birashongwa bikagwa ku makara, bigatuma haboneka umwotsi, nawo ugatuma haboneka ibinyabutabire byitwa metilicolantilene na benzopirene. Inyama zozeje, urugero nka bakoni na hamu, zirimo ikinyabutabire cya nitorosamine. Ibyo binyabutabire iyo byinjijwe mu mubiri byangiza DNA y'ingirabuzimafatizo, kandi aho gupfa byiyongera vuba, bikarema mikorobi. Inyama nazo zirimo ibinure byinshi biri mu bwoko bwa Kolesiteroli.¹²

"Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Buzima, ryashyize mu byiciro inyama zitunganyijwe zirimo hamu, bakoni, salami, na furankifuru, nka karikinojeni yo mu Itsinda rya 1 (izwi nk'itera kanseri) bivuze ko hari ibimenyetso bikomeye byerekana ko inyama zitunganyijwe zitera kanseri. Kurya inyama zitunganyijwe bakazifunga mu bikombe, byongera ibyago byo kurwara kanseri y'inda n'iy'igifu. Inyama zitukura, nk'inyama z'inka, iz'intama, n'iz'ingurube, zashyizwe mu itsinda rya 2 ry'ibitera kanseri, bivuze ko zishobora gutera kanseri."¹³

Uretse kurya inyama, na none hari inama zituruka mu Mwuka w'Ubuhanuzi zivuga ku mirire n'imibereho mibi bishobora kwangiza ubuzima bwacu. Nubwo ibyo atari igipimo cy'ubuyobohe, ni iby'ingenzi kubikurikiza kugirango umuntu agire amagara mazima.

2. Kuvanga imbuto n'imboga mu ifunguro rimwe; ntabwo ari byiza

"Imbuto n'imboga ntibigomba kuribwa mu ifunguro rimwe. Ku ifunguro rimwe koresha umugati n'imbuto, mu gihe cy'ifunguro rya kabiri ukoreshe umugati n'imboga."¹⁴

"Abahanga mu bya siyansi bavumbuye ko igifu gikoresha ibinyabutabire bitandukanye mu

Ni izihe ngaruka igifu kigira bitewe no kurya birengeje urugero? Gicika intege cyane, ingingo z'urwungano ngogozo zikagira intege nke n'uburwayi, hamwe n'izindi ngaruka z'ibibi bikurikiraho.



gusya imbuto n'imboga. Igihe imbuto ziribwa, zigomba kuribwa zonyine kandi zigashyirwa mu gifu kitarimo ibindi byokurya, kuko kizisya vuba kuruta ibindi biribwa. Ariko iyo habayeho kuvanga imbuto n'imboga (*byose bitwara igihe gitandukanye kugirango igifu kibisye*) bishobora gutera gaze mu gifu. Ibyo ni nako bimeze no ku binyobwa; bishobora gutuma umuntu agira kugugara mu mubiri, akagira umuriro mu gifu, ndetse akanaribwa umutwe.¹⁵

3. Kwirinda kurya hagati y'amafunguro

"Nyuma yo kurya ibyokurya ku masaha asanzwe, igifu gikwiriye guhabwa ikiruhuko kingana n'amasaha atanu. Nta cyokurya na gito gikwiriye gushyirwa mu gifu kugeza igihe cyo gufata ifunguro rikurikiyeho. Muri icyo gihe, igifu kiba gikora umurimo wacyo, cyarangiza kikaba noneho cyiteguye kwakira ibindi byokurya."¹⁶

"Abantu benshi bumva baguwe neza cyane mu mubiri iyo bariye kabiri ku munsu kurusha igihe bariye gatatu. Abandi, bitewe n'ibibazo by'imibiri yabo, bakenera ifunguro rya nimugoroba, ariko bene iri funguro rigomba kuba ryoroshye cyane."¹⁷

Birashimishije kubona uburyo siyansi muri iki gihe yavumbuye ingorane ziri mu kuryagagura. "Ingaruka zo kuryagagura n'igihe cyo kurya buzima ndetse n'indwara, bimaze imyaka myinshi ari insanganyamatsi ishishikaje abantu. Nubwo ibimenyetso by'indwara byerekana isano iri hagati yo kurya kenshi no kugabanya ibyago byo kurwara, igerageza ry'ubushakashatsi ryerekanye ibisubizo bivuguruzanya. Byongeye kandi, ubushakashatsi buherutse gukorwa bwagaragaje ko ibyago byo kurwara byiyongera cyane iyo abantu bakabije kuryagagura; aho usanga umuntu ashobora kurya incuro zirenze esheshatu ku munsu, ibyo rero ntiwabigereranya n'umuntu ufata hagati y'ifunguro rimwe cyangwa abiri ku munsu."¹⁸

Abahanga mu by'ubuvuzi bo muri iki gihe basobanukiwe akamaro ko kwiyiriza ubusa rimwe na rimwe. "Kuba umubiri wakoresha ingirabuzimafatizo zawo mu gihe wabuze ibyo kurya; ni uburyo bw'ibanze bukora mu rwego rw'ingirabuzimafatizo kugirango ukureho imyanda, usane ibyangiritse, wongere izindi ngirabuzima nshyashya. Nyuma y'amasaha cumi n'atandatu umuntu atarya, umubiri uzatangira kurwanya uturemangingo duto twanduza. Umubiri uzakomeza kurya ingirabuzimafatizo mbi n'ibyo wahunitse kugirango ubone imbaraga. Ibyo bituma umubiri wawe ugira amahirwe yo kuvanaho ibisigazwa by'ingirabuzimafatizo zidakwiriye, urugero ni nk'ingirabuzima za kanseri."¹⁹

"Kurya gusa ifunguro rya mu gitondo n'irya saa sita byagabanyije ibiro by'umubiri, bigabanya

ibinure byari bifashe ku mwijima, ndetse n'isukari mu gihe cyo kwiyiriza ubusa, kandi byongera ikinyabutabire cya insilini gikoreshwa n'umwijima cyane. Uwo musaruro werekana ko, ku bibazo by'isukari mu maraso, gufata amafunguro ahagije ya mu gitondo n'aya saa sita, bishobora kuba ingirakamaro kuruta kurya incuro 6 ku munsu."²⁰

4. Jya wirinda kurya birenze urugero

"Ni izihe ngaruka igifu kigira bitewe no kurya birengeje urugero? Gicika intege cyane, ingingo z'urwungano ngogozo zikagira intege nke n'uburwayi, hamwe n'izindi ngaruka z'ibibi bikurikiraho."²¹

Dukurikije ivuriro rya Mayo, havuzwe ko ibinure cyangwa kalori birenze urugero bihindurwamo ikinyabutabire cyitwa tirigiliseride, bikaba bitera umuvuduko ukabije w'amaraso, bigatera kuziba kw'imitsi y'amaraso, ndetse bikanatwika urwagashya.

Kurya ibyokurya birenze urugero buri gihe; ni icyaha gikomeye gituma umubiri urushaho gucika intege kandi bigatera umutimanama kudakora neza. Kugirango ushobore kunesha iyo myifatire, ugomba kwita kuri ibi: "Niba uziko uri umunyanda nini, wifatira icyuma ku muhogo wawe." (Imigani 23:2). Ibyo dushobora kubigeraho ari uko gusa dufashe icyemezo kivuye ku mutima cyo kwirinda tubifashijwemo n'Umwuka Wera.

5. Kwirinda muri byose

"Ineza yanyu imenywe n'abantu bose, Umwami wacu ari bugufi." (Abafilipi 4:5).

"Ntukihutire kurakara mu mutima, kuko uburakari buba mu mutima w'umupfapfa." (Umubwiriza 7:9).

"Namwe iyo murya cyangwa munywa cyangwa mukora ikindi kintu cyose, mujye mukorera byose guhimbaza Imana." (1Abakorinto 10:31).

"Ahubwo mbabaza umubiri wanjye nywukoza uburetwa, ngo ahari ubwo maze kubwiriza abandi nanjye ubwanjye ntaboneka ko ntemewe." (1Abakorinto 9:27).

"Kwirinda mu bintu byose by'ubu buzima bikwiriye kwigishwa no gushyirwa mu bikorwa. Kwirinda mu mirire, mu minywere, mu gusinzira, no mu myambarire ni rimwe mu mahame akomeye agenga imibereho y'Ubukristo bwacu."²²

Tugomba kunywa amazi ahagije buri munsu. Kubura amazi mu mubiri byangiza impyiko kandi bigatuma imikorere y'umubiri ihindagurika. Si ya mazi y'amabara, arimo ibintu runaka, arimo isukari, n'inzoga! Umwami w'umunyabwenge kuruta abantu bose mu mateka, yarasobanuye ati: "Vino ni umukobanyi, Inzoga zirakubaganisha, Kandi ushukwa na byo ntagira ubwenge." (Imigani 20:1).

Tugomba kwambara mu buryo bwubahisha

Imana kandi bukayihesha icyubahiro. Turi abantu bavuga ko bagendana n'Imana buri muni. Niba twifuza kugendana na Yesu mu buryo bwa bugufi kurushaho, tugomba kwambara neza twikwije. Abasera n'abakerubi bipfuka mu maso iyo bari imbere y'Imana. Ihame tugenderaho ku birebana n'imyambarire riboneka mu Gutegeka kwa Kabiri 22:5. None se bimeze bite ku byerekeranye no gusinzira? Igihe cyiza cyo kuryama ni hagati ya saa yine z'ijoro na saa kumi n'ebiri za mu gitondo. Ni akaha kaga gaterwa no kudasinzira bihagije?

"Ubushakashatsi bushya bwakozwe na kaminuza yo muri leta ya Iyowa, bwagaragaje ko abantu bakererwa amasaha make yo kuryama nijoro bagira uburakari bukabije kandi ntibashobore guhangana n'ibibaca intege; ugereranyije n'abantu baruhuka bihagije."²³

Mu gihe dufite ibibazo mu itorero cyangwa mu muryango wacu, birashoboka cyane ko twumva duherereza amakosa ku bandi bantu cyangwa cyangwa wenda abo twashakanye, ariko akenshi impamvu y'ibanze iba iri mu kudashyirwa mu gaciro kwacu. Kubera icyo mpamvu, tugira akamenyero ko kunenga abandi, gusebanya, kandi ikibabaje kurushaho, ni uko turangwa n'umwuka wo kutababarira. Mu gihe tugendera mu bugingo bushya, nimutyo twibande ku kwitegeka. Ntitugaherereze amakosa ku bandi, ahubwo nimureke dutangire kwisuzuma ubwacu turebe aho twananiwe kwiyubahirisha. Wenda dushobora kuba tutarya neza. Igifu cyacu kiruzuye, nyamara uturemangingo two dufite inzara. Ibyo biterwa n'iki? Ni ukubera ko tutarya indyo yuzuye. Mwibuke ko umuntu ushonje aba afite umujinya. Gerageza kunywa menshi kandi usinzire neza kugirango ugire amarangamutima meza.

6. Kwirinda ndetse n'Imvura y'Itumba

"Abantu bake niba bamenya isano iri hagati y'ibyo bakunda kurya n'ubuzima bafite, imico yabo, akamaro bafite muri iyi si, ndetse n'amaherezo yabo y'iteka ryose."²⁴

"Ubwoko bw'Imana bugomba kwirinda icyo kwirinda muri byose bisobanuye. ... Mbere yuko bashobora mu by'ukuri gusobanukirwa icyo kwezwa by'ukuri no guhuza n'ibyo Kristo ashaka bisobanuye, bagomba, binyuze mu gukorana n'Imana; kunesha ingeso n'ibikorwa bibi."²⁵

"Nta muntu n'umwe muri twe uzakira ikimenyetso cy'Imana mu gihe imico ye ifite ikizinga na kimwe. Ni ahacu gukosora inenge zo mu mico yacu, ndetse no kweza urusengeru rw'umutima rukavamo guhumana kose. Ubwo nibwo tuzasukirwa imvura y'itumba nk'uko abigishwa basukiwe imvura y'umuhindo ku muni wa Pentekote."²⁶

Umwanzuro

Ubu noneho dusobanukiwe ko kugirango duhabwe imvura y'itumba, tugomba kugira imibereho yejeje nk'uko Imana ibidusaba. Kugirango tugere kuri uko kwezwa, tugomba kunesha ibyaha by'uburyo bwose byerekeranye n'imirire n'uko tubayeho.

Kubera ko turi abantu b'abanyabyaha, ntidushobora kubigeraho kubw'imbaraga zacu

bwite. "Kurandura akamenyero umuntu yagiye yitoza mu buzima kandi akaba yaragatoje ipfa rye, ni ikintu kigoye cyane. Umudayimoni wo kutirinda ntabwo atsindwa mu buryo bworoshye. Afite imbaraga nk'iz'igihanda kandi kumutsinda birakomeye."²⁷

Uburyo bumwe rukumbi bwo kubigeraho ni ukwemera irarika rya Yesu, "Mwese abarushye n'abaremerewe nimuze munsange ndabaruhura." (Matayo 11:28).

Tugomba gusohozwa uruhare rwacu maze tukareka Yesu akadukoreramo mu buryo bwuzuye. "Nuko abo nkunda, nk'uko iteka ryose mwajyaga mwumvira uretse igihe mpari gusa, ahubwo cyane cyane ntahari, mube ari ko musohozwa agakiza kanyu mutinye, muhinda imishyitsi, kuko Imana ari yo ibatera **gukunda no gukora ibyo yishimira**." (Abafilipi 2:12,13).

Nibyo, kwinezeza birakomeye ariko biroroshya kubitsinda; biragoye niba tubikora twenyine, ariko biroroshya niba Yesu ariwe udufasha. Mbese koko urifuza kuba umuneshi? Ese urizera ko Yesu ashobora kugufasha? Nk'itorero tumaze imyaka 100 turi kuri uyu mubumbe. Turarushye kandi buri wese muri twe arashaka gutaha, si byo se? kubw'ibyo rero, dukwiriye gukorana n'Imana mu nyigisho Zayo zose, binyuze mu mbaraga ishaka kuduha; no gusenga dushyizeho umwete dusaba ko Yesu yaza vuba ku bicu byo mu ijuru kugirango atwijyanire iwacu.

Aho biboneka:

¹Kwirinda kwa Gikristo n'Isuku ya Bibiliya, p.28,29.

²Kwirinda, p.138.

³Ivugabutumwa, p.265.

⁴Inama ku Mirire n'Ibyo Kurya, p.380.

⁵Pacific Union Recorder, October 9, 1902.

⁶Abageze mu Zabukuru, p.129.

⁷Inama ku Mirire n'Ibyo Kurya, p. 70.

⁸Ibid., p.44.

⁹Ibid., p.407.

¹⁰Ibid., p.25.

¹¹Ibhamya by'Itorero, vol.3, p.563.

¹²<https://www.sciencedirect.com/topics/earth-and-planetary-sciences/nitrosamine>

¹³<https://www.cancercouncil.com.au/1in3cancers/lifestyle-choices-and-cancer/red-meat-processed-meat-and-cancer/>

¹⁴Ibimenyetso by'Ibihe, kuwa 30 Nzeri, 1897.

¹⁵<https://timesofindia.indiatimes.com/life-style/health-fitness/diet/fruits-you-should-not-have-together/articleshow/58459356>

¹⁶Inama ku Mirire n'Ibyo Kurya, p.179.

¹⁷Kwirinda kwa Gikristo n'Isuku ya Bibiliya, p.58.

¹⁸<https://pmc.ncbi.nlm.nih.gov/articles/PMC6520689/>

¹⁹<https://drpomp.com/fasting-diet/fasting-autophagy>

²⁰<https://lifepa.com/diet-detox/diet/6-meals-a-day>

²¹Inama ku Mirire n'Ibyo Kurya, p.101.

²²Kurera Umwana, p.394.

²³<https://www.healthline.com/health-news/why-a-lack-of-sleep-can-make-youangry>

²⁴Abahanuzi n'Abami, p.562.

²⁵Kurera Umwana, p.396.

²⁶Ibhamya by'Itorero, vol.5, p.214.

²⁷Kurera Umwana, p.408.

Gukurwa mu Bigera- 5 gezo Bikaze

Kuwa Gatandatu, 18 Nyakanga 2025

Byateguwe na Liviu Tudoroiu

ISABUKURU Y'IMYAKA IJANA

Dufite amahirwe y'umugisha yo gutuma iki **Cyumweru cyihariye cyo Gusenga** kiba ikinejeje kubw'ibitekerezo bike by'amateka, by'umwihariko muri iki gihe aho benshi bishimira imyaka 100 tumaze tubayeho nk'itorero, mu gihe abandi bagaragaza impungenge zikomeye ku mikorere yacu y'iby'umwuka.

Kugirango tumenye mu by'ukuri uko imimerere yacu y'iby'umwuka imeze, haba buri muntu ku giti cye cyangwa mu rwego rw'itsinda ry'abizera, tugomba mbere na mbere kumenya isoko y'ihinduka ryose ryiza, ishingiro ry'ibikorwa byose byiza, Uwihishuye ubwe ko ari "inzira, ukuri, n'ubugingo." Turamutse tutamufite nk'icyitegererezo gitunganye, ntidushobora kumenya imimere yacu nyakuri y'iby'umwuka.

Uko twitekererazaho bishobora gutandukana bitewe n'uko tubona ibintu. Dushobora kurebesha amaso y'Umukiza wacu, tugashaka ukuri Kwe, cyangwa tukarebesha amaso yacu ya kameremuntu wikanyiza, uwo usanga akenshi atabona intege nke ze, ku buryo adashobora kugera kure yishingikirije ku cyubahiro kiranga imico ye. Nyamara kandi, **izina ry'icyubahiro ni ikimenyetso gisigara mu bwenge bw'abantu ku birebana n'uwo turi we; imico ni ukuri kw'Imana ku byerekeranye n'icyo turi cyo n'abo turi bo mu by'ukuri.**

Niyo mpamvu **UKURI** ari ikintu cy'ingenzi cyane; nk'uko benshi muri twe tubizi, ukuri kunyura mu byiciro bitatu: icya mbere, kurwanya cyane; icya kabiri, gusekwa; icya gatatu, kwemerwa n'abantu bose. Uku "Kubiganiraho" gukomeje, kwerekana kwerekana uburyo butandukanye bwo kwishimira imyaka 100 y'insinzi cyangwa se gutekereza imyaka 100 "y'ibyagezweho" bivanze n'ibyaduciye intege. Ibyo bituganisha ku ngingo ikurikiyeho mu bushakashatsi bwacu.

Kuva mu mwaka wa 1914 kugeza mu mwaka wa 1945, umubare munini w'abizera b'Abadiventisiti bemeraga badashidikanya intambara z'isi zariho icyo gihe zari kugaragaza iherezo ry'imibereho y'abantu, kandi ko zari gutuma habaho kugaruka kwegereje k'Umwami wacu Yesu Kristo. Mu rugaryi rw'umwaka wa 1913 no mu mezi abanza y'umwaka wa 1914, abantu benshi barushijeho kwizera ko intambara y'urujijo n'urugomo ziba ku isi, akaba atari ahanu abantu b'imitima itaryarya kandi b'inyangamugayo bashobora kwitegurira kuzabaho iteka. Mu by'ukuri, ibyo byiyumvo

ntibyakwirakwijwe gusa mu bizera b'itorero bari bategereje kugaruka kwa Kristo, ahubwo byakwirakwijwe no mu bantu benshi batemeraga ko Imana ibaho, abahakanamana, n'abantu bo mu madini anyuranye.

Mbese amaraso y'abishwe bahorwa ukwizera kwabo ntiyari ahagije ku buryo yatuma abantu bashidikanya bahakana ko iryo tsinda ari iry'ukuri?

Mu gitabo cye yanditse cyitwa "Imikorere y'Abanyabubasha" ku ipaji ya 217, intiti mu bya Bibiliya yitwa Walter Wink, yavuze ko "itorero ryari ryarahagurukiye kurwanya igutugu cy'ubwami bw'Abaroma mu butaragwamo urugomo, ryaje kwisanga rifite insinzi mu buryo ritari ryiteze...

Nk'uburyo bwo kubungabunga ubutware bwaryo bwa cyami; byasabye ko itorero itorero ritanga ikiguzi cyo kwemera ko urugomo rukoresha.

Ariko ikurwaho ry'urugomo mu butumwa bwiza byakuyeho ibuye fatizo ryari rishingiweho, bituma Ubukristo buhinduka idini ry'umuntu ku giti cye n'ubuzima bwa nyuma y'urupfu burindwa n'Imana y'inyaburakari kandi iteye ubwoba. Iyo gahunda yose yayoborwaga neza n'itsinda ry'abapadiri b'ibirangirire, bari bashyigikiye n'abategetsi b'isi, ubu mu mateka bakaba bafatwa nk'abakozi b'Imana batoranyijwe."

Carl Von Clausewitz, umwanditsi w'igitabo Vomuri Kiriyege – igitabo kivuga ku ngamba zifashishwa mu ntambara, ashobora kuba ari umwe mu bantu b'abahanga mu bya gisirikare bafite ubushobozi bwo gushyira mu bikorwa igitekerezo cy'intambara nk'igikorwa cy'imbaraga cyo guhatira umwanzi gukora ibyo dushaka, kandi na none, **iyi ntambara igaragarira mu buryo butatu butangaje: bugizwe n'ubugizi bwa nabi, urwango, n'ubwanzu, bigomba gufatwa nk'imbaraga kamere y'impumyi.**

Nyamara kandi ibigaragazwa n'uku kuri, abahanga mu bya tewolojiya bagerageza guhuza imico ya Yesu Kristo n'urugomo rw'intambara.

Abayobozi bafite imitekerereze nk'iya Kayafa, iyo bahuye n'ikigeragezo cyo gutakaza ubutware bwabo, bavugana ubukana bati: "Tugire dute ko uwo muntu akora ibimenyetso byinshi? Nitumurekera dutya bose bazamwizera, kandi Abaroma bazaza barimbure umurwa wacu n'ubwoko bwacu." (Yohana 11:47,48).

Yesu ntiyigeze ajya mu ntambara, kandi ntiyigeze agirira nabi umuntu uwo ariwe wese cyangwa itsinda ry'abantu haba mu buryo bw'umubiri, cyangwa mu buryo bw'amarangamutima. Mu guhangana n'umuho w'intambara wari wogeye mu gihe cyo, yagaragaje uko imyitwarire y'umuntu igomba kuba mu bihe nk'ibyo by'amakuba: "Mwumvise ko byavuzwe ngo 'Ukunda mugenzi wawe, wange umwanzi wawe.' **Ariko jywewe ndababwira nti 'Mukunde abanzi banyu,** musabire ababarenganya." (Matayo 5:43,44).

Bityo rero, abashyizeho urufatiro rw'Abadiventisiti, n'abagorizi bakurikiyeho; bakurikije urugero rwa Kristo, basobanukirwa ko kugira imyifatire nk'iyi no gukunda abanzi bawe, bisaba umuntu gutakaza umudendezo, agafungwa, agashinyagurirwa, ndetse akanicwa. Abadiventisiti bakundaga Yesu by'ukuri bari bazi ikiguzi bagombaga kwishyura kugirango bagaragaze ukwizera kwabo mu ijwi riranguruye.

Mu mpeshyi, buri wese yishimiraga umunezero. Ariko mu itumba, cyabaga ari igihe cy'amakuba; no gutekereza ku kuntu warangurura ukwizera kwawe, bikaba byarashoboraga gutuma utakaza kwemerwa n'umuryango mugari w'abantu muri rusange. Iki gihe nibwo ukwizera kwacu kugiye kugeragezwa ubwo incuti twahoranye kera zizahinduka abanzi bacu.

Muri Raporo ngarukamwaka ya gatatu y'lhuriro y'Inteko Nkuru Rusange y'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi, mu Rwibutso n'Integuza, kuwa 23 Gicurasi, 1865; igitekerezo rusange cyari iki gikurikira: "Dutegetswe kwanga kugira uruhare urwo arirwo rwose mu bikorwa by'intambara no kumena amaraso." Nyamara mu gihe cy'intambara ya mbere y'isi yabaye mu mwaka wa 1914 kugeza mu wa 1918, Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi benshi – 98% hakurikijwe ibipimo bimwe na bimwe, bahatiwe kujya mu ntambara; bifatanyaga n'imashini y'ubwicanyi ku isi hose, bazi neza ko imyifatire nk'iyi yari inyuranye n'imyizerere yabo.

Abantu bake cyane, ni ukuvuga 2% gusa; bahisemo inzira inyuranye n'iyi. Bahisemo kuba abantu basuzuguritse, abaturage bakabafata nk'abaciye, aho kureka Kristo no kugomera amategeko y'Imana. Kubera ko bari baracengewe n'Umwuka wa Kristo mu buryo buhamye, icyo gihe bahuye n'ibigeragezo; amaso yabo akaba yari ahanze ku bwiza bwa cya gihugu kindi – aricyo gihugu gihoraho. Basobanukiye neza ko imitekerereze y'intambara idashobora na rimwe guhuza n'itegeko rigira riti: "mukunde abanzi banyu." Kuba amategeko n'Imana n'amategeko ya Kayisari bitarashoboraga guhuza, byatumye batotezwa mu buryo bukaze, ibyo bikaba byaragerageje icyemezo abo bantu b'indahemuka bafashe.

Igihe n'ahantu akenshi byagiye bishora mu ntambara abasore babaga batanziranye kandi ntibanageriraga urwango, bahatirwaga kwica kubera impamvu zashyizweho n'abantu bakuru bakeya baziranye kandi bafitanye urwango rukomeye ariko ntibababwirakwira gufata intwari bo ubwabo.

Ntibigoye kubona ko iyo ngengabitekerezo ihabanye cyane n'imico y'Imana. Igaragaza rwose inkomoko y'icyaha. Igikorwa cyo guhatira ibiremwa bifite kuvuga cyangwa gukora ikintu kinyuranyije n'umutimanama wabyo bigaragaza itangiriro ry'intambara ikomeye mu ijuru; ubwigomeke bufitse umuzi ku guhatira no kwangiza umudendezo



Gusubiza amaso inyuma no Kurabagirana

Kuvugurura bikubiyemo ibikorwa! Nimutyo tugaragarize umucyo wa Kristo mu bikorwa byacu. Nimutyo dufate akanya dutekereze by'ukuri:

[buri wese yibaze] mbese mfite ubutwari bwo guhagarara nshikamye mu bihe by'amahoro? Byagenda bite se mu bigeragezo?

Gusoma igitabo cya Yobu utabanje guhura n'ibigerageze byamugezeho ni kimwe; ariko kugisoma mu gihe cyo kwiwiriza ubusa no gusenga mu bihe by'imibabaro ikomeye, ni ikindi.



w'Imana.

Ubutwari mu gihe cy'akaga

Mu mpeshyi, ibiti byose biba bifite ibara ry'icyatsi kibi, ariko iyo igihe cy'itumba kigeze; ibiti bisanzwe ari icyatsi kibisi nibyo gusa bikomeza kugira ibara ryabyo. Ni muri ubwo buryo, mu bihe by'amakuba y'iby'umwuka n'imibereho y'umuryango mugari w'abantu, nibwo imico yacu nyakuri igaragara. Iyo ibirimi by'unuriro bikoze ku birenge byacu, nibwo gusa tumenya abo turi bo by'ukuri. Abantu bagwa mu moshya bashobora kwitwa "Abakristo bakunda kudamarara".

Mbere yuko icyo gihe cy'ibigerageze kigera, biratworohye kuvuganira ukuri mu gihe itarabirwanya; ariko iyo akarengane gatangiye, mbega ukuntu abantu bake cyane aribo baba biteguye gutanga ikiguzi cy'ukwizera kwabo bavugaga! Benshi bari bashishikajwe no gukurikira Yesu igihe yatangaga imitsima ku buntu ku misozi y'i Yerusalemu, nyamara se ni bangahe muri abo bajyanye mu rugo intonga cumi n'ebiri z'ubuvungukira bari biteguye guhura icyubahiro cyabo kugirango bahagarare iruhande rw'Umwana w'umuntu wicishaga bugufi, wabambwe hagati y'ijuru n'isi.

Abigishwa baciwe intege cyane n'uko Yesu atiyerekanye ko ari Imana y'ijuru n'isi binyuze mu kugaragaza imbaraga n'ubutware bivuye mu ijuru. Bari kwishimira kumubona nk'Umwami wa Isirayeli watsinze, ntibamubone nk'umuntu uriho ikimenyetso cy'uko ari umugizi wa nabi, wahamwe n'icyaha "cyo kugandira ubutegetsu bw'Abaroma."²

Gusoma igitabo cya Yobu utabanje guhura n'ibigerageze byamugezeho ni kimwe; ariko kugisoma mu gihe cyo kwiwiriza ubusa no gusenga mu bihe by'imibabaro ikomeye, ni ikindi. Kuririmbira Kristo ni kimwe, ariko gupfira Kristo byo ni ikindi. Kogera muri pisine ni kimwe, ariko kogera mu nyanja byo ni ikindi, aho uba ugomba guhangana n'imiraba yaho.

Ibihe bigoye bituma abantu baba abanyambaraga, kandi abantu bakomeye batuma habaho ibihe byiza. icyakora kandi, ibihe byiza bituma abantu bagira intege nke, kandi abantu b'abanyantege nke nibo batuma habaho ibihe bigoye. None nimurebe aho turi, nyuma y'imyaka 100 tubayeho, duhanganye n'ibibazo n'akaga, duhura n'ibizazane bishya maze bikagaragara nk'imigirire y'imikorere mishya, "yigaragaza uko iri" ku marembo y'itorero.

Igisekuru cy'abaharanira Ivugurura cyavutse mu bihe bigoye, nuko giherekanye n'ikindi cyagikurikiye, cyubatswe n'abantu bakomeye. icyakora muri iki nubwo bigaragara nk'aho isi iyobowe n'abantu b'abanyantege nke, ibyo byatumye twongera guhura n'ibihe bigoye.

Abagize igisekuru gishya cy'Abavugurura, bahanganye n'ibishuko n'ibikangisho bikaze cyane kuruta ibyo bari barahuye na byo mbere. Ab'igisekuru cyatambutse baruhukiye mu mahoro, amarimbi bashyinguwemo yaribagiranye, mu gihe abana babo n'abuzukuru babo bibuka bike cyane ku ntambara ba sekuruza babo barwanye.

Mu gihe cy'imyaka irenga 2,000 Roma n'isi, binyuze kuri "Kayisari" byagiye bigerageza gushuka Abakristo b'indahemuka kugirango bagire ibyo bahindura ku birebana n'ukwizera bafitiye Yesu no kwica amategeko y'Imana. Kuva mu gihe cya Kristo, amategeko y'Abaroma niyo yagiye aganza mu kugenga abantu, Abakristo ba mbere batanze amazina yabo, bahara icyubahiro cyabo n'ibyo bari batunze, ndetse amaherezo bemera no gupfira umukunzi wabo Kristo, bashingiye ku itegeko rikomeye ryavugaga ngo "Non licet es vos!" —"Ntiwemerewe kubaho!" Ubu ngubu, "Kayisari wo muri iki gihe" na we asaba ikintu nk'icyo: kuganduka utiriwe utekereza niba bikwiriye, bitaba ibyo ukaba ukwiriye gupfa. Ibyo nibyo byatumye habaho Ivugurura mu Badiventisiti b'Umunsi wa Karindwi.

Ni iby'ukuri ko impano y'ubuzima twahawe n'Imana iba ikubiyemo "umusaraba" wacu bwite. Imana itanga umusaraba, ariko abantu nibo bawuteramo imisumari. Kubw'iyi mpamvu, dufite ingeri ebyiri z'amateka; imwe yanditswe n'abatotezaga bakoresheje wino y'ubugome, indi yanditswe n'abishwe bahorwa ukwizera kwabo bayandikisha amaraso yabo bwite.

Isuzuma ritarangwamo uburyarya

Ba sekuruza bacu, aribo batangije ivugurura, banditse amateka yabo bakoresheje amaraso yabo bwite, kuko bahaye agaciro ukuri bakurutisha icyubahiro cy'iyi si cy'akanya gato. Mu bihugu by'Abakominisiti nka Romaniya, abizera bacu bavukijwe uburezi bw'ibanze, bamburwa umudendeko n'uburenganzira bwa muntu. Muri ibyo bihe by'umwijima, abategetsu benshi bari kwirata bati: "Reka dutegereze imyaka mike gusa, muzashiraho burundu." Ariko yitaye ku bwoko Bwayo igihe cyose, kandi amaherezo abakandamizaga nibo barimbutse, bicwa n'ubwibone bwabo.

Kugirango turabagirane umucyo, ntidukeneye guhutaza abandi cyangwa ngo tubanegure mu magambo yacu no mu bikorwa byacu. Nimutyo imico ya Kristo irabagirane muri twe, nibwo impaka zerekeranye no kumenya "uwera kurusha undi" zizashira. Nimureke umwuka w'ijuru udutwikire aho tujya hose, kugirango abantu batabona ko turiho nk'itorero gusa, ahubwo banamenye itandukaniro riri hagati y'icyiza n'ikibi. Baziyumvisha ingaruka zo kuba turi mu muryango mugari w'abantu. Nguko uko tuzagira itandukaniro.

Nitwe bireba: mbese tuzahakana ukuri cyangwa tuzemera gukura? Tugomba kwibuka ko kugera ku nsinzi bidasuzumirwa ku burebure bw'umusozi dushobora guterera, ahubwo bireberwa ku mubare w'abantu dushobora kugeza ku gasongero kawo.

Uramutse urebeye gusa ku mubare w'abizera barigize, wasanga itorero risa nk'aho ntacyo ryagezeho mu bwiyongere. Ariko turamutse turebeye ku ndangagaciro z'abarigize, atari ku bwinshi bwabo, twaba tubona mu buryo butandukanye rwose umurimo w'itorero. Muri Zefaniya 3:12, Uwiteka aha isezerano abasigaye bo mu gisekuru giheruka: "Ahubwo nzagusigamo ubwoko bw'indogore n'abakene, kandi baziringira izina ry'Uwiteka." Ayo magambo agaragaza ko ku iherezo ry'isi, abagize ubwoko bw'Imana batazaba ari imbaga y'abantu benshi basakuza bishimira ko batsinze, ahubwo rizaba ari itsinda ry'abantu bababaye kandi bicishije bugufi, bizera izina ry'Imana gusa.

Nk'uko dushobora kubibona, nta kurata cyangwa kugaragaza imbaraga mu buryo burenze urugero bizabaho mu gihe cyo kugaruka kwa Kristo. Ahubwo, hari abasigaye b'indahemuka, b'abanyamubabaro, batitabwaho n'abantu, kandi badashishikazwa n'amahame y'isi ku byerekeye ubutunzi n'ubwinshi bw'abayobohe. Nyamara nibo batwara umucyo w'ukuri kw'Imana.

Mbese ni iki kirimo kuba?

Iyo ubwiza bw'Uwiteka buturasiye, nibwo gusa dushobora kugaragaza ko dufite imico itunganye itwerekeza ku kwizinukwa no kwanga ukwinezeza kurangwamo inariye duterwa na kamere yacu y'inyacyaha. "Igihe imico ya Kristo izagaragarira mu bwoko Bwe mu buryo butunganye, nibwo azaza kubatwara nk'abe bwite."³

Mu gihe dutekereza ku gihe cyacu cyahise, dushobora kwemeza ko Kristo yakomeje kubana n'ubwoko Bwe mu bigeragezo no mu mibabaro. Mu nguni zose z'isi, aho bene data bagiye bahura n'ukurwanywa gukomeye, Yesu yabaga ahari, akitegereza ubudahemuka bwabo, akabamurikishiriza ubwiza Bwe. Muri buri cyumba cy'urukiko, muri buri kasho y'umwijima ya gereza za kure, Yesu yabaga ari kumwe n'umugeni We. Ubutegetsu bw'igitugu bwateje imibabaro ikomeye, bufunga, kandi bucekesha abizera b'itorero, bubambura umudendeko wabo n'ubwisanzure bwo kuvuga. Abaharanira ivugurura bamaze imyaka myinshi bamamaza ukuri. Kubwo kuba abasigaye bahanze amaso amategeko y'Imana kuruta amategeko y'abantu, bagiye bagerwaho n'ingorane nyinshi, bituma abakomeye bo muri iyi si babagirira urwango.

Birasa n'aho nta kintu icyo aricyo cyose twagerageje kugeraho cyigeze gishimisha ijuru ku buryo byatuma Yesu arangiza umurimo We wo gusabira abantu mu buturo bwera, kandi imico ye ikagaragarira mu buryo bwuzuye muri twe. Turacyari hano ku isi, dusangiye ibirushya, dusangiye amavuriro, dufite indwara zimwe, kandi ibituro tuzahambwamo ni bimwe nk'iby'abandi bantu bo ku isi. Hari ikintu kimwe cyabuze muri ibi ngibi, cyibutsa ikibazo cyabajijwe n'umusore w'umutunzi muri Matayo 19:20, "icyo dusigaje ni iki?"

Imibare y'Imana

Dukunda kwibanda cyane ku kubarura umubare w'abizera bagize itorero ryacu, tumenyereye guha

agaciro cyane ubwinshi bwabo; ariko Uwiteka atwibutsa ko insinzi ishobora kugerwaho kabone nubwo baba bake rwose.

Tekereza kuri raporo y'ubwinshi bw'abantu bari bagandagaje mu kibaya cya Dura: abantu batatu b'indahemuka bahagaze batemeranya n'ubwami bwa Babuloni bwari bunini cyane. Igihe yajugunywaga mu rwobo rw'intare, Daniyeli yari umwe, mu ngabo z'Abamedi n'Abaperesi zari zishyize hamwe. Mu gihe cy'umwamikazi Esiteri, Moridekayi na Esiteri bari bahanganye n'abantu batabarika batotezaga Abayuda.

Kandi i Kaluvari, tuhabona Simoni w'Umunyakurene, umutware utwara umutwe w'abasirikare, n'igisambo ku musaraba, bahanganye n'itsinda rinini ry'abantu bari barakaye cyane. Ariko kandi, muri ibyo bihe byose; abo bantu bari bonyine, nibo batahukanye insinzi nyakuri muri benshi.

Namenye ko imibare igaragaza gusa ko mu nyanja harimo ubwato cyangwa inkuge mu nyanja. Imibare gusa ntacyo imaze iyo Imana itabigizemo uruhare, ariko igihe iyo mibare ihujwe n'Umukiza wacu; igira agaciro gakomeye cyane. Umuntu umwe kongeraho Imana bihwanye na benshi.

Ijambo ry'Imana ryahumetswe riragira riti: "Imana ifite abana, ndetse benshi muri bo bari mu matorero ya Giporotesitanti, kandi ikagira n'umubare munini muri kiliziya Gatolika b'abanyakuri rwose mu kumvira umucyo bazi, kandi b'abanyakuri mu gukora uko bashoboye kose bagakurikiza ibyo bazi kurusha umubare munini wo mu Badiventisiti bubahiriza Isabato batagendera mu mucyo."⁴

Eliya yari umunyamabanga mwiza cyane. Yigeze gutanga raporo yerekana umwizera umwe. Ariko iyo raporo yari iy'imbere mu itorero. Amateka atwigisha gukurikirana na raporo y'abantu b'indahemuka bari hanze y'itorero. Imana niyo yabaye umunyamabanga wa raporo y'abo hanze y'itorero. Eliya yabaye umunyabanga wa raporo y'imbere mu itorero. Imbere mu itorero harangwaga umwizera umwe gusa, ariko hanze yayo harangwaga abizera 7,000.

Umunyamabanga w'imbere mu itorero, ariwe Eliya, yatangajwe cyane na raporo y'umunyabanga wo mu ijuru wari wavuze iby'abo bantu 7,000. Ikibazo Eliya yari afite si umubare gusa, ahubwo wenda icy'ingenzi kurushaho ni impamvu Imana itamuhishuriye iryo banga nk'umuhanuzi. Kubw'ibyo rero, turabona ko n'abahanuzi badashobora gusobanukirwa ubushake bw'Imana, kandi ku rundi ruhande, ntibashobora kubona igiceri [cyatakaye] batagihishuriwe n'Imana.

Muri iki gihe, dushobora gukora ikosa nk'iryo umuhanuzi Eliya yakoze. Nizera ntashidikanya ko Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi Bavugurura bahagarariye umuhanuzi Eliya. Kandi kubera iyo mpamvu, ndatekereza ko dufite akamenyero ko kwibwira ko ari twe bantu bonyine basigaye mu isi, nk'uko Eliya yabyibwiraga, ko ari twe twenyine bantu b'indahemuka ku Uwiteka.

Ariko dufite abandi bene data na bashiki bacu batabarirwa mu itorero, kandi tuzatungurwa cyane no kubabona bavuye mu mpande zose z'isi, bifatanye n'ukuri kwamamazwa n'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi Bavugurura.

Mu gihe umurimo w'Imana uzarangizwa n'imbaraga y'Umwuka Wera, bamwe muri twe bazaba bamaze gupfa. Ubutumwa buzatandukanya abantu kandi bwongere kubaha icyerekezo hakurikijwe ibyo bafite mu mitima yabo.

Bamwe bafite imyifatire y'ubworoherane bazifatanya n'isi mu buryo bwihuse cyane; naho abandi bafite imyifatire yo gutsimbarara ku myifatire igendera ku mategeko ubutagamburura, bazagwa mu bwaka. Keretse gusa abantu bishingikiriza kuri Kristo nibo bonyine bazakomeza gusigasira iby'umwuka mu buryo bwiza, kandi bakurikize icyitegererezo gitunganye cya Kristo, We wagaragaje ubutabera n'imbabazi mu buryo buboneye.

Amatsinda abiri atandukanye

Hariho itsinda ry'abantu bari bazi ukuri, ariko bakaba batarejejwe na ko. Mu mvugo yo muri iki gihe, ibyo tubyita "ubwigenge"; ni ukuvuga umudendeze wo kwishora mu byaha.

"Ubwo umugaru uteye ubwoba uzaba wegereje, inteko nini y'abantu bavugaga ubwabo ko bizera ubutumwa bwa Marayika wa gatatu, ariko bakaba batarejejwe binyuze mu kumvira ukuri, bazava ku kejo maze bifatanye n'abarwanya ubwo butumwa. Ubwo bazifatanya n'ab'isi kandi bagahuza na bo imigambi, bazaba babona ibintu kimwe; maze ubwo ikigeragezo kizabageraho, bazaba biteguye guhitamo ikiboroheye, aricyo ruhande rurimo benshi. Abantu bafite impano ndetse bazi kuvuga neza, bahoze bishimira ukuri, bazakoresha izo mpano zabo mu gushuka no kuyobya abantu benshi. Bazahinduka abanzi bakomeye b'abo bizeraga kimwe"⁵

Ubwigenge butuma umuntu agaragaza ibitekerezo by'amajyambere, bityo agatwarira isanduku ibumoso. Ku rundi ruhande, abantu bashyira mu gaciro, bazwiho kuba ari abahanga mu by'amategeko, batwarira isanduku iburyo. Ibyo aribyo byose, ni uburyo bwo kuyobora ubwato. "Niba Satani adashobora kugumisha abantu mu rubura rw'ubunenganenzi, azagerageza kubashora mu bwaka bukaze."⁶

Abasigaye bo mu bwoko bw'Imana ntibazatega amatwi ibitekerezo bivuga iby'ubwigenge bidafashije, cyangwa ngo bumve ibitekerezo bidafite ireme by'ibyo Imana ishaka bitangwa n'abantu bagira ishyaka ry'amategeko. Ahubwo mu cyimbo cy'ibyo, kubw'ubuntu bw'Imana, ntitugomba, "guhindukirira iburyo cyangwa ibumoso, [ahubwo tugomba] gukura ikirenge cyacu mu bibi." Imigani 4:27.

Ubwoko bw'Imana bwasisigaye, abazaba barakijijwe, bazakoreshwa nk'inzabya z'Imana, bazaba bafite amavuta y'Imana (Umwuka Wera), nk'umugabane w'uwo murimo ukomeye ugomba kugeza ku bantu ubutumwa buheruka mbere y'iherezo ry'amasegonda make azasoza amateka ya muntu.

Ibyigisho bigomba kwigwa

Hari ikindi kibazo giherutse kubaho ku

isi yose cyadusigiye isomo nk'itorero. Twumvaga ibitekerezo by'abantu bivuguruzanya mu buryo butagize icyo butwaye. Byari umuraba woroheje, nyamara byateje imvururu ahantu hamwe na hamwe, tekereza ubwo undi muraba uzaba uje. Mbese tuzaba tugikomeje kuba incuti, cyangwa bamwe bazagaruka ku myifatire nk'iyi bagaragaje mu bihe nk'ibi by'ibibazo byugarije isi.

Bisa n'aho tutitaye ku ngorane duhura nazo, tukaba twirengagiza akarengane nyakuri katugeraho. Mu gihe cy'umyaka myinshi, nagiyembona ko dufite akamenyero ko guteza imbere icyifuzo cyo kwiga ingingo zihanitse mu byerekeranye n'impaka zigibwa muri tewolojiya, mu gihe tureka kwita ku bantu b'agaciro kenshi tubona ko batagifite ibyiringiro. Icyakora, Yesu ababona nk'ab'agaciro, akabakunda bikomeye.

Ntidushobora kurwanya igihe. Mu gihe tukiri hano ku isi, niko dushobora kugaragaza ko tudashishikajwe cyane n'iby'ijuru. Uko turushaho gutinda hano, niko turushaho kwigira nk'aho turi abaho. Nk'uko Abayuda bigiraga nk'aho bifatanyije na sekuru Aburahamu, niko natwe dushobora gusaba kwifatanyira nk'abatangije ubugorizi mu mwaka wa 1914 tudafite imibereho yabaranze. Umugani w'umunyabwenge uragira uti: "uko turushaho kwiyehera, niko turushaho kuba abatagize icyo bafite."

Ikibabaje ni uko, "abatuye isi bitangiyeye cyane kuyoborwa na Satani. Akora nk'imana y'iyi si. Abantu bishyize mu maboko y'umubi rwose, bakorana na we mu migambi ye, bakamufasha mu migambi ye yo kurwanya ubutegetsu bw'Imana."⁷

Intego y'uwo mugome ukomeye buri gihe yabaga ari iyo kwiregura no kugerageza kugaragaza ko ubutegetsu bw'Imana ari bwo bwatumye yigomeka, bigatuma imbaga y'abantu benshi bemera uburyo bwe bwo gusobanura intambara ikomeye imaze igihe kirekire cyane. Mu gihe cy'umyaka ibarirwa mu bihumbi, uwo mugambanyi yashyize ibinyoma mu mwanya w'ukuri. Twese twasomye igitabo cy'Intambara Ikomeye, nyamara ntitwigeze dusanga dusaba Umwuka Wera umuti wo gusiga ku maso. "Iyindi ngeri" izerekeza umusomyi ku mwanzuro utandukanye rwose n'uwo.

Iyo dusubije amaso inyuma tukareba ibyo twagezeho n'ibyatumaniye mu myaka 100 ishize, nk'ubwoko bw'Imana dushobora kubona ko hari aho twagize ibihe byiza n'aho twagize ibihe bibi. Niba hari ibyagezweho byiza, tubikesha Imana. Mu by'ukuri, dufite byinshi byo kwigira ku nsinzi yagezweho, ndetse no bicantege byatugezeho.

Kugirango tubitekerezeho

Iyo turebye abigishwa n'ibyababayeho mu gihe cyahise, abenshi muri bo ntibari kuba bujuje ibisabwa kugirango babe bagenzi bacu muri iki gihe. Matayo yari umukoresha w'ikoro, Petero yari umuntu uhubuka kandi utarize, Yohana yari umunyamahane, Toma yari umuntu ushidikanywa, Yuda yari umunyabwenge wagiraga uburiganya, kandi urutonde rushobora gukomeza.

Iyo turebye mu isezerano rya kera, Mose ntiyari yujuje ibisabwa kugirango abe umwe muri

*Namenye ko
imibare igaragaza
gusa ko mu nyanja
harimo ubwato
cyangwa inkuge
mu nyanja. Umuntu
umwe kongeraho
Imana bihwanye
na benshi.*



bagenzi bacu kuko yishe umunyegiputa abihereye uburenganzira n'Imana.

Mbese twavugaga iki kuri mukuru we Aroni wahawe inshingano z'ubugabura mu itorero; maze mu buryo bw'umwihariko nyuma yaho akaba ariwe wayoboye abantu mu buhakanyi binyuze mu gushongesha izahabu maze akararikira abantu gusenga ikigirwamana cy'inyana y'izahabu?

Ni iki twavugaga kuri Eliya utari kuzuza ibisabwa kugirango abe mugenzi wacu, bitewe n'uko yari yaragambaniye umurimo w'Imana agahunga Yezebeli?

Mu isezerano rishya, dusangamo abantu b'intwari zikomereye bongeye kwisubiramo:

Yohana Umubatiza, nyuma yo kubwiriza iby'ubwami bw'Imana, ubwo yari afunzwe, yaragize ati: "Mbese ni wowe wa wundi ukwiriye kuza, cyangwa dutegereze undi?" (Luka 7:19).

Petero, nyuma y'ibikorwa bye bikomeye cyane, yihanye Kristo mu buryo bubabaje cyane, kandi niko bishobora kuba byaragendekeye Sawuli w'i Taruso watotezaga itorero. Abo bese ntibujije ibisabwa kugirango babe bagenzi bacu.

Bityo rero, bene data nkunda, nimureke dukurikize urugero rwa Yesu, twitegure hamwe n'itsinda ry'urubyiruko ruzahabwa umugabane w'inkubwe ebyiri w'Umwuka Wera kugirango ihereze rigere ku isi y'imibabaro n'agahinda, itagira icyerekezo.

Iyo dusubije amaso inyuma cyangwa tukareba mu gihe cy'ahazaza, dutangira kubona neza impamvu tukiri hano: imyaka 100 bamwe bamaze biga ibyigisho, abandi bo barayirengagije; kandi nyamara turacyari hano.

Umusomyi ni we wageni niba icyo ari igihe cyo kwishima cyangwa cyo gukira inguma.

Nimutyo dusabe Umwami wacu Yesu Kristo ko abana bacu n'urubyiruko rwacu bakizwa, dusabire agakiza k'abagabura bacu n'abizera bacu, kandi dusabire ubumwe bukenewe muri Kristo buzatuma abantu basukirwa Umwuka Wera. Isaha irageze; niba tutari abo tuvuga ko turi bo, ntutuzigera tubaho imibereho tuvuga ko dufite. Uko turushaho kwirata, niko turushaho gucishwa bugufi, uko turushaho kwiyoroshya, niko turushaho kuzamurwa. Uwitaka Imana adufashe kwemera ukuri k'Umuhamya w'ukuri, kandi aturinde kwibaraho gukiranuka twihangiyeye kw'ikinyoma.

Hari ibintu bitatu bizatungurana mu ijuru:

"Hari Umukristo wigeze kuvuga ko igihe yari kuba ageze mu ijuru, yari yiteze ko yari guhura n'ibintu

bitatu bitangaje. Yari gutangazwa no kuhabona abo atari yiteze. Yari gutangazwa no kubona ko hari bamwe atari yiteze guhura na bo, kandi amaherezo, yari gutangazwa cyane no kuhabona umunyabyaha utabikwiriye, nka we ubwe, ari muri Paradizo y'Imana."⁸

Nimutyo ntitukibagirwe ko Imana iduhamagarira kugira ukwizera kurenze ibigaragarira amaso n'imibare; ukwizera gufite ireme n'uburebure bw'ikijyepfo kugaragaza mu by'ukuri imico ya Kristo. Umurimo wacu si uwo kugirango bigaragare ko turi imbaga y'abantu benshi mu maso y'ab'isi, ahubwo ni ukugirango tuboneke nk'abantu, boroheje kandi baciye bugufi, barabagirana umucyo w'Umwuka Wera.

Nk'uko abantu bo mu bisekuru byabayeho mbere yacu bahanganye n'ibizazane bikomeye, natwe duhamagarirwa kugumya kuba indahemuka mu bihe by'amakuba, tukishingikiriza ku mbaraga Imana yonyine ishobora gutanga.

Kandi mu gihe dutegereje ko Umwami wacu agaruka, nimutyo tujye dusenga buri gihe tuti: "Mwami, udufashe kugaragaza imico yawe muri buri jambo ryose, na buri gikorwa cyose kugirango ab'isi babone muri twe ibyiringiro bitazashira."

Ijoro rirakuze, kandi isi ikeneye umucyo Kristo yaduhaye. Nimureke tube uwo mucyo. Nimutyo kandi tugire itandukaniro.

Aho Biboneka:

¹<https://thirdwaycafe.com/prepare-for-peace/living-peace/pacifsm/>

²Uwifuzwa Ibihe Byose, p.773.

³Imigani ya Kristo, p.69.

⁴Ubutumwa Bwatoranyijwe, vol.3, p.386.

⁵Intambara Ikomeye, p.608.

⁶Ibihamya by'Itorero, vol.5, p.644.

⁷Letters and Manuscripts, vol.16 (1901), Lt. 153, 1901.

⁸Ukwizera Kumbeshejeho, p.370.

Imbaraga ziri mu kunga 6Ubumwe

Ku Isabato, 19 Nyakanga 2025

Byateguwe na Eli Tenorio da Silva

ISABUKURU Y'IMYAKA IJANA

Muri Bibiliya yose, abizera bagirwaga inama yo kunga ubumwe, kandi na n'ubu niko bikimeze. Umunyezaburi yaravuze ati: "...ni byiza n'iby'igikundiye, ko abavandimwe baturana bahuje!" (Zaburi 133:1).

Yesu yasenze asabira abigishwa Be ati:

"Ngo bose babe umwe nk'uko uri muri jye, Data, nanjye nkaba muri wowe ngo na bo babe umwe muri twe, ngo ab'isi bizere ko ari wowe wantumye." (Yohana 17:21).

Ubumwe bw'abizera ni kimwe mu bihamya bikomeye cyane bigaragaza ukuri k'ubutumwa bwiza. Bugaragaza imico y'Imana, bukarereza abantu kuri Kristo, kandi bukaragarariza ab'isi imbaraga ihindura y'ubuntu bw'Imana.

Mu isi igenda irushaho kwicamo ibice, yuzuyemo intambara, kutagira impuhwe, gatanya mu bashakanye, no kwikunda bikabije, ukunga ubumwe mu bwoko bw'Imana ni umucyo w'ibyiringiro, ndetse n'igihamba cy'imbaraga ituruka ku rukundo rw'Imana. Abantu benshi b'indahemuka bashakisha ikintu cyiza kiruta icy'isi ishaje ishobora gutanga, bazacengerwa n'ukuri k'ubutumwa bwiza binyuze mu rukundo n'ubumwe by'abayoboke ba Kristo, kandi bitume itorererigera ku nsinzi mu nshingano yaryo yo kubwiriza ubutumwa bwiza ku isi yose.

"Ibanga ryo gutsinda mu murimo w'Imana rizaturuka mu gukorera hamwe kw'abantu bacu."¹

Ubumwe hagati y'abana b'Imana ntibugaragara nk'igitekerezo, ahubwo ni nk'ihame ryashyizweho n'Imana:

"Bene data ntibaziko ijamba ry'Imana ryerekana ingingo y'ubumwe bw'itorero nk'ihame; abunze ubumwe na Kristo kubw'ukuri kw'ijuru bagomba kugirana ubucuti bukomaye."²

Icyakora ubwo bumwe, ntibugaragarira mu mikorere ihamye cyangwa ku bigaragarira amaso gusa. Ni umushyikirano wimbitse w'iby'umwuka, uturuka mu kuguma muri Kristo no kugaragaza imico Ye. Nimutyo rero dusuzume uko Bibiliya n'Umwuka w'Ubuhanuzi bivuga ku mbaraga ziboneka mu kunga ubumwe, inzitizi zituma hatabaho ubumwe, n'uburyo dushobora kubwimakaza muri ibi bihe bikomeye.

Uko Bibiliya iduhamagarira kunga ubumwe

Isengesho rya Yesu riri muri Yohana 17:20 – 23 ryasabiraga ubumwe abizera, ni rimwe mu masengesho Yesu yasanze ashyizeho umwete. Kandi iryo sengesho, ryavuzwe mbere yo kubambwa Kwe, ntiriyari iryo gusabira abigishwa Be gusa, ahubwo ahubwo ryasabiraga abantu bose bari kuzamwizera binyuze mu buhamya bwabo, hakubiyemo na buri wese muri twe muri iki gihe:

“... ngo babe umwe rwose, ngo ab’isi bamenye ko ari wowe wantumye, ukabakunda nk’uko wankunze.” (Yohana 17:23).

Iri sengesho rihishura ko Kristo yifuza yuko abigishwa Be bunga ubumwe mu ntego, mu murimo, no mu rukundo. Ubwo bumwe buhishura ubumwe buri hagati ya Data wa twese n’Umwana. Ubwo bumwe buhamiriza ab’isi ko ubutumwa bwiza ari ukuri kandi ko buhindura.

Mu nzandiko ze, intumwa Pawulo yashimangiye iri rarika riduhamagarira kunga ubumwe. Yandikira Abefeso, yahuguriye itorero kuba “Mugire umwete wo gukomeresha ubumwe bw’Umwuka umurunga w’amahoro. Hariho umubiri umwe n’Umwuka umwe, nk’uko mwahamagariwe ikiringiro kimwe cyo guhamagarwa kwanyu. Hariho Umwami umwe no kwizera kumwe n’umubatizo umwe, hariho Imana imwe ari yo Data wa twese udusumba twese, uri hagati yacu twese kandi uturimo twese.” (Abefeso 4:3 – 6).

Kuba Pawulo yarashimangiye ijamba “umwe” bigaragaza yuko abizera bari kunga ubumwe binyuze mu kuba bari kuba basangiye ukwizera Kristo. Ubumwe si ikintu umuntu yihitiramo, ni ikintu cy’ibanze mu bigize imiterere n’umurimo by’Abadiventisiti b’Umunsi wa Karindwi Bavugurura, kandi ni ikintu cy’ibanze mu gutuma imico ya buri wese muri twe ikura, kuko turi ingingo z’umubiri wa Kristo.

“Ukuzura kw’imibereho ya Gikristo kugerwaho iyo imbaraga ihatira umuntu gufasha abandi no kubahesha umugisha ihora itemba imuturukamo. Umwuka urangwa n’uru rukundo rugose umutima w’umwizera ni wo utuma aba impumuro y’ubugingo izana ubugingo kandi ugatuma Imana ihira umurimo we.”³

Ubumwe buturuka mu mutima wahinduwe na Kristo, umutima ushaka guhesha abandi umugisha no kubakomeza aho gukorera inyungu zabo bwite.

Ubumwe nk’umuhamba uhamiriza ab’isi

Kimwe mu bintu bishishikaje cyane biranga ubumwe bwa Gikristo, ni ubushobozi bwo guhamiriza ab’isi. Yesu yahuzaga ubumwe bw’abizera mu buryo butaziguye n’ubudahemuka bw’umurimo We:

“Ibyo ni byo bose bazabamenyeraho ko muri abigishwa banjye, nimukundana.” (Yohana 13:35).

Iyo abizera bagaragarizanya urukundo nyakuri, kwihangana, no kwicisha bugufi, biba igihamba kitavuguruzwa cy’imbaraga z’ubutumwa bwiza. Abatuye iyi si irangwa no kwicamo ibice n’amakimbirane; bita cyane ku bumwe n’amahoro biranga ubwoko bw’Imana.

Itorero rya mbere ryagaragaye iryo hame. Ibyakozwe n’Intumwa 2:42 – 47 hasobanura ko abizera “buri bahuje umutima”; bagasangira ibyo kurya n’ibyo batunze bishimye kandi bafite imitima itaryarya. Ubumwe bwabo n’urukundo bakundaga ntibyakomeje ukwizera kwabo gusa, ahubwo byanakururiye abandi kuri Kristo. Ingaruka yabaye iy’uko “uko bukeye Umwami Imana ikabongerera abakizwa.” (Ibyakozwe n’Intumwa 2:47).

Umwuka w’ubuhanuzi uvuga kuri ubwo bumwe ugira uti: “Ni ubushake bw’Imana ko ubumwe n’urukundo rwa kivandimwe bigomba kubaho mu bwoko Bwayo.”⁴ Muri ubwo buryo bwonyine, nibwo itorero rishobora kuba rizima, kandi rigakora umurimo wo gukwirakwiza umucyo mu isi.

Ubumwe nyakuri bufite imbaraga zo kubwiriza ubutumwa tudashobora gukumira. Ni ikimenyetso kizima cy’ubutumwa bwiza; ni ikibwirizwa gifite imbaraga ziruta iz’amagambo y’umubwiriza w’intyoza.

Inzitizi zituma hatabaho ubumwe

Nubwo ubwo bumwe ari ingirakamaro, akenshi ubumwe bubangamirwa n’intege nke z’abantu no kudatungana kwabo. Ubwibone, kwikanyiza, urwikekwe, no kutababarira; ni inzitizi zikomeye. Ellen White atanga umuburo ugira uti:

“Impamvu y’amakubiri no kutumvikana mu miryango ndetse no mu itorero, ni ugutandukana na Kristo.”⁵

Iyo abizera bakuye amaso kuri Kristo, maze akaba aribo bireba ubwabo; amakubiri niyo ahita

Mu mpera z’iki cyumweru, kuki utashakisha uburyo ushobora kugira uruhare mu murimo ukorerwa mu itorero ubarizwamo? Ibyo bishobora kuba bikubiyemo gutegura ameza muriraho amafunguro ya saa sita, cyangwa se gusubiza ibibazo mu ishuri ryo ku Isabato. Dushobora kugira uruhare mu gutuma habaho ubumwe binyuze mu kugira icyo dukora.

Gusubiza amaso inyuma no Kurabagirana

Kuvugurura bikubiyemo ibikorwa! Nimutyo binyuze mu bikorwa byacu, twitegere kwakira Umwuka Wera.



akurikiraho. Umwanzu w'imitima yishimira kubiba amacakubiri, kuko aziko amacakubiri aca intege ubuhamya bw'itorero.

Intumwa Pawulo yavuze kuri ibyo bibazo mu nzandiko yandikiye amatorero ya mbere. Urugero, itorero ry'i Korinto ryarwanaga n'amacakubiri ku byerekeranye n'ubuyobozi n'impano z'Umwuka. Pawulo yabahuguye agira ati:

"Ariko bene Data, ndabingira mu izina ry'Umwami wacu Yesu Kristo kugira ngo mwese muvuge kumwe, kandi he kugira ibice biremwa muri mwe, ahubwo muhurize hamwe rwose muhujwe imitima n'inama." (1 Abakorinto 1:10).

Kugirango duhangane n'inzitizi zituma tudakomeza kunga ubumwe, tugomba gushyiraho umuhati, tukicisha bugufi, kandi tukaba twiteguye gushyira umurimo wa Kristo ku mwanya wa mbere, tukawurutisha ibyo umuntu akunda.

Urufunguzo rw'ubumwe: kuguma muri Kristo

Ubumwe nyakuri hagati y'abizera ntibushobora kubaho umuntu adafitanye isano na Kristo umushyikirano wimbitse. Yesu yaravuze ati:

"Ni jye muzabibu, namwe muri amashami. Uguma muri jye nanjye nkaguma muri we, uwo ni we wera imbuto nyinshi, kuko ari nta cyo mubasha gukora mutamfite." (Yohana 15:5).

Iyo abizera bagumye muri Kristo, bahindurirwa gusa na We. Bera imbuto z'Umwuka, arizo: urukundo n'ibyishimo n'amahoro, no kwihangana no kugira neza, n'ingeso nziza no gukiranuka, no kugwa neza no kwirinda." (Abagalatiya 5:22,23) – ari zo zituma habaho ubumwe. Kugirango ibyo bishoboke, ni ngombwa ko habaho kunga ubumwe na Kristo. Niba dusabana n'Imana, tuzaba imiyoboro inyuzwamo urukundo rw'Imana ruzatamba rugana ku bandi.

Uko abizera babona urukundo rw'Imana, ni nako bagira imbaraga zo gukunda no gukorera abandi. Urwo rukundo ruzira ubwikanyize ni kole ituma abagize itorero baturiza hamwe.

Inama ya Pawulo iri mu Bafilipi 2:2 – 4 itanga intambwe z'ingirakamaro zo kwimakaza ubumwe:

"Musohoreshe umunezero wanjye guhuriza imitima mu rukundo, mwibwira kumwe muhujwe imitima. Ntimukagire icyo mukorera kwirema ibice cyangwa kwifata uko mutari, ahubwo mwicisha bugufi mu mitima, umuntu wese yibwire ko mugenzi we amuruta. Umuntu wese muri mwe areke kwizirikana ubwe gusa, ahubwo azirikane n'abandi."

Ubumwe busaba kwicisha bugufi, ubwitange, no kuba umuntu witeguye gukorera abandi. Izo ndangagaciro tuzigeraho binyuze mu gusabana na Kristo buri muni, no kuba Umwuka Wera atuye muri twe.

"Muhariye ubumwe. Musengere ubumwe, kandi mugire icyo mukora kugirango ubumwe bubeho. Ubumwe buzazana ubuzima bw'iby'umwuka, buzamure intekerezo, butere imico myiza, butume ibitekerezo birangamira iby'ijuru, kandi bubabashishe kunesha ukwikanyiza no kuvuga ibibi, ndetse no kurushishwaho kunesha binyuze mu Uwabakunze akabitangira. Nimubambe inariye, mwumve ko abandi babaruta. Ubwo nibwo muzaba umwe na Kristo. Imbere y'ijuru, n'imbere y'itorero, n'imbere y'isi, muzatanga igihamba kidashidikanywaho ko muri abahungu n'abakobwa b'Imana. Imana izahimbarizwa mu rugero mutanga!"⁶

Ubumwe mu minsi y'imperuka

Uko imperuka igenda yegereza, ubumwe bw'ubwoko bw'Imana buzashyiraho gukenerwa cyane:

"Kunga ubumwe na Kristo ndetse no hagati yacu ubwacu niwo mutekano wonyine dufite muri iyi minsi y'imperuka."⁷

Ingorane no kurwanywa bizatugeraho twebwe abizera mu minsi y'imperuka, bizadusaba kunga ubumwe mu buryo bukomereye cyane. Ukwicamo ibice mu itorero bizaza intege ubushobozi bwaryo bwo kurwanya imbaraga z'ikibi. Ubumwe mu itorero buzagira imbaraga idashobora guhagarikwa yo gukora ibyiza mu kwamamaza imbaraga ubutumwa bwiza bw'iteka ryose. Ubwo bumwe butera imbaraga abizera kugirango bagaragarize ab'isi ko bakunda Imana kandi ko bafite ubushake bwo kuyumvira, ndetse no mu bihe biruhije cyane bizagera ku itorero.

Ibyahishuwe 14:6 – 12 hasobanura umurimo w'itorero ryasigaye ryo mu minsi y'imperuka: ni uwo kwamamaza ubutumwa bw'abamarayika batatu mu mahanga yose, imiryango yose, indimi zose, n'amoko yose. Uwo murimo ukorerwa ku isi hose usaba umuhati uvuye ku mutima w'abizera bose, bunze ubumwe mu migambi no mu bikorwa.

Ab'isi batagerezanyije amatsiko menshi kureba icyo ukwizera kwawe n'ukwanjye bidushishikariza gukora, kandi urukundo dukundana ni igihamba kigaragaza ukuri umuntu uwo ariwe wese adashobora guhinyura. Kandi Imana iduhamagarira kuba itorero ryunze ubumwe, ryiteguye kuyirwanirira intambara no kwihanganira ibigerageze tuzahura na byo muri iyi minsi y'imperuka.

Uretse kuba ubwo bumwe budategurira guhangana n'ibizaba ku itorero mu gihe gihuruka, na none ubu bumwe buzaba ari igihamba gikomeye cyane kuruta ibindi byose gihamiriza ab'isi ukuri k'ubutumwa bwacu, ndetse n'urukundo rwa Kristo ruduhuriza hamwe.

Intambwe z'ingirakamaro zo kwimakaza ubumwe mu itorero

Amatorero ntabwo akingiwe amakimbirane. Mu gihe havutse ibibazo bitera amacakubiri, ujye uhita ubikemura mu buryo burangwamo ubwenge. Ujye ukurikiza amahame aboneka muri Bibiliya mu gukemura ibibazo.



Ubumwe ni ibuye rikomeza imfuruka ry'itorero ritera imbere kandi rifite amagara mazima mu by'umwuka. Muri iyi si yuzuyemo amacakubiri no kwikunda, itorero rihamagarirwa kuba umucyo urabagirana urukundo, ubwumvikane, no gufatanya. Ariko kwimakaza ubumwe bisaba gushyiraho imihati, kugira ingeso nziza, no kugira icyo umuntu akora. Dore zimwe mu ntambwe z'ingenzi umuntu ashobora gutera kugirango yubake ubumwe mu itorero kandi akomeze kubugumana.

1. Jya wibanda ku buyoboke bushingiye kuri Kristo

Ubumwe butangirira ku rufatiro rumwe rwashyizweho na Yesu Kristo.

"Ni jye muzabibu, namwe muri amashami. Uguma muri jye nanjye nkaguma muri we, uwo ni we wera imbuto nyinshi, kuko ari nta cyo mubasha gukora mutamfite." (Yohana 15:5).

Iyo abizera bashyize ku mwanya wa mbere umushyikirano bagirana na Kristo, birumvikana ko barushaho kugirana ubumwe hagati yabo ubwabo. Mujye muhora muterana umwete uko mubonye uburyo bwo kugira ubuyoboke bushingiye kuri Kristo binyuze mu kwiga Bibiliya, amateraniro yo gusenga, no mu murimo w'ivugabutumwa.

2. Imenyereze ingeso yo kwicisha bugufi no kubabarira

Ubwibone no kugirana amakimbirane ni ibintu bikomeye bibangamira ubumwe. Intandaro y'amakimbirane menshi mu itorero muri iki gihe ni ikibazo cyo kwikunda ukaba nyamwigendaho, ikibazo "cy'icyo nkunda", "icyo nshaka", na "iki nicyo gitekerezo cyanjye". Nimureke twigishe kandi tugaragaze ingeso yo kwicisha bugufi binyuze mu gushyira ibyo abandi bakeneye ku mwanya wa mbere tukabirutisha ibyo twebwe dukunda:

"Ntimukagire icyo mukorera kwirema ibice cyangwa kwifata uko mutari, ahubwo mwicishe bugufi mu mitima, umuntu wese yibwire ko mugenzi we amuruta. Umuntu wese muri mwe areke kwizirikana ubwe gusa, ahubwo azirikane n'abandi." (Abafilipi 2:3,4).

Byongeye kandi, dukeneye guteza imbere umuco wo kubabarirana, tukitangira gukemura ibibazo

mu buryo bwihuse kandi burangwa n'ineza. Nimushishikarize abizera b'itorero kwiyeza no kubabarirana nk'uko Uwiteka yabababariye: "Mwihanganirana kandi mubabarirana ibyaha, uko umuntu agize icyo apfa n'undi. Nk'uko Umwami wacu yabababariye, abe ari ko namwe mubabarirana." (Abakolosayi 3:13).

3. Jya utera abandi umwete wo gushyikirana nta wugize icyo akinga undi

Iyo abantu badashyikirana ntibumvikane, bishobora kwiyeza vuba bikavamo kwirema ibice. Nimushyireho uburyo bwo kuganira ntacyo umuntu yishisha, aho abizera babona ko bumvwa kandi bubashywe. Ibi bishobora kubera mu materaniro y'itorero arimo kubaza ibibazo no gusubizwa, ibiganiryo byo mu matsinda mato, amateraniro y'imirimu y'itorero aba mu gihe kidahinduka, cyangwa hagashyirwaho uburyo bwo gutanga ibitekerezo byanditse ku mpapuro mu burangwamo ibanga.

"Kandi bakore ibyiza babe abatunzi ku mirimo myiza, babe abanyabantu bakunda gutanga." (1Timoteyo 6:18).

Abayobozi bagomba gutanga urugero rwo kuba abantu begera abandi, kandi uko gushyikirana kwabo bakabikorera mu mucyo.

4. Munyurwe no kuba mufite impano zitandukanye

Ubumwe ntibushatse kuvuga ko ibintu byose biba bisa. Mu by'ukuri, mujye mwishimira itandukaniro ry'impano, ugutandukana kw'imimerere n'imyumvire byo mu itorero. Mwemere ukuri kuboneka mu 1Abakorinto 12:12 – 14:

"Nk'uko umubiri ari umwe ukagira ingingo nyinshi, kandi nk'uko ingingo z'umubiri zose, nubwo ari nyinshi ari umubiri umwe, ni ko na Kristo ari, kuko mu Mwuka umwe twese ari mo twabatirijwe kuba umubiri umwe, naho twaba Abayuda cyangwa Abagiriki, naho twaba imbata cyangwa ab'umudendeko. Kandi twese twujijwe Umwuka umwe. Umubiri si urugingo rumwe ahubwo ni nyinshi."

Uyu murongo wo muri Bibiliya utwibutsa ko

umubiri wa Kristo ugizwe n'ingingo nyinshi zitandukanye, buri rugingo rukaba rufite umurimo warwo wihariye. Kubw'ibyo rero, kuba twunze ubumwe ntibivuga ko twese tuzakunda ibara rimwe cyangwa tukaryohereza kimwe kuri buri kintu. Itorero rikeneye abantu bafite ibitekerezo n'ibiyumvo bitandukanye n'ibyanjye, nyamara bagakomeza kwizera no kwemera inyigisho [ikubiyemo amahame twizera], bafite intego imwe yo gukorera Imana no kuyobora abantu kuri Kristo. Mu guha agaciro no gukoresha neza [impano] zitandukanye, itorero rirushaho gukomera no kugira imbaraga ihindura mu murimo waryo.

5. Mukorere hamwe

Gukorera hamwe umurimo bituma umuntu agira intego kandi akunga ubumwe n'abandi. Kugena umwanya iteraniro ry'abizera rigomba gukoramo haba mu itorero no mu muryango mugari w'abantu, byateza imbere izo mpano. Guteranira hamwe kugirango mugere ku ntego imwe, byaba ari ugusura abantu mu gace k'iwanyu, urugendo rw'ivugabutumwa, cyangwa gukora umurimo w'ubwitange mu itorero, hakabaho gukorera hamwe ku ntego rusange bikomeza imishyikirano kandi bigatuma mwunga ubumwe mu buryo bwimbitse.

"Umuntu wese yatabaye umuturanyi we, akabwira mugenzi we ati 'Komera.'"

Maze umubaji akomeza umucuzi, uhwika akomeza ucura akavuga ngo "Ibyuma twabiteraniye neza." Maze akagikomeresha imisumari ngo cye kunyeganyega." (Yesaya 41:6,7).

Iyo dukorera hamwe, duterana umwete; kandi ukwizera kwacu kugakomezwa.

6. Mugire ubuyobozi bufite imbaraga

Abayobozi bafite uruhare rukomeye mu kwimakaza ubumwe: "Uko bimeze kuri rubanda, ni ko bizaba no ku batambyi." (Hoseya 4:9). Bagomba guhora bashyigikira icyerekezo cy'ubumwe, gukemura amakimbirane vuba, no gutanga urugero rwo kwicisha bugufi n'urukundo. Abayobozi kandi bagomba kwifatanya n'abandi kugirango bayobore, bakareba ko nta muntu n'umwe wumva yuko adashobora kugira uruhare mu buzima bw'Imana.

7. Musenge musaba ubumwe

Hari umugani uvuga uti: "Abashakanye basengera hamwe, bararambana." Ibyo ni nako bimeze ku bizera b'itorero basengera hamwe basaba ubumwe.

Mu gihe dusenga dusaba ubumwe, tuzaba dukurikiza urugero rwa Yesu, nk'uko twabibonye, yasenze asaba ubumwe mu bizera. (Yohana 17:21 – 23).

Amasengesho ni ngombwa mu kubungabungana ubumwe. Tera umwete

iteraniro ry'abizera gusenga basabirana no gusabira itorero ryose uko ryakabaye. Amateraniro yo gusenga yibanda ku gusabira ubumwe ashobora kugira imbaraga, kubera ko atuma imitima y'abizera b'itorero ihuza n'ubushake bw'Imana.

8. Mwigishe amahame ya Bibiliya avuga ubumwe

Tugomba gushikama ku mahame ya Bibiliya, ndetse tukaba twiteguye no gupfa, bibaye ngombwa, kugirango tubere Imana indahemuka. Na none kandi dukeneye kwemera ibitekerezo by'abandi niba biterekeranye n'amahame. (Dukeneye gukura ukwikunda mu mitima yacu).

Igisha buri gihe icyo lbyanditswe bivuga ku byerekeranye n'ubumwe, urukundo, n'umuryango. Ibibwirizwa, amahugurwa, n'ibyigisho bya Bibiliya, bishobora gutanga urufatiro rwa tewolojiya rukenewe kugirango umuntu asobanukirwe impamvu ubumwe ari ingenzi, n'uburyo bwo kubukurikirana bugashyirwa mu bikorwa, hashingiwe ku ljambo ry'Imana.

9. Mukemure ibibazo bitera amacakubiri mubikoranye ubwenge

Amatorero ntabwo akingiwe amakimbirane. Mu gihe havutse ibibazo bitera amacakubiri, ujye uhita ubikemura mu buryo burangwamo ubwenge. Ujye ukurikiza amahame aboneka muri Bibiliya, urugero nk'aboneka muri Matayo 18:15 – 17:

"Mwene so nakugirira nabi, ugende umumenyeshe icyaha cye mwiherereye, nakumvira uzaba ubonye mwene so. Ariko natakumvira umuteze undi cyangwa babiri, ngo 'Ijambo ryose rikomere mu kanwa k'abagabo babiri cyangwa batatu.' Kandi niyanga kumvira abo uzabibwire Itorero, niyanga kuryumvira na ryo, azakubeho nk'umupagani cyangwa umukoresha w'ikoro."

Ni gute dufata umupagani cyangwa umukoresha w'ikoro iyo baje mu rusengero rwacu? Nimutyo dukomeze kugira uwo mwuka w'ubuntu n'ineza ku bantu bo muri twe bakoze amakosa, kandi dushake uburyo bwo gukemura ibibazo butuma habaho kubaha Kristo n'ubumwe bw'umubiri We.

10. Mushishikarize abantu umubano mwiza uko ibisekuru biha ibindi

Imishyikirano hagati y'abantu bo mu bisekuru bitandukanye, ituma itorero rikungahara. Guteza imbere amahirwe yo guhugurwa, gufatanya ibikorwa, n'ubusabane, biziba icyuho gitandukanya ibisekuru. Abizera bakiri bato bashobora kwigira ku bwenge bw'abakuze, mu gihe abasheshe akanguhe bashobora guterwa umwete n'imbaraga z'urubiruko n'uburyo abasore babona ibintu.

Imana ishaka ko abantu bo mu bisekuru



bitandukanye, bafite imbaraga, ubumenyi,
n'ubunararibonye bitandukanye; bakorera hamwe
bunze ubumwe:

"Ndabandikiye bana bato, kuko....
Namwe ba se, ndabandikiye kuko....
Ndabandikiye basore, kuko....
(1Yohana 2:12 – 14)

Umwanzuro

Incuti yanyije yari igiye gutakaza ukwizera kwayo
nyuma yo kugirana amakimbirane na bene data
bamwe na bamwe bo mu itorero. Yarambwiye ati:
"Sinemera ko abantu bava mu Badiyentisiti b'Umunsi
wa Karindwi Bavugurura kubera ikibazo cy'inyigisho
[ikubiyemo amahame twizera]." Ibye byatumye
ntekereza ku bantu benshi baretse ukwizera kwabo,
ntitaye ku byo bo bavuga, mu by'ukuri biterwa
no kubura ubumwe mu bizera. Kutagira ubumwe
bishobora kwica itorero; naho ubumwe bugatuma
itorero rigera ku nsinzi mu gusohozza inshingano
yaryo yo kuyobora abantu kuri Kristo.

Guteza imbere ubumwe mu itorero, si ikintu
umuntu akora rimwe gusa, ahubwo ni ikintu
umuntu akomeza gukora ubutarambirwa. Bisaba
kugira ubushake, kwihangana, no kwishingikiriza ku
Umwuka Wera. Binyuze mu gushyira mu bikorwa
izi ntambwe z'ingirakamaro, amatorero ashobora
kuba ahantu harangwa n'urukundo n'ubwumvikane,
bigatuma aba igihamya gikomeye gihamiriza ab'isi
ubuntu bw'Imana buhindura. Nk'uko muri Zaburi
133:1 habitwibutsa, "...ni byiza n'iby'igikundiro, ko
abavandimwe baturana bahuje!"

Binyuze mu ijamba Rye, muri iki gihe Kristo
araturarikira kugira intego mu mitima yacu, kandi
kubw'ubuntu Bwe dukore uko dushoboye kose
kugirango dusohoze isengesho Rye kandi twunge
ubumwe na bene data.

"Ntimukitotombe cyangwa ngo mugire
uwo mushakaho amakosa. Nimuhange amaso
Yesu, ishusho ya Kristo yandikwe mu mutima

maze igaragarire mu mwuka, mu magambo,
no mu murimo nyakuri dukorera bagenzi
bacu. Umunezero wa Kristo uri mu mitima
yacu, n'umunezero wacu uruzuye. Uko niko
iyobokamana nyakuri rimeze. Nimureke
duharanire kurigeraho, kandi tube abagwaneza
n'abanyabwuzu, tugire urukundo mu mitima
yacu; urwo rukundo nirwo rutemba rugana ku
bandi kandi rukagaragarira mu mirimo myiza,
nirwo rumurikishiriza ab'isi umucyo, rugatuma
umunezero wacu wuzura."⁸

Kibw'ibyo rero, ndabinginzwe ayo magambo
nimuyagire ayanyu: uhaye none kubw'ubuntu
bwa Kristo, sinzongera kwitotomba cyangwa
gushaka amakosa kuri bagenzi banjye. Nzaba
umugwaneza, ngire urugwiro, kandi ngire
urukundo mu mutima wanjye, sinzavuga nabi
abandi, sinzababeshyera, cyangwa ngo mbasebye.
Nzunga ubumwe na bene data, kandi uko
bishoboka kose nzabana n'abantu bose amahoro
(Abaroma 12:18). Mu izina rya Yesu, Amena.

Aho biboneka:

¹Urwibutso n'Integuza, kuwa 2 Ukuboza, 1890.

²The 1888 Ellen G. White Materials, p.1141.

³Ibyakozwe n'Intumwa, p.551.

⁴Abakurambere n'Abahanuzi, p.520.

⁵Urugo rwa Kidiventisiti, p.179.

⁶Inama Zigirwa Itorero, p.290.

⁷Ibihamya by'Itorero, vol. 8, p.240.

⁸The Upward Look, p.268.

7 Kunesha no Gukome - za Kunesha

Kuwa Mbere, 20 Nyakanga 2025

Byateguwe na A. C. Sas

ISABUKURU Y'IMYAKA IJANA

Ijambo "kunesha" rishobora kugira ubusobanuro bwinshi butandukanye. Rishobora gusobanura: gutsinda, kwigarurira, gufata, no kubona insinzi.

Muri Bibiliya tubonamo amagambo "agenda anesha kandi ngo ahore anesha" incuro imwe gusa mu Byahishuwe 6:2. Ibi byanditswe mu gihe cy'itorero rya mbere rya Gikristo, byerekeza ku uwagenderaga ku ifarashi y'umweru uvugwa mu buhanuzi buvuga iby'ikimenyetso cya mbere. Iyo mico igaragaza mu buryo bukwiriye imibereho n'umurimo by'Umwami wacu Yesu Kristo, uko yari ameze mu murimo We wo ku isi, yaraneshaga kandi agakomeza kunesha.

Igihe Yesu yavuganaga n'abigishwa Be yaragize ati: "Ibyo mbibabwiriye kugira ngo mugire amahoro muri jye. Mu isi mugira umubabaro, ariko nimuhumure nanesheje isi." (Yohana 16:33). Mu murimo We wa buri munsu yakoze imyaka itatu n'igice ku isi ari Umwana w'umuntu, Umukiza wacu yahoraga anesha. Urugero, akimara kubatizwa, yatsinze Satani igihe yamugeragerezaga mu butayu.

"Umutware w'ab'iyi si araje, niko Yesu avuga, kandi ntacyo amfiteho." (Yohana 14:30). Nta na kimwe cyari muri We cyabashaga kumvira ubuhendanyi bwa Satani. Ntiyigeze yemera gukora icyaha. Ndetse no mu bitekerezo ntiyigeze aneshwa n'igishuko...

"Kandi uko ibi bishoboka, Kristo yarabitweretse. Ni mu buhe buryo yatsinze urugamba rwa Satani? Ni mu ijamba ry'Imana. Ni mur'iryo jambo gusa yabashije gutsindira ibigeragezo. "Handitswe Ngo", ni yo yari intero ye."

Mu gihe cyose cy'umurimo We wo ku isi, Kristo yabaye "umuneshi", ariko insinzi ye iheruka yayibonye igihe yavugaga amagambo agira ati: "Birangiye" (Yohana 19:30). Amagambo ngo "nanesheje isi" yasohoye mu buryo nyabwo ubwo Umukiza wacu yarangizaga umurimo wo kuducungura ku musaraba. Yanesheje Satani maze amunyaga isi yari yarigaruriye binyuze mu buriganya, isi yari yaravanywe mu maboko ya Adamu na Eva mu buryo burangwamo ubugome. Ubu noneho "Ubwami bw'isi bubaye ubw'Umwami wacu n'ubwa Kristo we, kandi azahora ku ngoma iteka ryose." (Ibyahishuwe 11:15).

Nyuma yo kuzukwa Kwe, Umwami wacu w'umuneshi yaravuze ati: "Nahawe

ubutware bwose mu ijuru no mu isi.” (Matayo 28:18). Abamuhagarariye ku isi yabasezeraniye kubaha imbaraga zo kunesha no gukomeza kunesha. Yaravuze ati: “Nimugende mwigisha muti ‘Ubwami bwo mu ijuru buri hafi.’ Mukize abarwayi, muzure abapfuye, mukize ababembe, mwirukane abadayimoni. Mwaherewe ubusa, namwe mujye mutangira ubundi.” (Matayo 10:7,8).

Kugirango rya sezerano rya Yesu rishobore gusohora, abizera bakwiriye guhabwa imbaraga zihariye zituruka ku Umwuka Wera. Ntibagomba no kugerageza gukora umurimo w’Umwami badafie iyo mbaraga. Idahari, ntibari gushobora gutsinda. Bagombaga kuguma i Yerusalemu bihanganye, bakahamara iminsi icumi bategereje guhabwa imbaraga basezeraniwe. Yesu yaravuze ati: “Kandi dore ngiye kuboherereza ibyo Data yasezeranye, ariko mugume mu murwa kugeza ubwo muzambikwa imbaraga zivuye mu ijuru.” (Luka 24:49).

[Isezerano] ryasohoye ku muni wa Pentekote

Bibiliya itubwira inkuru y’ikintu cyihariye cyabaye:

“Umuni wa Pentekote usohoye, bose bari bari hamwe mu mwanya umwe bahuje umutima. Nuko umuriri ubatungura uvuye mu ijuru umeze nk’uw’umuyaga uhuha cyane, ukwira inzu bari bicayemo. Haboneka indimi zigabanije zisa n’umuriro, ururimi ruja ku muntu wese wo muri bo. Bose buzuzwa Umwuka Wera, batangira kuvuga izindi ndimi nk’uko Umwuka yabahaye kuzivuga. Muri Yerusalemu habaga Abayuda b’abaturage b’abanyadini, bari baraturutse mu mahanga yose ari muni y’ijuru.” (Ibyakozwe n’Intumwa 2:1 – 5).

Umwuka w’Ubuhanuzi uduha ubundi busobanuro ku byabaye nyuma y’uko abigishwa bujijwe Umwuka Wera:

“Umwuka yatanze ku muni wa Pentekote. Abahamya ba Kristo bamamaje Umukiza wazutse bafite imbaraga. Umucyo wo mu ijuru watamuruye umwijima wari ubuditse ku bwenge bw’abantu bari barashutswe n’abanzi ba Kristo. Noneho bamubonye ashirwa hejuru ngo abe “Ukomeye n’Umukiza, aheshe Abisirayeli kwihana no kubabarirwa ibyaha.” (Ibyakozwe n’Intumwa 5:31). Bamubonye agoswe n’ubwiza bw’ijuru, afite ubutunzi butagira akagero mu biganza bye, kugirango abuhe abantu bose bifuze guhindukira bakareka ubwigomeke bwabo. Mu gihe intumwa zamamazaga ubwiza bw’Umwana w’ikinege wa Se, abantu ibihumbi bitatu barihanywe. Bateye abo bantu kwibona nk’uko bari koko; nk’abanyabyaha n’abanduye, naho Kristo akaba incuti yabo n’Umucunguzi wabo. Kristo yarererejwe, kandi yahawe icyubahiro binyuze mu mbaraga y’Umwuka Wera uri mu bantu. Binyuze mu kwizera, abo biza bamubonye nk’uwihanganiye igisuzuguriro, imibabaro, n’urupfu; kugirango batarimbuka, ahubwo bahabwe ubugingo buhoraho. Guhishurwa kwa Kristo kubw’Umwuka byabateye gusobanukirwa imbaraga Ze n’ubushobozi Bwe, maze bamuramburira ibiganza kubwo kwizera bagira bati: ‘Ndizeye.’

“Nuko ubutumwa bwiza bw’Umukiza wazutse bujyanwa mu turere twa kure cyane dutuwe two ku isi. Itorero ryabonye abihana barigana baturutse impande zose. Abizera [barisanzwemo] bongeye kwihana barahinduka na none. Abanyabyaha bifatanyije n’Abakristo mu gushakisha imaragarita y’agaciro kenshi.”²

“Ku muni wa Pentekote Imana ihoraho yihishuriye itorero ifite ububasha. Kubw’Umwuka Wayo Wera yaturutse mu ijuru mu buryo bw’ishuri y’umuyaga uhuha cyane, igeru mu cyumba abigishwa bari bateraniyemo. Ni nk’aho iyo mbaraga yari imaze igihe kirekire ihagaritswe, none ubu ijuru rikaba ryari kuba ryishimiye kuba ryarashoboye gusuka ku itorero ubutunzi bw’imbaraga z’Umwuka. Kandi babishobojwe n’Umwuka, abantu bavuze amagambo yo kwihana no kwatura ibyaha yajyaniraga n’indirimo zo guhimbaza kubw’ibyaha byababariwe. Amagambo yo gushimira n’ay’ubuhanuzi yarumvikanye. Ijuru ryose ryarunamye kugirango ryitegereze kandi ryishimire ubwenge bw’Urukundo rutarondoreka, kandi rutagerwa. Intumwa n’abigishwa batangajwe n’ibyo babonye maze baravugaga bati: “Mbega urukundo!” (1Yohana 4:10). Impano bahawe bayakiranye uburemere. Ni iki cyakurikiyeho? Abantu babarirwa mu bihumbi bihanywe mu muni umwe. Inkota y’umwuka yari iherutse gutyazwa cyane kandi yogeshwa umurabyo w’ijuru, yishakiye inzira ikata ukutizera.”³

Nyuma ya Pentekote

Isezerano ry’imbaraga yo kunesha ntiryahawe abigishwa ba mbere gusa. Ahubwo ryanahawe abayoboze ba Kristo bo mu bihe byose. Buri mwigishwa wa Kristo wese wahindutse by’ukuri ashobora kubona ubwo buntu. Nubwo umurimo wabo uba urimo ibibazo n’ibirushya, ntibacika intege ngo bacogore. Bakomeza kujya mbere bagana ku nsinzi. Muri uwo murimo, ntibakora bonyine. Bahabwa ubufasha buturutse ku Uwabasezeraniye kubana na bo, “kugeza ku mperuka y’isi” (Matayo 28:20).

Byaba byiza dusubije amaso inyuma tukanyura muri ibyo bitabo, maze tukongera gusoma ibice byadukoze ku mutima ku ncuro ya mbere. Nimutyo dutekereze ku butumwa butangwa n’Umwuka Wera.

Gusubiza amaso inyuma no Kurabagirana

Kuvugurura bikubiyemo ibikorwa: Nimutyo tugaragarize umucyo wa Kristo mu bikorwa byacu:



Umwuka w'ubuhanuzi utubwira ibisabwa kugirango tubone insinzi, tukanesha:

"Abakozi b'Imana bagomba kugira ubunararibonye bwimbitse kurushaho. Niba bazayegurira byose, Imana izabakorera ibikomeye. Bazashinga ibendera ry'ukuri mu birindiro bya Satani, maze bageze igihe bazarangurura insinzi mu ijwi riranga. Bafite inkovu z'intambara, ariko bahabwa ubutumwa bw'ihumure buvuga ko Uwiteka azabayobora, bakanesha ndetse bagakomeza kunesha."⁴

"Uwiteka yifuza ko ibisonga Bye basohozwa inshingano zabo mu budahemuka mu izina Rye no mu mbaraga Ze. Binyuze mu kwizera ijamba Rye no gushyira mu bikorwa ibyo ryigisha, bashobora kuja mbere banesha kandi bakagumya kunesha."⁵

Urugamba rukomeye

Mu ntambara ikomeye yo mu buryo bw'umwuka barwana n' "n'abatware n'abafite ubushobozi n'abatega iyi si y'umwijiye, n'imyuka mibi y'ahantu ho mu ijuru" (Abefeso 6:12), rimwe na rimwe abagaragu b'Imana baratsindwa; siko buri gihe baba abaneshi. Ariko uko gutsindwa kugaragara, kugera aho kukavamo insinzi y'agahebuzo. Dusoma amagambo agira ati:

"Mu iyerekwa nabonye imitwe ibiri y'ingabo ziri mu ntambara iteye ubwoba. Umutwe umwe w'ingabo wari uyobowe n'amabendera ariho ikimenyetso cy'isi; naho undi mutwe w'ingabo uyobowe n'ibendera risizeho amaraso y'igikomangoma Imanweli. Amabendera yagiye arambikwa hasi mu mukungugu urukurikirane ubwo amatsinda yagendaga akurikirana ava mu ngabo z'Uwiteka maze akifatanya n'umwanzi. Ku rundi ruhande, amoko yagiye akurikirana ava mu mironko y'ingabo z'umwanzi maze akifatanya n'ubwoko bw'Imana bukomeza amategako yayo. Marayika wagurukaga aringaniye ijuru yashyize ibendera rya Imanweli mu biganza byanjye, ari nako umugaba w'ingabo w'umunyambaraga yarangururaga n'ijwi riranga ati: "Nimuze mu murongo." Nimutyo noneho ab'indahemuka ku Mana no guhamya kwa Kristo bafite ibirindiro byabo. Nuko muve hagati ya ba bandi mwitandukanye; niko Uwiteka avuga, kandi ntimugakore ku kintu gihumanye. Nanjye nzabakira, kandi nzababera So, namwe muzambere abahungu n'abakobwa. Mureke abazaza kuvuna Uwiteka bose, bakaza gutabara Uwiteka mu kurwanya abakomeye.

"Intambara yarakomeje. Insinzi yagiye iva ku ruhande rumwe iya ku rundi. Noneho abasirikare b'umusaraba batanze inzira nk'uko iyo utwara ibendera yiheba' (Yesaya 10:18). Ariko uko bigaragara, ukuba barasubiye inyuma, byari ukugirango bagere ahantu heza kurushaho. Urusaku rw'ibyishimo rwarumvikanye. Indirimbo yo guhimbaza Imana yarazamutse, kandi amajwi y'abamarayika yifatanyije n'iyi ndirimbo,

mu gihe abasirikare ba Kristo bashyiraga ibendera Rye ku nkuta z'ibikingi by'ingabo zari zarafashwe n'umwanzi. Umugaba w'agakiza kacu niwe wategakaga urugamba kandi akoherereza abasirikare Be ubufasha. Imbaraga Ze zagaragajwe mu buryo bukomeye, zitera abasirikare gukomeza urugamba kugeza ku marembo y'umudugudu. Yabigishije ibintu biteye ubwoba mu byerekeranye no gukiranuka mu gihe yabayoboraga intambwe ku yindi, bakanesha kandi bagakomeza kunesha.

"Amaherezo insinzi yagezweho. Ingabo zari zikurikiye ibendera ryanditseho ngo: 'Amategako y'Imana no kwizera kwa Yesu,' zari zatsinze mu buryo buhebuje."⁶

"Ikibazo cy'urugamba ntikireba imbaraga z'umuntu upfa. Uwiteka azatabara ari intwari, arwane ishyaka nk'intwari mu ntambara, azivuga arangurure ijwi, ababisha be azabakorera ibikomeye. Mu mbaraga z'Uwo ugendera ku ifarashi ugenda anesha kandi ngo ahore anesha, umuntu w'umunyantege nke kandi upfa, ashobora kubona insinzi."⁷

Mu gihe cy'imvura y'itumba

"Itsinda ry'Abadiventisiti ryo mu myaka ya 1840 – 1844 ryabaye ukwigaragaza gukomeye kw'imbaraga z'Imana; ubutumwa bwa Marayika wa mbere bwabwirijwe mu isi n'abakorera bushake, kandi mu bihugu bimwe na bimwe habaye gukura mu by'adini, aribyo byagaragajwe n'ivugurura rikomeye ahantu hose uhaye mu kinyejana cya cumi na gatandatu, ariko umusozo wabyo ugomba kuba itsinda rikomeye rifite umuburo w'ubutumwa bwa Marayika wa gatatu. Abagaragu b'Imana, bafite mu maso harabagirana kandi hakamurika ukwiyegurira Imana kwera, bihutira kuva ahantu hamwe bajya ahandi kwamamaza umuburo uvuye mu ijuru. Ubutumwa buzatangwa n'amajwi abarirwa mu bihumbi, hirya no hino ku isi. Ibitangaza birakorwa, abarwayi bagakizwa, kandi ibimenyetso n'ibitangaza bikurikira abizera. Satani na we akora ibitangaza by'ibinyoma, ndetse akanamanura umuriro uvuye mu ijuru abantu babireba. Bityo rero, abatuye isi bashishikarizwa kugira aho bahagarara."⁸

"Mu mayerekwa ya nijoro neretswe habaye ivugurura mu bwoko bw'Imana. Benshi bahimbazaga Imana. Abarwayi bakize indwara, n'ibindi bitangaza byarakozwe. Umwuka wo gusengera abandi waragaragaye, ndetse nk'uwagaragaye mbere y'umunsi wa Pentekote. Abantu ibihumbi n'ibihumbi babonetse basura imiryango kandi babigisha ijamba ry'Imana. Imitima yahinduwe n'imbaraga y'Umwuka Wera kandi umwuka wo guhinduka nyakuri warigaragaje. Imiryango yakinguriwe kwamamaza ukuri ku mpande zose.

Ikibazo cy'urugamba ntikireba imbaraga z'umuntu upfa. Mu mbaraga z'Uwo ugendera ku ifarashi uagenda anesha kandi ngo ahore anesha, umuntu w'umunyantege nke kandi upfa, ashobora kubona insinzi.



Isi yasaga n'aho imurikiwe n'ububasha bw'ijuru. Imigisha y'agahebutu yahawe ubwoko bw'Imana nyakuri kandi bwicisha bugufi. Numvise amajwi ashima kandi ahimbaza, kandi byasaga n'aho hari ivugurura nk'iryo twabonye mu mwaka wa 1844.”⁹

“Itorero rigomba kwinjira mu rugamba ruheruka ryambaye intwari yo gukiranuka kwa Kristo. Itorero ari “ryiza nk'ukwezi, rirabagirana nk'ikizubazuba, riteye ubwoba nk'igitero cy'ingabo kigendana ibendera” (Indirimbo ya Salomo 6:10), rigomba kujya mu isi yose rinesha ndetse rigakomeza kunesha.”¹⁰

“Numvise ba bandi bari bambaye intwari bamamaza ukuri mu mbaraga ikomeye. Ukuri kwagize umusaruro. Nabonye abari bamaze igihe baboshywe; abagore bamwe bari baraboshywe n'abagabo babo, kandi abana bamwe na bo bari baraboshywe n'ababyeyi babo. Abantu batari indyarya bari barakumiriwe cyangwa bakabuzwa kumva ukuri, noneho bakwakiranye ubwuzu bwinshi. Ubwoba bwose bari bafite kubwo gutinya bene wabo bwari bwashize. Kuri bo ukuri konyine niko kwari hejuru y'ibindi byose. Bagukundaga bihebuje kandi kwarushaga agaciro n'ubuzima ubwabwo. Bari bamaze igihe bafite inzara n'inyota byo kumenya ukuri. Nabajije icyari cyateye iyi mpinduka ikomeye. Marayika yaransubije ati: “Ni imvura y'itumba, ni ihemburwa riturutse imbere y'Uwiteka, ni ijwi rirenga rya marayika wa gatatu.”

“Imbaraga ikomeye yari kumwe n'abo batoranyijwe.”¹¹

“Abagaragu b'Imana bazaba bafite mu maso harabagirana kuko berejwe gukora umurimo wera, bazaba banyuranamo hirya no hino bafite umwete mwinshi wo gutangariza abantu bese ubutumwa mvajuru. Amajwi y'abantu ibihumbi byinshi azaba arangirira ku isi atanga umuburo uheruka. Ibitangaza bizakorwa, abarwayi bakizwe kandi ibimenyetso

n'ibitangaza bizagaragarira abizera. icyo gihe Satani nawe ariko, azakora ibitangaza biyobya, ndetse azamanura umuriro mu ijuru imbere y'amaso y'abantu. Ibyahishuwe 13:13. icyo gihe abatuye ku isi bese, bazaba bagomba kugira uruhande baheremo.

“Ubu butumwa ntibuzarangizwa n'amagambo menshi y'impaka ahubwo buzarangizwa no kunyurwa kubwo kwemezwa n'Umwuka w'Imana. Ibibazo bizaba byarangiye. Imbutu zizaba zarabibwe, ubwo zizaba zitangiye gukura no kwera imbutu. Ibitabo byatanzwe n'ababwirizabutumwa b'abanyamwete bizaba byarigaruriye imitima myinshi, nyamara imitima myinsi yanyuzwe nabwo izaba yarabujijwe gusobanukirwa n'ukuri cyangwa kukugenderamo. Noneho imirasire y'umucyo w'ubutumwa bwiza izarasira ahantu hose, maze ukuri kose kumenyekane, abana b'Imana b'indahemuka bacagagure ingoyi zari zarababoshye. Amasano y'imiryango, n'amatorero yabo ntibizaba bigifite imbaraga zo kubaherana. Ukuri kurusha agaciro ibindi byose. Nubwo hazaba imbaraga zikomeye zirwanya ukuri, umubare munini uzamasha guhagarara mu ruhande rw'Imana.”¹²

“Urukundo rwa Kristo, urukundo rw'abavandimwe bacu, ruzahamariza ab'isi ko twabanye na Yesu kandi ko twamwigiyeho. Ubwo nibwo ubutumwa bwa marayika wa gatatu buzamamazwa mu ijwi rirenga, kandi isi yose izamurikirwa n'ubwiza bw'Uwiteka.”¹³

Irarika ritanzwe mu gihe gikwiriye

“Inshingano ziri imbere yacu izo umuntu akwiriye gusohozwa, tugomba kuzikora kandi ntitwirengagize kuzisohozwa, ngo ni uko zidahuje n'ibyifuzo byacu.



Tugomba gutoza umutima gushyiraho umwete, tukikorera imitwaro, kandi tugakora imirimo ahatuzengurutse hose, kandi tukagira imbaraga zo kwitsinda ubwacu no kunesha ibirushya. Aho kugirango tube ibiremwa bizima mu mimerere yacu, dushobora kuba abatware muri icyo mimerere yacu, kandi dushobora kunesha inzitizi."¹⁴

"Ubu turi ku rugamba. Nta gihe cyo kuruhuka, nta gihe cyo kwidagadurira, nta gihe cyo kwinezeza. Iyo umaze kugira icyo ugeraho, ukwiriye kongera kurwana urugamba; ukwiriye kunesha kandi ugakomeza kunesha, ugahuriza hamwe imbaraga kugirango uneshe urugamba. Buri nsinzi yose igezweho ituma umuntu arushaho kugira ubutwari, ukwizera, n'uburwanashyaka. Binyuze mu mbaraga z'Imana, uzagaragaza ko ushobora kunesha abanzi bawe."¹⁵

"Imana yifuzaga ko ubwoko Bwayo buyumvira kuko bari basobanukiye ko kumvira byari gutuma baba abagabo n'abagore bajijutse. Ababaga bafite ubushake bwo kumvira yabakuruzaga imirunga y'urukundo. Yifuzaga ko ubwoko Bwayo bujya mbere butsinda kandi bugakomeza kunesha. Ni ihirwe ryabo ko bahishurira mu mibereho yabo imico y'umuyobozi wabo. Ubugingo bw'abagabo n'abagore bufite agaciro katarondoreka mu maso y'Imana. Nk'uko benshi babivugaga, bidatwe n'uko bafite ukudapfa kwa kamere, ahubwo bitewe n'uko kubwo kwizera bashobora kuronka ukudapfa. Kristo ni we wenyine ufite ukudapfa. Kumwizera ni nk'imbutu y'ubugingo bushya ku muntu wihannye."¹⁶

"Abakozi b'Imana bagomba kugira ubunararibonye bwimbitse kurushaho. Niba bazayegurira byose, Imana izabakorera ibikomereye. Bazashinga ibendera ry'ukuri mu birindiro bya Satani, maze bageze igihe bazarangurira insinzi mu ijwi riranga. Bafite inkovu z'intambara, ariko bahabwa ubutumwa bw'ihumure buvuka ku Uwiteka azabayobora, bakanesha ndetse bagakomeza kunesha."¹⁷

"Uwiteka yifuza ko ibisonga Bye basohozwa inshingano zabo mu budahemuka mu izina Rye no mu mbaraga Ze. Binyuze mu kwizera ijamba Rye no gushyira mu bikorwa ibyo ryigisha, bashobora kujya mbere banesha kandi bakagumya kunesha."¹⁸

"Abana b'Umwami w'Ijuru barwanira imbere y'Imana nyir'ijuru n'isi, kandi ibi byakagombye gutuma twitegura intambara, bikatwerekeza ku kunesha kandi tugakomeza kunesha."¹⁹

"Urukundo rwa Kristo, urukundo rw'abavandimwe bacu, ruzahamariza ab'isi ko twabanye na Yesu kandi ko twamwigiye. Ubwo nibwo ubutumwa bwa marayika wa gatatu buzamamazwa mu ijwi riranga, kandi isi yose izamurikirwa n'ubwiza bw'Uwiteka."

Aho biboneka:

¹Uwifuzwa Ibihe Byose, p.123.

²Imigani ya Kristo, p.120.

³Ibiamya by'Itorero, vol.7, p.31.

⁴Urwibutso n'Integuza, kuwa 17 Nzeri, 1903.

⁵Inama ku Babyeyi, Abarimu, n'Abanyeshuri, p.353.

⁶Ibiamya by'Itorero, vol.8, pp.41,42.

⁷Ubusobanuro bwa Bibiliya [E. G. White Comments], vol.4, p.1146.

⁸Umwuka w'Ubuhanuzi, vol.4, pp.429,430.

⁹Ibiamya by'Itorero, vol.9, p.126.

¹⁰Imibereho Yanjye y'Uyu Muni, p.311.

¹¹Inyandiko z'Ibanze, p.271.

¹²Intambara Ikomeye, p.612.

¹³Ibiamya by'Itorero, vol.6, p.401.

¹⁴Manuscript Releases, vol.15, pp.240,241.

¹⁵Ibimenyetso by'Ibihe, kuwa 7 Nzeri, 1891.

¹⁶Urwibutso n'Integuza, kuwa 10 Nyakanga, 1900.

¹⁷Ibid., Kuwa 17 Nzeri, 1903.

¹⁸Manuscript Releases, vol.8, p.161.

¹⁹Ibimenyetso by'Ibihe, kuwa 4 Mata, 1895.

Uko Amateka Yakurikiranye ✨

ISIRAYELI YA KERA, ITORERO RYA
MBERE RYAHANZWE N'IMANA

c. 2000 M.K



Isezerano rya Aburahamu: Imana ihamagara Aburahamu, ishira ubwoko bwatoranyijwe, kugirango busigasire ukuri Kwayo.

c. 1446 M.K

Kuva muri Egipta n'Isezerano ryatangiye kuri Sinayi: Imana yarakoye Abisirayeli ibakura muri Egipta; maze ibaha amategeko icumi harimo n'irya Isabato (Kuva 20:8-11).

c. 1000 M.K

Ubwami bwa Isirayeli: Umwami Dawidi akurikirwa na Salomo, bashyizeho Isirayeli nk'ubwami bukomeye, bubaka urusengeru rwari ihuriro ryo gusengeramo Imana.

722 M.K & 586 M.K

Gutandukana: Abisirayeli n'Abayuda bajanyaho iminyago n'Abanyashuri kubera ubuhakanyi.

538 M.K

Gutahuka no Gusana Yerusalemu: Bayobowe na Ezira na Nehemiya, Abisirayeli bagarutse i Yerusalemu kugirango bongere kubaka urusengeru kandi basubizeho amategeko y'Imana.

ITORERO RYA MBERE
N'UKWIYONGERA K'UBUHAKANYI

Ikinyejana cya 1-4 N.K

N.K 70

N.K 31

c. 4 M.K

N.K 313

Konsitante n'uburyo Ubukristo bwemewe n'amategeko: Umwami w'abami w'Umuroma witwaga Konsitante yemeje ko Ubukristo bwemewe n'amategeko, ariko abwinjizamo imigenzo ya gipagani.

Itorero ry'intumwa n'uburyo ryatotejwe: Intumwa zakwirakwije Ubukristo, ariko uko akarengana kagendaga kiyongera, niko itorero ryatangiyeho gutashyira ku mahame ya Bibiliya.

Irimbuka rya Yerusalemu: Imikorere ya Kiyuda yarakwiyongereye, maze ubutumwa bwiza bukwirakwira mu banyamahanga.

Kubambwa na Pentekote: Urupfu rwa Kristo n'umuzuko We nibyo byatangije Isezerano Rishya, kandi itorero rya Gikristo ryahawe imbaraga kuri Pentekote.



Umurimo wa Yesu Kristo: Yesu yasohoye ubuhanuzi bwo mu Isezerano rya Kera, yigisha amategeko y'Imana, harimo n'irya Isabato, kandi ashiraho ukwizera kwa mbere kwa Gikristo.

N.K 321

Ikinyejana cya 4-5

1517

UBUGOROZI BW'ABAPROTESITANTANI NO GUSUBIZAZO UKURI

Itegeko ryo kuruhuka ku muni wa mbere [Kucyumweru]: Konsitante niwe washyizeho bwa mbere itegeko ryo kuruhuka ku muni wa mbere, akuraho iryazirizaga Isabato ivugwa na Bibiliya.

Ubutegetsi bw'ubupapa n'ubuhakanyi: Abakomeza Isabato ivugwa na Bibiliya baratotejwe bazira ukwizera kwabo.

Ubugorizi bwa Maritini Luteri: Ubuhakanyi bwa Luteri ku nyigisho za Kiliziya Gatolika, bushimangira agakiza kanzwako kwizera.

IKINYEJANA CYA 16 NA 17

Ubugorizi Bwarakomeje: Abandi bagorizi nka Kaluvini na Wesleyi, bongeye kugarura ukuri kuvugwa mu Byanditswe, ariko kubahiriza Isabato byo byarirengagijwe cyane.



ISHYIRWAHO RY'ABADIVENTISITI B'UMUNSI WA KARINDWI BAVUGURURA

1914 - 1918

Intambara ya Mbere y'isi n'akaga kagwiriyeho Abadiventisiti:

Mu gihe cy'intambara ya Mbere y'isi yose, bamwe mu bayobozi b'Abadiventisiti bo mu Burayi, bashyigikiye ibikorwa bya gisirikare, bituma babaho kwicamo ibice mu bizera banze gufata intwari ku Isabato.

1863

Ishyirwaho ry'Icyicaro cy'Itorero ry'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi: Itorero ry'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi ryashyizweho mu buryo bwemewe n'amategeko kugirango ryamamaze ubutumwa bw'abamarayika batatu [buvugwa mu Byahishuwe 14].

1844

Urubanza rugenzura no gusubizwaho kw'Isabato: Abatangije Abadiventisiti harimo Ellen G. White, Joseph Bates, na James White, bemeye Isabato y'umunsi wa Karindwi maze basobanukirwa umurimo Kristo ari gukorera mu buturo bwera bwo mu juru.

1831-1844

Itsinda ry'Abamileri: Wiliyamu Mileri abwiriza ko Kristo agiye kugaruka vuba. Ugucika intege gukomeye kwabaye mu mwaka wa 1844 kwatumye abantu bongera kwiga Bibiliya.



ITSINDA RY'ABATEGEREJE KUGARUKA KWA YESU N'IVUKA RY'ABADIVENTISITI B'UMUNSI WA KARINDWI

1925

Ishyirwaho ry'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi Bavugurura ku Mugaragaro: Abizera b'indahemuka niba bahanze itorero ry'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi Bavugurura; bahagarara bashikamye ku mahame ya Bibiliya yo kwirinda urugomo, kubahiriza Isabato, n'amahame y'ubuzima.

1929

Ishyirwaho ry'Inteko Nkuru Rusange y'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi Bavugurura: Itsinda ry'Abavugurura ryagarutse hirya no hino ku isi, ritegura umurimo wo kubwiriza ubutumwa bwiza ku isi yose.

MURI IKI GIHE



ITERAMBERE RYO MU BIHE BYA NONE

Ikinyejana cya 20

Gukura no Gutotezwa: Itorero ry'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi ryateye imbere nubwo ryahuye n'ibizazane mu gihe cy'ubutegetsi bw'Abakominisiti n'ubw'Abafisiti.

Ikinyejana cya 21

Ivugabutumwa riracyakomeje: Itsinda ry'Abavugurura rikomeje kwibanda ku gusigasira amahame y'umwimerere ya Kidiventisiti, rishimangira cyane ivugurura mu by'ubuzima, kwiyoreshya, n'ubuhungu buvuye iby'igihe cy'imperuka.





Wowe se ufite uwuhe Mwuka?

Byateguwe na Eliza H. Morton

Mwene data, ni uwuhe mwuka ufite?
Ni uwuhe mwuka ufite, ncuti yanjye?
Waba se ufite Umwuka wa Kristo, Umukiza wawe?
Umwuka yari yarasezeranye kuzohereza?

Umwuka utanga ihumure?
Umwuka uyobora abantu ku gusenga?
Umwuka utuma bashaka gusabana
Na Yesu ahantu hose?

Umwuka utuma umuntu yicisha bugufi?
Umwuka w'urukundo n'imbaraga?
Umwuka wita ku bandi buri kanya,
Buri muni, buri saha?

Muri iki gihe, umwuka w'ikibi
usendereye mu gihugu
ni uwuhe mwuka uri kukuyobora, ncuti
Kandi ukaba uri kuyobora ubwenge bwawe, n'ibyo
uvuga

Nibyo, Satani n'ingabo ze zose
bakorera mu mitima y'abantu bo mu isi
Kugirango babashyire kure y'ubwiza bw'Imana
Babarohe mu rwobo rw'umubabaro.

Ukwizera niko kuzana Umwuka
w'Imana mu bugingo bwawe n'ubwanjye
Nuko rero, byuka, kandi utegereze isezerano
Byuka, kandi umucyo wawe umurike